H. Amasezerano y'inyongera yo mu 1988 n'ayo mu 2005 ku masezerano mpuzamahanga yo mu 1988 yerekeye guhana ibikorwa binyuranyije n'amategeko bibangamira umutekano w'ingendo zo mu nyanja yemejwe burundu n'iteka rya Perezida n° 42/01 ryo ku wa 14/04/2002; I. Amasezerano mpuzamahanga yo mu 1997 yerekeye kurwanya no guhana abakora iterabwoba bakoresha ibisasu biturikana ingufu yemejwe burundu n'iteka rya Perezida n° 40/01 ryo ku wa 14/04/2002; J. n'Amasezerano mpuzamahanga yo mu 1999 yerekeye guhana gutera inkunga iterabwoba yemejwe burundu n'iteka rya Perezida n° 43/01 ryo ku wa 14/04/2002; (ii) ikindi gikorwa kigamije kwica cyangwa gukomeretsa bikomeye umuturage cyangwa undi muntu udafite uruhare mu mirwano mu gihe cy'intambara, iyo intego y'icyo gikorwa, uko giteye cyangwa	H. The 1988 Protocol and the 2005 Protocol to the 1988 Convention for the Suppression of Unlawful Acts Against the Safety of Maritime Navigation, ratified by Presidential Order n° 46/01 of 14/04/2002; I. The 1997 International Convention for the Suppression of Terrorist Bombings, ratified by Presidential Order n° 40/01 of 14/04/2002; and J. The 1999 International Convention for the Suppression of the Financing of Terrorism, ratified by Presidential Order n°43/01 of 14/04/2002; (ii) any other act intended to cause death or serious bodily injury to a civilian, or to any other person not taking an active part in the hostilities in a situation of armed conflict, when the purpose of such	H. Protocole de 1988 et Protocole de 2005 relatifs à la Convention de 1988 pour la répression d'actes illicites contre la sécurité de la navigation maritime, ratifiée par Arrêté présidentiel n°46/01 du 14/04/2002 ; I. Convention internationale de 1997 pour la répression des attentats terroristes à l'explosif, ratifiée par Arrêté présidentiel n° 40/01 du 14/04/2002 ; et J. Convention de 1999 pour la répression du financement du terrorisme, ratifiée par Arrêté présidentiel n° 43/01 of 14/04/2002; (ii) tout autre acte destiné à tuer ou blesser grièvement un civil ou une autre personne qui ne participe pas directement aux hostilités dans une situation de conflit armé, lorsque, par sa nature ou son
---	---	--

ibirimo, ari ugutera ubwoba rubanda, cyangwa guhatira Leta cyangwa umuryango mpuzamahanga gukora cyangwa kureka gukora igikorwa; (m)« igikorwa cy’ubucuruzi » harimo – (i) igura, igurisha, inguzanyo, ingwate, impano, kohereza, kugemura cyangwa ikindi gikorwa cyo kwikuraho cyangwa amasezerano bijyanye; (ii) gufungura konti; (iii)kubitsa, kubikuza, kuvunjisha cyangwa kohereza amafaranga, haba hakoreshwa amafaranga cyangwa sheki, inyandiko itegeka kwishyura cyangwa ikindi gikoresho cyangwa hakoreshwa uburyo bw’ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo budafatika; (iv)gukoresha umutamenwa cyangwa ubundi buryo bwo kubitsa butekanye; (v) gutangira imikoranire	act, by its nature or context, is to intimidate a population, or to compel a government or an international organisation to do or to abstain from doing any act; (m)“transaction” includes – (i) a purchase, sale, loan, pledge, gift, transfer, delivery or other disposition, or arrangement thereof; (ii) opening of an account; (iii)any deposit, withdrawal, exchange or transfer of funds, whether in currency or by cheque, payment order or other instrument or by electronic or other non-physical means; (iv)the use of a safety deposit box or any other form of safe deposit; (v) entering into any fiduciary	contexte, cet acte vise à intimider une population ou à contraindre un gouvernement ou une organisation internationale à accomplir ou à s’abstenir d’accomplir un acte quelconque ; (m)« opération » comprend – (i) l’achat, la vente, le prêt, le nantissement, le don, le transfert, la livraison ou autre disposition ou arrangement de ceux-ci ; (ii) l’ouverture d’un compte ; (iii)le dépôt, le retrait, l’échange ou le transfert de fonds, que ce soit en monnaie ou par chèque, ordre de paiement ou autre instrument ou par un moyen électronique ou autre moyen non physique ; (iv)l’utilisation d’un coffre-fort ou de toute autre forme de dispositif de stockage sécurisé ; (v) l’établissement de toute relation
--	---	---

y'ubwizerane; (vi)ubwishyu bukorwa cyangwa bwakirwa bujyana n'amasezerano cyangwa undi mwenda wemewe n'amategeko; (vii) ubwishyu bwose bukorwa bushingiye kuri tombola, ku gutega cyangwa ku wundi mukino w'amahirwe; (viii) gushyiraho cyangwa gushinga umuryango ufite ubuzima gatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano; (ix)igikorwa cy'ubucuruzi kigerageje gukorwa; (x) ikindi gikorwa cy'ubucuruzi cyashyirwaho n'amabwiriza y'Urwego; (n) « igikorwa cy'ubugizi bwa nabi giteguwe » harimo kimwe cyangwa byombi nk'ibyaha bikurikira bitandukanye n'ibyaha birimo kugerageza cyangwa kurangiza igikorwa cy'ubugizi bwa nabi:	relationship; (vi)a payment made or received in satisfaction of any contractual or other legal obligation; (vii) a payment made in respect of a lottery, bet or other game of chance; (viii) establishing or creating a legal person or legal arrangement; (ix)an attempted transaction; and (x) any other transaction as may be prescribed by a regulation of the Centre; (n) “organised criminal activity” includes either or both of the following as criminal offences distinct from those involving the attempt or completion of the criminal activity:	fiduciaire ; (vi)le paiement effectué ou reçu en exécution d'une obligation contractuelle ou autre obligation légale ; (vii) le paiement effectué dans le cadre d'une loterie, d'un pari ou d'un autre jeu de hasard ; (viii) l'établissement ou la création d'une personne morale ou d'une construction juridique ; (ix)une tentative d'opération ; et (x) autre opération pouvant être prescrite par un règlement du Centre ; (n) « activité criminelle organisée » comprend l'un ou l'autre des actes suivants ou les deux en tant qu'infractions pénales distinctes de celles impliquant une tentative d'activité criminelle ou sa consommation :
--	--	---

(i) kwemeranya n'umuntu umwe cyangwa benshi gukora icyaha hagamijwe kugera ku buryo butaziguye cyangwa buziguye ku nyungu z'amafaranga cyangwa izindi nyungu zifatika, cyangwa bikaba birimo igikorwa cyakozwe n'umwe mu bagize uruhare mu gukomeza amasezerano cyangwa harimo umutwe w'abagizi ba nabi; (ii) imyitwarire y'umuntu, uzi umugambi cyangwa igikorwa cy'ubugizi bwa nabi by'umutwe w'ubugizi bwa nabi cyangwa umugambi wo gukora ibyo byaha, akaba afite uruhare rukomeye mu – A. bikorwa by'ubugizi bwa nabi by'umutwe w'abagizi ba nabi; B. cyangwa ibindi bikorwa by'umutwe w'abagizi ba nabi, azi ko uruhare rwe ruzafasha kugera ku mugambi w'ubugizi bwa nabi;	(i) agreeing with one or more persons to commit a crime for a purpose relating directly or indirectly to the obtaining of a financial or other material benefit and, involving an act undertaken by one of the participants in furtherance of the agreement or involving an organised criminal group; (ii) conduct by a person who, with knowledge of either the aim and criminal activity of an organised criminal group or its intention to commit the crimes in question, takes an active part in – A. criminal activities of the organised criminal group; and B. other activities of the organized criminal group in the knowledge that his or her participation will contribute to the achievement of the criminal aim;	(i) s'entendre avec une ou plusieurs personnes en vue de commettre une infraction à une fin liée directement ou indirectement à l'obtention d'un avantage financier ou autre avantage matériel et impliquant un acte commis par l'un des participants en vertu de cette entente ou impliquant un groupe criminel organisé ; (ii) le comportement d'une personne qui, ayant connaissance soit du but et de l'activité criminelle d'un groupe criminel organisé, soit de son intention de commettre les crimes en question, participe activement aux– A. activités criminelles du groupe criminel organisé ; et B. autres activités du groupe criminel organisé lorsque cette personne sait que sa participation contribuera à la réalisation du but criminel ;
---	---	---

(o) « ikazino » bivuga ahantu hakinirwa imikino y'amahirwe inyuranye harimo iyo ku meza, iy'imashini y'ibiceri, ikoresha murandasi, ikorera mu bwato n'ikindi gikoreshe gishobora gukenere ubumenyi bwihariye muri iyo mikino; (p) « ikigo cy'imari » hakubiyemo igikorwa cy'umuntu ukora mu rwego rw'ubucuruzi abikoreye umukiriya cyangwa mu izina ry'umukiriya kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa cyangwa imirimo bikurikira: (i) kwakira amafaranga y'abantu abitswa n'asubizwa harimo na serivisi z'imari zihariye zigenewe abakiriya ba banki; (ii) kuguriza harimo inguzanyo y'ingoboka, inguzanyo itangwa hatanzwe ingwate, inguzanyo yo kwishyuza inyemezabuguzi ishobora cyangwa idashobora kujuririrwa no gutanga inguzanyo ikoreshe mu bikorwa by'ubucuruzi; (iii) ikodeshagurisha hatarimo amasezerano y'ikodeshagurisha	(o) “casino” means a place where various gambling games are played, including table games, slot machines, internet- and ship-based casinos and other devices which may require special knowledge; (p) “financial institution” includes an activity of a person who conducts as a business one or more of the following activities or operations for or on behalf of a customer: (i) acceptance of deposits and other repayable funds from the public, including specific financial services for bank customers; (ii) lending, including consumer credit, mortgage credit, factoring with or without recourse, and finance of commercial transactions; (iii) financial leasing, excluding financial leasing arrangement in	(o) « casino » signifie un lieu où l'on joue à divers jeux de hasard, y compris des jeux de table, des machines à sous, des casinos en ligne et des casinos flottants ainsi que d'autres dispositifs qui peuvent nécessiter des connaissances particulières ; (p) « institution financière » comprend une activité d'une personne qui exerce à titre commercial une ou plusieurs des activités ou opérations suivantes au nom ou pour le compte d'un client : (i) acceptation de dépôts et d'autres fonds remboursables du public, y compris des services financiers spécifiques pour les clients des banques ; (ii) prêts, y compris le crédit à la consommation, le crédit hypothécaire, l'affacturage avec ou sans recours et le financement de transactions commerciales ; (iii) crédit-bail financier, à l'exclusion des contrats de crédit-bail
--	--	--

ku bicuruzwa bikoreshwa n'abaguzi; (iv)serivisi zo kohereza amafaranga cyangwa ibicuruzwa ariko zitareba umuntu uha ibigo by'imari ubutumwa gusa cyangwa ubundi buryo bwifashishwa mu kohererezanya amafaranga; (v) gutanga no gucunga uburyo bukoreshwa mu kwishyura; (vi)gutanga ingwate n'imyenda; (vii) gukora ubucuruzi bujyanye n'inyandiko zikoreshwa ku isoko ry'amafaranga, ivunjisha, inyandiko z'ivunjisha, inyandiko zifite agaciro gashingiye ku ihindagurika ry'igipimo cy'inyungu, inyandiko z'agaciro zishingirwaho mu kugena agaciro k'izindi, impapuro z'agaciro ziherekanywa n'amasezerano ku bicuruzwa ageze igihe cyo kwishyura; (viii) kugira uruhare mu gushyira ku isoko impapuro z'agaciro no	relation to consumer product; (iv)money or value transfer services but does not apply to any person that provides financial institutions solely with message or other support systems for transmitting funds; (v) issuing and managing means of payment; (vi)financial guarantees and commitments; (vii) trading in money market instruments; foreign exchange; exchange, interest rate and index instruments; transferable securities; commodity futures trading; (viii) participation in securities issues and the provision of	financier se rapportant à des produits de consommation ; (iv) services de transfert d'argent ou de valeurs, mais ne s'appliquent pas à toute personne qui fournit exclusivement aux institutions financières un message ou autres systèmes de support à des fins de transmission de fonds ; (v) émission et gestion de moyens de paiement ; (vi)octroi de garanties et souscriptions d'engagements ; (vii) négociation sur les instruments du marché monétaire ; marché des changes ; instruments sur devises, taux d'intérêt et indices ; valeurs mobilières ; marchés à terme de marchandises ; (viii) participation à des émissions de valeurs mobilières et prestation
--	---	--

gutanga serivisi z'imari zijyanye n'ubwo bucuruzi;	financial services related to such issues;	de services financiers connexes ;
(ix)gucunga umutungo w'umuntu ku giti cye cyangwa uhuriweho na benshi;	(ix)individual and collective portfolio management;	(ix)gestion individuelle et collective de patrimoine ;
(x) kubika neza no gucunga amafaranga cyangwa impapuro z'agaciro zifite ubwizigame bwihuse mu izina ry'abandi bantu;	(x) safekeeping and administration of cash or liquid securities on behalf of other persons;	(x) conservation et administration de valeurs mobilières, en espèces ou liquides, pour le compte d'autrui ;
(xi)ibindi bikorwa by'ishoramari, byo gukoresha cyangwa gucunga ibindi bigega cyangwa amafaranga mu izina ry'undi muntu;	(xi)otherwise investing, administering, or managing other funds or money on behalf of other persons;	(xi)autres opérations d'investissement, d'administration ou de gestion de fonds ou d'argent pour le compte d'autrui ;
(xii) kwishingira no gushyira amafaranga mu bwishingizi bw'igihe kirekire n'ubundi bwishingizi bushingiye ku ishoramari bikorwa n'ibigo by'ubwishingizi kimwe n'intumwa zabyo ndetse n'abahuza;	(xii) underwriting and placement of long-term insurance and other investment-related insurance by insurance undertakings as well as their agents and brokers;	(xii) souscription et placement d'assurances à long terme et d'autres produits d'investissement liés à une assurance par des entreprises d'assurance ainsi que par leurs agents et courtiers ;
(xiii) ivunjiisha ry'amafaranga;	(xiii) money and currency changing;	(xiii) change manuel ;
(xiv) ikindi gikorwa cyagenwa n'Urwego;	(xiv) any other activity that the Centre may determine;	(xiv) autre activité que le Centre peut déterminer ;

(q) « imikoranire y’ubucuruzi » bivuga umubano usanzwe hagati y’umukiriya n’ushinzwe gutanga amakuru mu bijyanye na serivisi umukiriya ahabwa n’ushinzwe gutanga amakuru; (r) « Inama Mpuzabikorwa » bivuga Inama y’Igihugu ishinze gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry’intwari za kirimbuzi; (s) « indonke zikomoka ku cyaha » bivuga amafaranga cyangwa undi mutungo bikomoka cyangwa biboneka, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, binyuze mu ikorwa ry’icyaha harimo n’inyungu zo mu rwego rw’ubukungu, byahinduwemo andi mafaranga cyangwa undi mutungo, byaba byose cyangwa igice cyabyo; (t) « inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite » bivuga inyandiko zifite agaciro k’amafaranga zanditse k’uzifite nka sheki, sheki zikoreshwa mu ngendo	(q) “business relationship” means a regular relationship between a customer and a reporting person in connection with a service that the customer receives from the reporting person; (r) “Coordination Council” refers to the national council responsible for preventing and punishing money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; (s) “proceeds of crime” means funds or other assets derived from or obtained, directly or indirectly, through the commission of an offence, including economic gains converted or transformed in whole or in part, into other funds or other assets; (t) “bearer negotiable instruments” means monetary instruments in bearer form such as cheques, traveller’s cheques, promissory notes and money orders that are either in bearer form,	(q) « relation d’affaires » signifie une relation régulière entre un client et une personne déclarante dans le cadre d’un service que le client reçoit de la personne déclarante ; (r) « Conseil de coordination » désigne le conseil national chargé de la prévention et de la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive ; (s) « produit du crime » signifie des fonds ou autres biens provenant directement ou indirectement de la commission d’une infraction ou obtenus directement ou indirectement en la commettant, y compris les gains économiques convertis ou transformés, en tout ou en partie, en d’autres fonds ou autres biens ; (t) « instruments négociables au porteur » signifie des instruments monétaires au porteur tels que les chèques, les chèques de voyage, les instruments négociables notamment
---	--	--

mu mahanga, inyandiko nsezeranyabwishyu, inyandiko zitegeka kwishyura izanditse k'uzifite cyangwa zanditseho undi muntu inyuma ufite uburenganzira busesuye, izakozwe nta nyirazo uzwi cyangwa izikozwe mu buryo zahita ziherekanywa, inyandiko mvunjwafaranga, inyandiko zitegeka kwishyura zitujuje ziriho umukono ariko izina ry'uwo zigenewe ritaravuzwe; (u) « itsinda ry'ibigo by'imari » bivuga itsinda rigizwe na sosiyete y'ubucuruzi ibindi bigo bikomokaho cyangwa n'ubundi bwoko bw'ikigo gifite ubuzima gatozi kigenzura kandi kigahuza imirimo y'ibigo bigize iryo tsinda mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ubugenzuzi bw'itsinda hakurikijwe amahame rusange agenga itsinda, hamwe n'amashami cyangwa ibigo birishamikiyeho bigengwa na politiki n'uburyo bukurikizwa mu kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kimbuzi ku rwego rw'itsinda; (v) « iyezandonke » hakubiyemo	endorsed without restriction, made out to a fictitious payee, or otherwise in such form that title thereto passes upon delivery, incomplete negotiable instruments and money orders signed but with the payee's name omitted; (u) “financial group” means a group that consists of a parent company or of any other type of legal person exercising control and coordinating functions over the rest of the group for the application of group supervision under the core principles, together with branches or subsidiaries that are subject to anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction policies and procedures at the group level; (v) “money laundering” includes the	les chèques, billets à ordre et mandats, qui sont soit au porteur, soit endossables sans restriction, soit établis à l'ordre d'un bénéficiaire fictif, ou qui se présentent sous toute autre forme permettant le transfert sur simple remise, les instruments négociables incomplets et les mandats signés, mais sur lesquels le nom du bénéficiaire a été omis ; (u) « groupe financier » signifie un groupe constitué d'une société commerciale mère ou de tout autre type de personne morale exerçant un contrôle et des fonctions de coordination sur le reste du groupe aux fins du contrôle de groupe visé dans les principes fondamentaux, ainsi que des succursales ou des filiales soumises aux politiques et procédures de lutte contre le blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive au niveau du groupe ; (v) « blanchiment de capitaux »
---	---	--

ikorwa rya kimwe mu bikorwa bikurikira, cyaba gikozwe n'umuntu ukoze icyaha cy'ibanze cyangwa undi muntu, agikoreye ku butaka bw'u Rwanda cyangwa ubw'ikindi gihugu: (i) guhindura, kohereza cyangwa gufata amafaranga cyangwa undi mutungo, nyir'ukubikora azi cyangwa ashobora kumenya ko uwo mutungo cyangwa amafaranga ari indonke zikomoka ku cyaha cyangwa ku gikorwa cyo kugira uruhare mu ikorwa ryacyo; (ii) guhisha, kuyoberanya imiterere nyayo, inkomoko, ahabarizwa amafaranga cyangwa undi mutungo, kubyimura, kubyikuraho, kubitanga, kuyoberanya nyir'umutungo nyawe cyangwa ubifiteho uburenganzira, nyir'ukubikora azi cyangwa ashobora kumenya ko ayo mafaranga cyangwa undi mutungo ari indonke zikomoka ku cyaha cyangwa ku kugira uruhare mu ikorwa ry'icyo cyaha;	commission of any of the following acts either by a person who commits a predicate offence or by a third party, carried out in Rwanda or on another country's territory: (i) the conversion, transfer or handling of funds or other assets, knowing or having reasonable grounds to know that such funds or assets are the proceeds of crime or derived from an act of participation in such crime; (ii) the concealment, disguise of the true nature, origin, location, movement, disposition, donation, disguise of the beneficial owner of or rights with respect to the funds and other assets, knowing or having reasonable grounds to know that such funds or assets are the proceeds of crime or derived from an act of participation in such crime;	comprend la commission de l'un des actes suivants, soit par une personne qui commet une infraction sous-jacente, soit par un tiers, commis au Rwanda ou sur le territoire d'un autre pays : (i) conversion, transfert ou traitement de fonds ou autres biens, sachant ou ayant des motifs raisonnables de savoir qu'ils sont le produit du crime ou proviennent d'une participation à un tel crime ; (ii) dissimulation, déguisement de la nature, de l'origine, de l'emplacement, du mouvement, de la disposition, de la donation ou dissimulation du bénéficiaire effectif de fonds et autres biens ou des droits y afférents, sachant ou ayant des motifs raisonnables de savoir qu'ils sont le produit du crime ou proviennent d'une participation à un tel crime ;
---	--	--

(iii) kwegukana, gutunga cyangwa gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo azi cyangwa ashobora kumenya, mu gihe cyo kubyakira, ko bituruka ku ndonke zikomoka ku cyaha cyangwa bituruka ku kugira uruhare mu ikorwa ryacyo; (iv) kugira uruhare, kwishyira hamwe cyangwa gucura umugambi wo gukora icyaha, kugerageza gukora icyaha, gufasha, gushishikariza, gushyigikira, korohereza cyangwa gutanga inama mu gukora igikorwa icyo ari cyo cyose mu bivugwa mu gace ka (i), (ii) na (iii) by'aka gaka; (v) guhisha cyangwa kuyoberanya inkomoko y'umutungo itemewe n'amategeko cyangwa gufasha umuntu wakoze icyaha cy'ibanze kugira ngo ahunge ingaruka zo mu rwego rw'amategeko ku bikorwa bye; (w) « Minisitiri » bivuga Minisitiri ufite imari mu nshingano;	(iii) the acquisition, possession or use of funds or other assets, knowing or having reasonable grounds to know, at the time of receipt, that such funds or assets were the proceeds of crime or derived from an act of participation in such crime; (iv) participation in, association or conspiracy to commit, attempt to commit, aiding, inciting, abetting, facilitating or counselling the commission of any of the acts provided for under Sub-subparagraphs (i), (ii) and (iii) of this Subparagraph; (v) concealing or disguising the illicit origin of the property or assisting a person who is involved in the commission of the predicate offence to evade the legal consequences of his or her action; (w) « Minister » means the Minister in charge of finance;	(iii) acquisition, possession ou utilisation de fonds ou autres biens dont celui qui s'y livre sait ou a des motifs raisonnables de savoir, au moment de la réception, qu'ils sont le produit du crime ou proviennent d'une participation à un tel crime ; (iv) participation à l'un des actes visés aux sous-alinéas (i), (ii) et (iii) du présent alinéa, fait de s'associer ou entente en vue de le commettre, de tenter de le commettre, d'aider, d'inciter, d'encourager en vue de sa commission, d'en faciliter ou conseiller la commission ; (v) dissimuler ou déguiser l'origine illicite de biens ou aider une personne impliquée dans la commission d'une infraction sous-jacente à échapper aux conséquences juridiques de ses actes ; (w) « Ministre » signifie le Ministre ayant les finances dans ses attributions ;
--	--	---

(x) « nyir’umutungo nyawe » bivuga umuntu ku giti cye ufite ku buryo nyakuri cyangwa ugenzura umukiriya cyangwa undi muntu wese igikorwa cy’ubucuruzi cyakorewe. Harimo kandi umuntu ku giti cye ufite uruhare runini ku mutungo w’umuryango ufite ubuzima gatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano; (y) « ubwumvikane bushingiye ku masezerano » bivuga ubwizerane bwashyizweho mu buryo bweruye n’ushyiraho ubwizerane hakoreshejwe inyandiko cyangwa ubundi bwumvikane bumeze nka bwo; (z) « umukiriya » harimo umuntu— (i) ukorerwa igikorwa cy’ubucuruzi cyangwa utegurirwa cyangwa ufungurirwa konti; (ii) ufite ububasha bwo gushyira umukono ku gikorwa cy’ubucuruzi runaka cyangwa kuri konti;	(x) “beneficial owner” means a natural person who ultimately owns or controls a customer or the natural person on whose behalf a transaction is being conducted. It also includes a natural person who exercises ultimate effective control over a legal person or arrangement; (y) “legal arrangement” means an express trust clearly created by the settlor in the form of a written deed or other similar legal arrangements; (z) “customer” includes — (i) a person for whom a transaction or account is arranged, opened or undertaken; (ii) a signatory to a transaction or account;	(x) « bénéficiaire effectif » signifie une personne physique qui, en dernier lieu, possède ou contrôle un client ou la personne physique pour le compte de laquelle une opération est effectuée. Elle comprend également une personne qui exerce en dernier lieu un contrôle effectif sur une personne morale ou une construction juridique ; (y) « construction juridique » signifie une fiducie explicite clairement créée par le constituant sous la forme d’un acte écrit ou autres constructions juridiques similaires ; (z) « client » comprend — (i) une personne pour laquelle une opération ou un compte sont organisés, ouverts ou réalisés ; (ii) un signataire d’une opération ou d’un compte ;
--	--	---

(iii) wahererejweho cyangwa wahawe konti, uburenganzira cyangwa inshingano ku gikorwa cy'ubucuruzi runaka; (iv) wemerewe kugira igikorwa cy'ubucuruzi akorera kuri konti cyangwa kuyigenzura; (v) ugerageza gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gace ka (i), (ii), (iii) n'aka (iv) tw'aka gaka; (vi) ufitanye imikoranire y'ubucuruzi cyangwa ukorana igikorwa cy'ubucuruzi kidahoraho n'ushinzwe gutanga amakuru; (aa) « umuntu » bivuga umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi; (bb) « umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki » hakubiyemo umuntu ushinze cyangwa wigeze gushingwa imirimo ikomeye ya Leta n'u Rwanda cyangwa n'ikindi gihugu cyangwa n'umuryango mpuzamahanga, abagize umuryango	(iii) a person to whom an account or rights or obligations under a transaction have been assigned or transferred; (iv) a person who is authorised to conduct a transaction or control an account; (v) any person who attempts to take any of the actions provided for under Sub-subparagraphs (i), (ii), (iii) and (iv) of this Subparagraph; or (vi) a person who has business relations or conduct occasional transaction with a reporting person; (aa) “person” means a natural person or legal person; (bb) “politically exposed person” includes an individual who is or has been entrusted with prominent public functions by the Republic of Rwanda, by a foreign country or by an international organisation, including his or her family members and close	(iii) une personne à qui un compte ou des droits ou obligations dans le cadre d'une opération ont été cédés ou transférés ; (iv) une personne qui est autorisée à effectuer une opération ou à contrôler un compte ; (v) une personne qui tente de prendre l'une des mesures visées aux sous-alinéas (i), (ii), (iii) et (iv) du présent alinéa ; ou (vi) une personne qui entretient des relations d'affaires ou effectue une opération occasionnelle avec une personne déclarante ; (aa) « personne » signifie une personne physique ou une personne morale ; (bb) « personne politiquement exposée » signifie une personne qui détient ou s'est vue confier des fonctions publiques importantes par la République du Rwanda, par un pays étranger ou par une organisation internationale, y
---	---	--

we n’abo basangiye inyungu; (cc) « umuntu washyizwe ku rutonde » hakubiyemo umuntu cyangwa itsinda bashyizwe ku rutonde rw’abaterabwoba, abaritera inkunga n’abatera inkunga ikwirakwiza ry’intwari za kirimbuzi hakurikijwe amategeko y’imbere mu gihugu cyangwa imyanzuro y’Akanama k’Umuryango w’Abibumbye gashinzwe umutekano yemejwe hashingiwe ku mutwe wa VII w’amasezerano agenga Umuryango w’Abibumbye; (dd) «umuryango udaharanira inyungu » bivuga umuryango ufite ubuzima gatozi ubwumvikane bushingiye ku masezerano cyangwa undi muryango bikusanya cyangwa bitanga amafaranga ku mpamvu z’ubugiraneza, iyobokamana, guteza imbere umuco, guteza imbere uburezi, guteza imbere imibereho myiza cyangwa iz’inyungu zihuriweho cyangwa mu rwego rwo gushyigikira ibindi bikorwa byiza; (ee) « umuryango ufite	associates; (cc) “designated person” includes a person or a group, that is placed on the list of terrorists and terrorism financiers pursuant to relevant domestic legislation or the United Nations Security Council Resolutions adopted under Chapter VII of the United Nations Charter; (dd) “non-profit organisation” means a legal person or legal arrangement or organization that primarily engages in raising or disbursing funds for purposes such as charitable, religious, cultural, educational, social or fraternal purposes, or for the carrying out of other types of good works; (ee) “legal person” means an entity	compris ses membres de famille et les personnes qui lui sont étroitement associées ; (cc) « personne désignée » comprend une personne ou un groupe qui sont mis sur la liste de terroristes et de financiers du terrorisme conformément à la législation interne ou aux résolutions du Conseil de sécurité des Nations unies adoptées en vertu du Chapitre VII de la Charte des Nations unies ; (dd) « organisme à but non lucratif » signifie une personne morale ou construction juridique ou organisme qui a pour activité principale la collecte ou la distribution de fonds pour des motifs caritatifs, religieux, culturels, éducatifs, sociaux ou confraternels ou pour d’autres types de bonnes œuvres ; (ee) « personne morale » signifie
--	---	---

ubuzima gatozi » bivuga ikigo gifite ubuzima gatozi harimo isosiyete y'ubucuruzi, koperative, ikigo, umuryango nyarwanda utari uwa Leta, umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta, umuryango ushingiyeye ku myemerere, fondasiyo, ubufatanye mu bucuruzi n'ibindi bimeze kimwe;	with legal personality including a company, cooperative, institution, national non-governmental organisation, international non-governmental organisation and faith-based organisation, foundation, partnership and other similar entities;	une entité dotée de la personnalité juridique, y compris une société commerciale, une coopérative, une institution, une organisation non gouvernementale nationale, une organisation non gouvernementale internationale et une organisation confessionnelle, une fondation, une société de personnes et autres entités similaires ;
(ff) « umuterabwoba » bivuga umuntu ku giti cye –	(ff) “terrorist” means a natural person who –	(ff) « terroriste » signifie une personne physique qui –
(i) ukora cyangwa ugerageza gukora igikorwa cy'iterabwoba mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, bunyuranyije n'amategeko kandi abigambiriye;	(i) commits, or attempts to commit, a terrorist act by any means, directly or indirectly, unlawfully and wilfully;	(i) commet ou tente de commettre un acte terroriste par tout moyen, directement ou indirectement, illégalement et délibérément ;
(ii) ugira uruhare nk'icyitso mu gikorwa cy'iterabwoba;	(ii) participates as an accomplice in a terrorist act;	(ii) participe, en tant que complice, à un acte terroriste;
(iii) utegura cyangwa uyobora abandi gukora igikorwa cy'iterabwoba;	(iii) organises or directs others to commit a terrorist act; or	(iii) organise la commission d'un acte terroriste ou donne instruction à d'autres de commettre ce dernier ; ou
(iv) cyangwa ufatanya n'itsinda	(iv) contributes to the commission of a	(iv) contribue à la commission

ry'abantu bafite umugambi umwe wo gukora igikorwa cy'iterabwoba, aho uruhare rw'uwo muntu rwabaye ku bushake, rugamije gukomeza igikorwa cy'iterabwoba cyangwa azi umugambi w'iryo tsinda wo gukora igikorwa cy'iterabwoba;	terrorist act by a group of persons acting with a common purpose where the contribution is made intentionally and with the aim of furthering the terrorist act or with the knowledge of the intention of the group to commit a terrorist act;	d'un acte terroriste par un groupe de personnes agissant dans un but commun, lorsque ladite contribution est intentionnelle et vise à favoriser la commission de l'acte terroriste ou en ayant connaissance de l'intention du groupe de commettre un acte terroriste ;
(gg) « umutungo koranabuhanga » bivuga ikimenyetso koranabuhanga kigaragaza agaciro gashobora gucuruzwa cyangwa guhererekanywa hakoreshejwe ikoranabuhanga kandi gishobora gukoreshwa mu kwishyurana cyangwa gukora ishoramari hatarimo ibimenyetso koranabuhanga by'amafaranga asanzwe, impapuro z'agaciro n'indi mitungo yo mu rwego rw'imari;	(gg) “virtual assets” means a digital representation of value that can be digitally traded, or transferred, and can be used for payment or investment purposes but do not include digital representations of fiat currencies, securities and other financial assets;	(gg) « actifs virtuels » signifie une représentation numérique d'une valeur qui peut être échangée de manière numérique ou transférée et qui peut être utilisée à des fins de paiement ou d'investissement mais qui n'inclut pas les représentations numériques des monnaies fiduciaires, des titres et autres actifs financiers ;
(hh) «umutwe w'iterabwoba» bivuga itsinda ry'abaterabwoba – (i) rikora cyangwa rigerageza gukora igikorwa cy'iterabwoba mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu buryo butaziguye cyangwa	(hh) “terrorist organisation” means a group of terrorists that – (i) commits, or attempts to commit, a terrorist act by any means, directly or indirectly, unlawfully and wilfully;	(hh) « organisation terroriste » signifie un groupe de terroristes qui – (i) commet ou tente de commettre un acte terroriste par tout moyen, directement ou indirectement, illégalement et

buziguye, bunyuranyije n'amategeko kandi ribigambiriye; (ii) rigira uruhare nk'icyitso mu gikorwa cy'iterabwoba; (iii)ritegura cyangwa riyobora abandi gukora igikorwa cy'iterabwoba; (iv)cyangwa rifatanya n'itsinda ry'abantu bafite umugambi umwe wo gukora igikorwa cy'iterabwoba, aho uruhare rw'iryo tsinda rwabaye ku bushake, rugamije gukomeza igikorwa cy'iterabwoba cyangwa rizi umugambi w'iryo tsinda wo gukora igikorwa cy'iterabwoba; (ii) « umutwe w'abagizi ba nabi » bivuga itsinda ry'abantu, ribayeho mu gihe runaka kandi rikora rihuje umugambi hagamijwe gukora icyaha kimwe cyangwa byinshi biteganywa n'iri tegeko kugira ngo bagere, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, ku nyungu z'amafaranga cyangwa	(ii) participates as an accomplice in a terrorist act; (iii)organises or directs others to commit a terrorist act; or (iv)contributes to the commission of a terrorist act by a group of persons acting with a common purpose where the contribution is made intentionally and with the aim of furthering the terrorist act or with the knowledge of the intention of the group to commit a terrorist act; (ii) “organised criminal group” means a structured group of persons, existing for a period of time and acting in concert with the aim of committing one or more crimes provided for under this Law, in order to obtain, directly or indirectly, a financial or other material benefit;	délibérément ; (ii) participe en tant que complice à un acte terroriste ; (iii)organise la commission d'un acte terroriste ou donne instruction à d'autres de commettre ce dernier ; ou (iv)contribue à la commission d'un acte terroriste par un groupe de personnes agissant dans un but commun, lorsque ladite contribution est intentionnelle et vise à favoriser la commission de l'acte terroriste ou en ayant connaissance de l'intention du groupe de commettre un acte terroriste ; (ii) « groupe criminel organisé » signifie un groupe structuré de personnes existant depuis un certain temps et agissant de concert dans le but de commettre une ou plusieurs infractions prévues par la présente loi, pour en tirer, directement ou
---	--	---

izindi nyungu zifatika; (jj) « Urwego » bivuga Urwego rushinzwe ubutasi ku mari. (kk) « Urwego rubifitiye ububasha » hakubiyemo inzego za Leta zifite mu nshingano kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuji, harimo – (i) Urwego; (ii) inzego zifite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana ibyaha by'iyezandonke, ibyaha by'ibanze bijyanye na byo, ibyaha byo gutera inkunga iterabwoba n'ibyo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuji zikaba kandi zishinzwe gufatira, guhagarika, no kunyaga indonke zikomoka ku cyaha cyangwa ibyakoreshejwe icyaha;	(jj) “ Centre” refers to the Financial Intelligence Centre ; (kk) “competent authority” includes all public authorities whose responsibilities include combating money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, including – (i) the Centre; (ii) authorities whose responsibilities include investigating or prosecuting money laundering, associated predicate offences, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction and seizing, freezing, and confiscating proceeds of crime or instrumentalities;	indirectement, un avantage financier ou un autre avantage matériel ; (jj) « Centre » désigne le Centre de renseignement financier ; (kk) « autorité compétente » comprend toutes les autorités publiques ayant dans leurs attributions la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, y compris – (i) le Centre ; (ii) les autorités ayant dans leurs attributions l'enquête ou la poursuite du blanchiment de capitaux, des infractions sous-jacentes associées, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive et la saisie, le gel et la confiscation du produit du crime ou des instruments ;
---	---	---

(iii) inzego zakira amakuru ku mafaranga yambukanwa imipaka n'inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite; (iv) n'inzego zifite mu nshingano kugenzura cyangwa gukurikirana ibikorwa byo kurwanya icyaha cy'iyezandonke, icyo gutera inkunga iterabwoba n'icyo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kimbuzi; (ll) «urwego rugenzura » bivuga urwego rushyiraho amabwiriza, rugenzura, rusuzuma, kandi rukurikirana imikorere y'abashinzwe gutanga amakuru; (mm) «utanga serivisi mu bwizerane no muri sosiyete y'ubucuruzi » bivuga umuntu, ukora nk'umucuruzi, utanga ku bandi bantu zimwe muri serivisi zikurikira: (i) gukora nk'umuhuza mu gushinga umuryango ufite ubuzima gatozi;	(iii) authorities receiving reports on cross-border transportation of currency and bearer negotiable instruments; and (iv) authorities whose responsibilities include supervisory or monitoring responsibilities over anti-money laundering, combatting terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; (ll) “supervisory authority” refers to the authority which regulates, supervises, controls and monitors the functioning of reporting persons; (mm) “trust and company service provider” means a person who, as a business, provides to third parties any of the following services: (i) acting as a formation agent of a legal person;	(iii) les autorités recevant les déclarations relatives au transport transfrontalier de devises et d'instruments négociables au porteur ; et (iv) les autorités ayant dans leurs attributions le contrôle ou le suivi en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ; (ll) «autorité de contrôle » désigne l'autorité qui réglemente, supervise, contrôle les personnes déclarantes et fait le suivi de leur fonctionnement ; (mm) «prestataire de services à la fiducie et à la société commerciale » signifie une personne qui, à titre commercial, fournit à des tiers l'un des services suivants : (i) agir en qualité d'agent pour la constitution d'une personne morale ;
---	--	---

(ii) gukora cyangwa gutegurira undi muntu gukora nk'umuyobozi cyangwa umwanditsi w'isohiyete y'ubucuruzi, umufatanyabikorwa mu bufatanye mu bucuruzi, cyangwa undi murimo ujya gusa n'uwo mu yindi miryango ifite ubuzima gatozi; (iii) gutanga icyicaro, aderesi y'ubucuruzi cyangwa aho gutura, aderesi yo koherezaho amakuru cyangwa aderesi y'ubuyobozi bw'isohiyete y'ubucuruzi, ubufatanye mu bucuruzi, cyangwa undi murungo ufite ubuzima gatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano; (iv) gukora cyangwa gutegurira undi muntu gukora nk'ucunga iby'abandi w'umwuga mu bwizerane cyangwa gukora umurimo umeze nk'uwo mu bundi bwumvikane bushingiye ku masezerano; (v) gukora cyangwa gutegurira undi	(ii) acting as, or arranging for another person to act as a director or company secretary, a partner of a partnership, or a similar position in relation to other legal persons; (iii) providing a registered office, business address or accommodation, correspondence or administrative address for a company, a partnership or any other legal person or arrangement; (iv) acting as, or arranging for another person to act as, a trustee of an express trust or performing the equivalent function for another form of legal arrangement; (v) acting as, or arranging for another	(ii) agir, ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité de dirigeant ou de secrétaire d'une société commerciale, d'associé d'une société de personnes ou de titulaire d'une fonction similaire pour d'autres types de personnes morales ; (iii) fournir un siège social, une adresse commerciale ou des locaux, une adresse administrative ou postale à une société commerciale, une société de personnes ou autre personne morale ou construction juridique ; (iv) agir, ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse, en qualité de fiduciaire d'une fiducie expresse ou exercer une fonction équivalente pour une autre forme de construction juridique ; (v) agir, ou prendre des
--	--	--

muntu guhagararira undi nk'umunyamigabane; (nn) « utanga serivisi zishingiye ku mutungo koranabuhanga » bivuga umuntu ubikora nk'ubucuruzi, ukora kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa bikurikira ku nyungu z'undi muntu: (i) ivunjisha hagati y'umutungo koranabuhanga n'amafaranga asanzwe; (ii) ivunjisha hagati y'ubwoko bumwe cyangwa bwinshi bw'umutungo koranabuhanga; (iii) kohereza umutungo koranabuhanga; (iv) kubika no gucunga umutungo koranabuhanga cyangwa ibikoreshe bifasha mu kugenzura umutungo koranabuhanga; (v) kugira uruhare muri serivisi z'imari no gutanga serivisi	person to act as, a nominee shareholder for another person; (nn) “virtual assets service provider” means a person who, as a business, conducts one or more of the following activities or operations for or on behalf of another person: (i) exchange between virtual assets and fiat currencies; (ii) exchange between one or more forms of virtual assets; (iii) transfer of virtual assets; (iv) safekeeping and administration of virtual assets or instruments enabling control over virtual assets; (v) participation in and provision of financial services related to an	mesures afin qu'une autre personne agisse, en qualité d'actionnaire agissant pour le compte d'une autre personne ; (nn) « prestataire de services d'actifs virtuels » signifie une personne qui exerce, à titre commercial, une ou plusieurs des activités ou opérations suivantes pour le compte ou au nom d'une autre personne : (i) échange entre actifs virtuels et monnaies fiduciaires ; (ii) échange entre une ou plusieurs formes d'actifs virtuels ; (iii) transfert d'actifs virtuels ; (iv) conservation et administration d'actifs virtuels ou d'instruments permettant le contrôle d'actifs virtuels ; (v) participation à des services financiers liés à l'offre d'un
---	--	---

z'imari zijyanye n'ugurisha n'ugura umutungo koranabuhanga. <u>Ingingo ya 3: Ibyiciro by'iyezandonke</u> Ibyiciro by'iyezandonke ni ibi bikurikira: (a) kwiyezeza indonke bigizwe no kweza indonke zikomoka ku cyaha cyakozwe n'uwo muntu wagize uruhare mu ikorwa ry'icyaha cy'ibanze; (b) iyezandonke rikozwe n'undi muntu yoza indonke zikomoka ku cyaha utaragize uruhare mu ikorwa ry'icyaha cy'ibanze. <u>Ingingo ya 4: Ibyemezo by'agateganyo ku mafaranga cyangwa undi mutungo bifitanye isano n'icyaha</u> (1) Urwego rubifitiye ububasha rugomba guhagarika cyangwa gufatira ako kanya amafaranga cyangwa undi mutungo iyo rufite impamvu zikomeye zo gukeka ko bifitanye isano n'icyaha.	issuer's offer and sale of a virtual asset. <u>Article 3: Forms of money laundering</u> The forms of money laundering are as follows: (a) self-laundering which consists of the laundering of proceeds of crime by a person who was involved in the commission of the predicate offence; (b) third-party money laundering which consists of the laundering of proceeds of crime by a person who was not involved in the commission of the predicate offence. <u>Article 4: Provisional measures on offence-related funds or other assets</u> (1) The competent authority must immediately freeze or seize funds or other assets when it has serious reasons to suspect that such funds or other assets are related to the offence.	émetteur et à la vente d'actifs virtuels et fourniture de ces services. <u>Article 3 : Formes de blanchiment de capitaux</u> Les formes de blanchiment de capitaux sont les suivantes : (a) l'auto-blanchiment qui consiste en un acte de blanchiment du produit du crime par une personne impliquée dans la commission de l'infraction sous-jacente ; (b) le blanchiment par un tiers qui consiste en un acte de blanchiment du produit du crime par une personne non impliquée dans la commission de l'infraction sous-jacente. <u>Article 4 : Mesures provisoires concernant les fonds ou autres biens liés à l'infraction</u> (1) L'autorité compétente doit immédiatement geler ou saisir des fonds ou autres biens lorsqu'elle a des motifs sérieux de soupçonner que ces fonds ou autres biens sont liés à l'infraction.
--	---	--

(2) Amafaranga cyangwa undi mutungo bigomba guhagarikwa cyangwa gufatirwa birimo: (a) amafaranga cyangwa undi mutungo byejeje; (b) igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa; (c) indonke ikomoka ku iyezandonke cyangwa icyaha cy'ibanze, harimo amafaranga yinjijwe cyangwa izindi nyungu bikomotse kuri iyo ndonke; (d) ibyakoreshejwe icyaha mu gukora icyaha cy'yezandonke cyangwa icyaha cy'ibanze; (e) umutungo uturuka ku ndonke ikomoka ku gutera inkunga iterabwoba, ibikorwa by'iterabwoba cyangwa imitwe y'iterabwoba n'ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuze cyangwa wakoreshejwe, wateganyijwe cyangwa watanze kugira ngo ukoreshwe muri icyo gikorwa cyo gutera inkunga; (f) cyangwa amafaranga cyangwa undi mutungo bifite agaciro	(2) Funds or other assets to be frozen or seized include: (a) funds or other assets laundered; (b) suspicious transaction; (c) the proceeds of money laundering or predicate offence, including income or other benefits derived from such proceeds; (d) instrumentalities used in money laundering or predicate offence; (e) property that is the proceeds of, or used in, or intended, or allocated for use in the financing of terrorism, terrorist acts or terrorist organizations as well as the financing of proliferation of weapons of mass destruction; or (f) funds or other assets of corresponding value in absence of	(2) Les fonds ou autres biens à geler ou à saisir comprennent : (a) les fonds ou autres biens blanchis ; (b) l'opération suspecte ; (c) le produit du blanchiment de capitaux ou d'une infraction sous-jacente, y compris les revenus et autres avantages tirés de ce produit ; (d) les instruments utilisés en vue du blanchiment de capitaux ou d'une infraction sous-jacente ; (e) biens qui sont utilisés pour, ou destinés ou alloués à être utilisés pour le financement du terrorisme, des actes terroristes ou des organisations terroristes ainsi que de la prolifération des armes de destruction massive, ou qui en constituent le produit. (f) les fonds ou autres biens d'une valeur correspondante en
--	---	--

(1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba kugenzura umwirondoro w'umukiriya n'uwa nyir'umutungo nyawe mbere cyangwa mu gihe cyo gushyiraho imikoranire y'ubucuruzi cyangwa gukora ibikorwa by'ubucuruzi ku bakiriya badahoraho cyangwa gukora ubugenzuzi bwuzuye nyuma yo gushyiraho imikoranire y'ubucuruzi, iyo— (a) bikozwe mu gihe cya vuba gishoboka; (b) ari ngombwa kugira ngo bitabangamira imikorere y'ubucuruzi isanzwe; (c) n'ingorane zijyanye n'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi zicunzwe uko bikwiye. (2) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gushyiraho uburyo bwo guhangana n'ingorane burebana n'ibyo umukiriya asabwa kuba yujuje kugira ngo abashe	(1) The reporting person must verify the identity of the customer and beneficial owner before or during the course of establishing a business relationship or conducting transactions for occasional customers or complete verification after the establishment of the business relationship, provided that – (a) this occurs as soon as reasonably practicable; (b) this is essential not to interrupt the normal conduct of business; and (c) the money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction risks are effectively managed. (2) The reporting person must adopt risk management procedures concerning the conditions under which a customer may utilise the business relationship	(1) La personne déclarante doit vérifier l'identité du client et du bénéficiaire effectif avant ou pendant l'établissement d'une relation d'affaires ou de la réalisation des opérations dans le cas de clients occasionnels, ou achever la vérification après l'établissement de la relation d'affaires, à condition que— (a) cela se produise aussitôt que raisonnablement possible ; (b) cela soit essentiel pour ne pas interrompre le déroulement normal des affaires ; et (c) les risques de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive soient efficacement gérés. (2) La personne déclarante doit adopter des procédures de gestion des risques en ce qui concerne les conditions dans lesquelles un client peut bénéficier de

kugira imikoranire y'ubucuruzi mbere yo kugenzurwa. <u>Ingingo ya 17:</u> Gukoresha ubushishozi ku bakiriya basanzweho (1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukoresha ubushishozi ku bakiriya basanzweho hashingiwe ku bikorwa bifatika n'ingorane zishobora kubaho kandi agakoresha ubushishozi ku bijyanye n'imikoranire isanzweho mu bihe bikwiye, yibanda ku kureba niba ingamba z'ubushishozi ku mukiriya zarakoreshejwe n'igihe zakoreshejwe n'ukuri kw'amakuru yabonetse. (2) Mu kugena igihe cyo gufata ingamba zo gukoresha ubushishozi ku mukiriya ku bijyanye n'abakiriya basanzweho, ushinzwe gutanga amakuru agomba kwibanda nibura kuri ibi bikurikira: (a) ikigaragaza ko umwirondoro w'umukiriya cyangwa wa	prior to verification. <u>Article 17:</u> Customer due diligence for existing customers (1) A reporting person must apply customer due diligence measures to existing customers on the basis of materiality and risk, and must conduct due diligence on existing relationships at appropriate times, taking into account whether and when customer due diligence measures have previously been undertaken and the adequacy of data obtained. (2) In determining when to take customer due diligence measures in relation to existing customers, the reporting person must take into account at least the following: (a) an indication that the identity of the customer or the beneficial owner	la relation d'affaires avant la vérification. <u>Article 17 :</u> Devoir de vigilance à l'égard de la clientèle pour clients existants (1) Une personne déclarante doit appliquer des mesures en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle vis-à-vis des clients existants selon l'importance des risques qu'ils présentent et exercer, en temps opportun, le devoir de vigilance à l'égard de la clientèle par rapport à ces relations existantes, en tenant compte de l'existence des mesures en matière de vigilance à l'égard de la clientèle antérieures et du moment où elles ont été mises en œuvre ainsi que de la pertinence des informations obtenues. (2) Pour déterminer le moment où il convient de prendre des mesures en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle vis-à-vis des clients existants, la personne déclarante doit tenir compte au moins de ce qui suit : (a) indication selon laquelle l'identité du client ou du bénéficiaire
--	---	---

nyir'umutungo nyawe wahindutse; (b) ibikorwa by'ubucuruzi bidahuye n'ibyo asanzwe azi ku mukiriya; (c) impinduka ku ntogo cyangwa imiterere y'imikoranire ye n'umukiriya; (d) ikindi kibazo cyose cyagira ingaruka ku isuzuma ry'ingorane zijyanye n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi ku byerekeranye n'umukiriya. <u>Ingingo ya 18:</u> Gukoresha ubushishozi ku mukiriya hifashishijwe isesengura rishingiye ku ngorane (1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukoresha ubushishozi buhanitse ku mukiriya iyo hagaragaye ingorane zikomeye. (2) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukoresha ubushishozi budahanitse ku mukiriya iyo hagaragaye ingorane	has changed; (b) transactions which are not reasonably consistent with his or her knowledge of the customer; (c) a change in the purpose or nature of his or her relationship with the customer; (d) any other matter which might affect his or her assessment of the money laundering, terrorist financing or proliferation financing of weapon of mass destruction risk in relation to the customer. <u>Article 18:</u> Customer due diligence, using risk-based approach (1) A reporting person must perform enhanced due diligence measures if higher risks have been identified. (2) A reporting person must perform simplified due diligence measures if lower risks have been identified.	effectif a changé ; (b) opérations qui ne sont pas raisonnablement cohérentes avec la connaissance qu'elle a du client ; (c) changement de l'objectif ou de la nature de sa relation avec le client ; (d) autre question susceptible d'affecter son évaluation du risque de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive en relation avec le client. <u>Article 18:</u> Exercice du devoir de Vigilance à l'égard de la clientèle à l'aide d'une approche fondée sur les risques (1) Une personne déclarante doit appliquer des mesures renforcées en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle si des risques plus élevés ont été identifiés. (2) Une personne déclarante doit appliquer des mesures simplifiées en matière de devoir de vigilance à
--	--	--

zoroheje. (3) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukoresha ingamba zikomeye igihe azi, akeka cyangwa afite impamvu zigaragara zituma amenya cyangwa akeka ko umukiriya cyangwa nyir'umutungo nyawe akora ibikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kimbuzi cyangwa ko ibikorwa by'umukiriya abikorera undi muntu ukora ibikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kimbuzi. (4) Amabwiriza y'Urwego ashiraho ingamba zikoreshe mu gukoresha ubushishozi ku mukiriya iyo hari ingorane zikomeye n'ingamba zikoreshe ku mukiriya iyo hari ingorane zoroheje. <u>Ingingo ya 19:</u> Kutabona cyangwa kudahabwa ibisabwa mu gihe cy'ubushishozi ku mukiriya Iyo ushinze gutanga amakuru atabashije kubona cyangwa guhabwa ibisabwa mu	(3) A reporting person must apply enhanced measures where, the reporting person knows, suspects, or has reasonable grounds for knowing or suspecting that a customer or beneficial owner is engaged in money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction or that the transaction being conducted by the customer is being carried out on behalf of another person engaged in money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapon of mass destruction. (4) A regulation of the Centre sets out due diligence measures for higher-risk customers and those for lower-risk customers. <u>Article 19:</u> Failure to satisfactorily complete customer due diligence Where a reporting person is unable to comply with customer due diligence measures, he or	l'égard de la clientèle lorsque les risques plus faibles ont été identifiés. (3) Une personne déclarante doit mettre en œuvre des mesures renforcées lorsqu'elle sait, soupçonne ou a des motifs raisonnables de savoir ou de soupçonner qu'un client ou un bénéficiaire effectif se livre au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme ou au financement de la prolifération des armes de destruction massive ou que l'opération effectuée par le client est pour le compte d'une autre personne engagée dans le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive. (4) Un règlement du Centre établit des mesures en matière de vigilance à l'égard de la clientèle applicables aux clients présentant un risque plus élevé et celles applicables aux clients présentant un risque plus faible. <u>Article 19 :</u> Impossibilité d'exercer, de manière satisfaisante, le devoir de vigilance à l'égard de la clientèle Lorsqu'une personne déclarante est incapable de respecter les mesures en matière de de
--	--	---

gihe cyo gushyira mu bikorwa ingamba z'ubushishozi ku mukiriya, akora ibi bikurikira: (a) kudafungura konti; (b) kudatangira imikoranire y'ubucuruzi; (c) kudakora igikorwa cy'ubucuruzi; (d) guhagarika imikoranire y'ubucuruzi; (e) ashobora gukora raporo ishyikirizwa Urwego ku gikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa kijyanye n'uwo mukiriya igihe bibaye ngombwa.	she undertakes the following: (a) not to open the account; (b) not to commence business relations; (c) not to perform the transaction; (d) to terminate the business relationship; (e) to consider making a suspicious transaction report to the Centre in relation to the customer where necessary.	vigilance à l'égard de la clientèle, elle s'engage à faire ce qui suit : (a) ne pas ouvrir le compte ; (b) ne pas établir la relation d'affaires ; (c) ne pas effectuer l'opération ; (d) mettre fin à la relation d'affaires. (e) envisager de faire déclaration d'opérations suspectes au Centre concernant le client, si nécessaire.
<u>Ingingo ya 20:</u> Gukoresha ubushishozi ku mukiriya byatuma agira amakenga Iyo ushinze gutanga amakuru aketse ko harimo gukorwa ibikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi kandi akaba mu buryo bwumvikana akeka ko gukoresha ubushishozi kuri uwo mukiriya bishobora gutuma umukiriya agira amakenga, yemerewe guhagarika igikorwa cyo	<u>Article 20:</u> Performance of customer due diligence process that may tip off the customer In case a reporting person suspects money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction, and reasonably believes that performing the customer due diligence process may tip off the customer, the reporting person is permitted not to perform the customer due diligence process, and file a suspicious transaction report to the Centre.	<u>Article 20 :</u> Exécution du processus de vigilance à l'égard de la clientèle pouvant alerter le client Dans les cas où une personne déclarante suspecte qu'une opération se rapporte au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme ou au financement de la prolifération des armes de destruction massive et peut raisonnablement penser qu'en s'acquittant de son devoir de vigilance à l'égard de la clientèle, elle alerterait le client, il lui est permis de ne pas accomplir ce

gukoresha ubushishozi ku mukiriya, agakorera Urwego raporo ku gikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa. <u>Ingingo ya 21: Kubika inyandiko</u> (1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba kubika inyandiko z'ibikorwa by'ubucuruzi zose za ngombwa, zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu rwego mpuzamahanga mu gihe cy'imyaka icumi nibura ibarwa uherye igihe igikorwa cy'ubucuruzi cyarangiriye cyangwa ku munsu imikoranire y'ubucuruzi yahagarariye cyangwa nyuma y'umunsu w'igikorwa cy'ubucuruzi kidahoraho, harimo – (a) inyandiko zabonetse mu gihe cy'ingamba z'ubushishozi ku mukiriya, izijyanye na konti, izijyanye n'ihanahana ry'ubutumwa mu bucuruzi n'iz'ibyavuye mu isesengura ryakozwe; (b) kopi za raporo y'ibikorwa by'ubucuruzi bikemangwa n'iz'indi raporo zakorewe Urwego hakurikijwe ibiteganywa muri iri tegeko cyangwa amabwiriza n'inyandiko ziziherekeza;	<u>Article 21: Record-keeping</u> (1) A reporting person must maintain all necessary records on transactions, both domestic and international, for at least ten years following completion of the transaction, termination of the business relationship or after the date of the occasional transaction, including – (a) records obtained through customer due diligence measures, account files, business correspondence and results of an analysis undertaken; (b) copies of suspicious transaction report and other reports made to the Centre in accordance with this Law or regulations, and accompanying documentation;	processus et d'effectuer plutôt une déclaration d'opération suspecte au Centre. <u>Article 21 : Conservation des documents</u> (1) Une personne déclarante doit conserver tous les documents nécessaires relatifs aux opérations, tant nationales qu'internationales, pendant au moins dix ans après la fin de l'opération, la cessation de la relation d'affaires ou après la date de la transaction occasionnelle y compris– (a) les documents obtenus dans le cadre des mesures en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle, les livres de comptes et la correspondance commerciale, ainsi que les résultats de toute analyse réalisée ; (b) les copies de la déclaration d'opérations suspectes et autres déclarations faites au Centre conformément à la présente loi ou aux règlements, et la documentation qui les
--	--	---

(c) inyandiko zijyanye n'igenzura ry'ibihano byo mu rwego rw'imari byagenwe; (d) inyandiko z'ibikorwa by'ubucuruzi byanzwe igihe igikorwa cy'ubushishozi ku mukiriya kituzuye; (e) n'inyandiko z'amahugurwa arebana no kurwanya ibyaha by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi yahawe abayobozi n'abakozi. Izo nyandiko zigomba kuba zigaragaza – (i) amatariki amahugurwa yatangiweho; (ii) imiterere yayo, harimo ibiyakubiyemo n'uburyo bwakoreshejwe mu kuyatanga; (iii) n'amazina y'abayobozi n'ay'abakozi bahawe ayo mahugurwa. (2) Inyandiko z'igikorwa cy'ubucuruzi zigomba kuba zuzuye ku buryo byafasha	(c) records of targeted financial sanctions screening; (d) records of business refused when customer due diligence is incomplete; and (e) records of trainings on anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction delivered to officers and employees. These records must indicate – (i) dates on which the training was provided; (ii) nature of the training, including its content and mode of delivery; and (iii) names of the officers and employees who received the training. (2) Transaction records must be sufficient to permit reconstruction of individual	accompagne ; (c) les documents de vérifications des sanctions financières ciblées ; (d) les documents des affaires refusées lorsque les mesures en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle sont incomplètes ; et (e) les registres de formations sur le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive dispensées aux cadres et employés. Ces registres doivent indiquer – (i) les dates auxquelles la formation a été dispensée ; (ii) la nature de la formation, y compris son contenu et son mode de prestation ; et (iii) les noms des cadres et des employés ayant reçu la formation. (2) Les documents relatifs aux opérations doivent être suffisants pour permettre
---	--	--

kongerwa gusubiramo ibikorwa by'ubucuruzi by'umuntu ku giti cye byabaye ku buryo, bibaye ngombwa, byatanga ibimenyetso byakwifashishwa mu gukurikirana icyaha. (3) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukora ku buryo inzego zibifitiye ububasha zibasha guhita zibona amakuru yose yerekeranye no gukoresha ubushishozi ku mukiriya n'inyandiko zijyanye n'ibikorwa by'ubucuruzi igihe zibisabye mu buryo bukwiye. (4) Amabwiriza y'Urwego akena uburyo inyandiko zivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo zibikwa mu gihe ushinzwe gutanga amakuru ahagaritse imirimo ye. <u>Ingingo ya 22: Umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki</u> (1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gushyiraho uburyo bwo gucunga ingorane bumufasha kumenya niba umukiriya cyangwa nyir'umutungo nyawe ari umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki. (2) Mu mikoranire y'ubucuruzi n'umuntu w'umunyamahanga ugaragara mu rwego	transactions so as to provide, if necessary, evidence for prosecution of criminal activity. (3) A reporting person must ensure that customer due diligence information and transaction records are available swiftly to competent authorities upon appropriate request. (4) A regulation of the Centre determines modalities for keeping records provided for under Paragraphs (1) of this Article where the reporting person suspends his or her activities. <u>Article 22: Politically exposed person</u> (1) A reporting person is required to put in place risk management systems to determine whether a customer or beneficial owner is a politically exposed person. (2) In case of business relationship with a foreign politically exposed person, a	la reconstitution d'opérations individuelles afin de fournir, si nécessaire, des preuves dans le cadre des poursuites relatives à une activité criminelle. (3) Une personne déclarante doit s'assurer que toutes les informations obtenues dans le cadre du devoir de vigilance à l'égard de la clientèle et les documents relatifs aux opérations sont rapidement disponibles aux autorités compétentes sur demande. (4) Un règlement du Centre détermine les modalités de tenue des documents visés au paragraphe (1) du présent article lorsque la personne déclarante suspend ses activités. <u>Article 22 : Personne politiquement exposée</u> (1) Une personne déclarante est tenue de mettre en place des systèmes de gestion des risques permettant de déterminer si un client ou un bénéficiaire effectif est une personne politiquement exposée. (2) En cas de relation commerciale avec une personne étrangère politiquement
---	--	--

rwa politiki, ushinzwe gutanga amakuru, uretse gukoresha ubushishozi ku mukiriya bivugwa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko agomba – (a) guhabwa uburenganzira n'ubuyobozi bukuru mbere yo gushyiraho iyo mikoranire y'ubucuruzi cyangwa mbere yo kuyikomeza ku bakiriya basanzweho; (b) gufata ingamba zikwiye hagamijwe kumenya inkomoko y'umutungo n'inkomoko y'amafaranga y'abakiliya na ba nyir'umutungo nyabo bagaragara mu rwego rwa politiki; (c) no gukurikirana mu buryo bukomeye kandi buhoraho imikoranire y'ubucuruzi. (3) Mu mikoranire y'ubucuruzi n'umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki uri mu muryango utari uwa Leta cyangwa mpuzamahanga, ushinzwe gutanga amakuru, uretse gushyira mu bikorwa ingamba z'ubushishozi zisanzwe, agomba gukoresha ingamba zivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo iyo	reporting person, in addition to performing customer due diligence provided for under Article 18 of this Law, must – (a) obtain senior management approval before establishing or continuing, for existing customers such business relationships; (b) take reasonable measures to establish the source of wealth and the source of funds of customers and beneficial owners identified as politically exposed persons; and (c) conduct enhanced ongoing monitoring of the business relationship. (3) In case of business relationship with a domestic or international organization politically exposed person, a reporting person, in addition to performing normal due diligence measures, the reporting person must apply the measures under Paragraph (2) of this Article in the case of a higher risk	exposée, en plus de l'exercice du devoir de vigilance à l'égard de la clientèle visé à l'article 18 de la présente loi, la personne déclarante doit – (a) obtenir l'autorisation de la haute direction avant d'établir ou de poursuivre, s'il s'agit d'un client existant, une telle relation d'affaires ; (b) prendre des mesures raisonnables pour établir l'origine de la richesse et l'origine des fonds des clients et des bénéficiaires effectifs identifiés comme des personnes politiquement exposées ; et (c) assurer une surveillance continue renforcée à l'égard de la relation d'affaires. (3) En cas de relation d'affaires avec une personne politiquement exposée membre d'une organisation nationale ou internationale, en plus de l'exercice du devoir de vigilance à l'égard de la clientèle, une personne déclarante doit appliquer les mesures prévues au paragraphe (2) du présent
--	---	---

imikoranire y'ubucuruzi n'uwo muntu igaragaramo ingorane zo mu rwego rwo hejuru. (4) Umwishingizi w'igihe kirekire mbere yo kwishyura ibikomoka ku bwishingizi, agomba gufata ingamba zikwiye zigamije kumenya niba umugenerwabikorwa w'ubwishingizi bw'igihe kirekire cyangwa w'irindi shoramari rijyanye nabwo cyangwa nyir'umutungo nyawe w'umugenerwabikorwa w'ubwo bwishingizi ari umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki kandi mu gihe haba hariho ingorane zikomeye, umwishingizi w'igihe kirekire agomba: (a) kubimenyesha ubuyobozi bukuru mbere yo kwishyura ibikomoka ku bwishingizi; (b) no gukora isuzuma ryimbitse ku byerekeranye n'imikoranire y'ubucuruzi n'uwafashe ubwishingizi no gukorera Urwego raporo. (5) Ibiteganywa mu gika cya (2) n'icya (3) by'iyi ngingo bireba abagize umuryango w'abantu bagaragara mu rwego rwa politiki cyangwa abo basangiye inyungu.	business relationship with that person. (4) A long-term insurer must take reasonable measures to determine, prior to the pay-out of the policy proceeds, whether the beneficiary of a long-term insurance or other investment-related insurance policy or the beneficial owner of the beneficiary of such a policy is a politically exposed person and, in case of a higher risk, the reporting person must: (a) inform senior management before the pay-out of the policy proceeds; and (b) conduct enhanced scrutiny on the whole business relationship with the policyholder and file a report to the Centre. (5) The provisions of Paragraphs (2) and (3) of this Article apply to family members or close associates of politically exposed persons.	article lorsque la relation d'affaires avec une telle personne présente un risque plus élevé. (4) Un assureur à long terme doit prendre des mesures raisonnables afin de déterminer, avant le versement des prestations, si le bénéficiaire du contrat d'assurance à long terme ou d'un autre contrat d'assurance lié à des investissements ou le bénéficiaire effectif du bénéficiaire d'un tel contrat est une personne politiquement exposée et, en cas de risque plus élevé, la personne déclarante doit : (a) informer la haute direction avant le versement des prestations ; et (b) réaliser un examen renforcé de l'ensemble de la relation d'affaires avec le titulaire du contrat et faire une déclaration au Centre. (5) Les dispositions des paragraphes (2) et (3) du présent article s'appliquent aux membres de la famille des personnes politiquement exposées ou aux personnes qui leur sont étroitement associées.
---	--	---

(6) Iteka rya Minisitiri rigena abafatwa nk'abantu bagaragara mu rwego rwa politiki. <u>Ingingo ya 23: Imikoranire mu rwego rw'amabanki</u> (1) Imikoranire hagati y'amabanki bivuga serivisi za banki zambukiranya imipaka zitangwa na banki runaka ariyo banki itanga serivisi izihaye indi banki ariyo banki ihabwa serivisi. (2) Mu mikoranire yambukiranya imipaka mu rwego rw'amabanki cyangwa n'indi mikoranire bimeze kimwe, ikigo cy'imari kigomba: (a) kumenya no kugenzura umwirondoro w'ikigo bigiye kugirana imikoranire mu gutanga serivisi za banki; (b) gukusanya amakuru ahagije ku kigo bigiye kugirana imikoranire hagamijwe gusobanukirwa imiterere y'ubucuruzi yacyo; (c) kugaragaza, hashingiwe ku makuru ashobora kubonwa na buri wese, uko	(6) An Order of the Minister determines persons considered as politically exposed persons. <u>Article 23: Correspondent banking</u> (1) Correspondent banking is the provision of banking services by one bank which is the correspondent bank to another bank which is the respondent bank. (2) In relation to cross-border correspondent banking and other similar relationships, a financial institution must: (a) identify and verify the identity of the institution with which it enters into a correspondent relationship; (b) gather sufficient information on the respondent institution to understand the nature of its business; (c) determine from publicly available information, the reputation of the	(6) Un arrêté du Ministre détermine les personnes considérées comme des personnes politiquement exposées. <u>Article 23 : Correspondance bancaire</u> (1) La correspondance bancaire désigne la prestation de services bancaires par une banque en tant que banque correspondante à une autre banque en tant que banque cliente. (2) En ce qui concerne les relations de correspondance bancaire transfrontalière et les autres relations similaires, une institution financière doit : (a) identifier et vérifier l'identité de l'institution avec laquelle elle entretient une relation de correspondance ; (b) rassembler suffisamment d'informations sur le correspondant afin de comprendre la nature de ses activités ; (c) évaluer, sur la base d'informations publiquement disponibles, sa
--	--	--

icyo kigo kizwi n'ireme ry'ubugenzuzi bwacyo; (d) kumenya niba cyarigeze gukorwaho iperereza cyangwa gufatirwa ibihano bishingiye ku bugenzuzi biturutse ku bikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbu; (e) gusesengura uburyo bukoreshwa n'ikigo bigiye kugirana imikoranire mu kugenzura ibikorwa byo gukumira iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbu; (f) guhabwa uburenganzira n'ubuyobozi bukuru bwacyo mbere yo kugirana imikoranire mishya mu gutanga serivisi za banki; (g) no kumenya neza inshingano za buri kigo bigiye kugirana imikoranire ku byerekeranye no gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbu.	institution and the quality of supervision (d) determine whether it has been subject to money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction investigation or regulatory action; (e) assess the anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction controls of the respondent institution; (f) obtain approval from senior management before establishing new correspondent banking relationships; and (g) clearly understand the respective anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction responsibilities of each institution.	réputation et la qualité du contrôle dont il fait l'objet ; (d) déterminer si le correspondant a fait l'objet d'une enquête ou de mesures de la part d'une autorité de contrôle en matière de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive; (e) évaluer les contrôles mis en place par le correspondant en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive ; (f) obtenir l'autorisation de la haute direction avant d'établir de nouvelles relations de correspondance bancaire ; et (g) comprendre clairement les responsabilités respectives de chaque institution en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de
---	--	--

(3) Ku byerekeranye na konti inyuzwaho amafaranga yo kwishyurana, ikigo cy'imari kigomba kumenya niba ikigo cy'imari cyasabye kugirana imikoranire: (a) cyarakoresheje ubushishozi ku mukiriya ku byerekeranye n'abakiriya bacyo bashobora kugera mu buryo butaziguye kuri konti y'ikigo cy'imari cyasabwe kugirana imikoranire; (b) cyarashyize mu bikorwa uburyo bukoreshwa mu gukurikirana abakiriya bacyo mu buryo buhoraho; (c) gishobora gutanga amakuru akwiye ku byerekeranye n'ubushishozi ku mukiriya kibisabwe n'ikigo cy'imari cyasabwe kugirana imikoranire; (d) cyaritaye ku kureba niba nyir'umutungo nyawe yaramenyekanye uko bikwiye mu gihe bireba ubwizerane cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano. (4) Ikigo cy'imari nticyemerewe gutangira imikoranire cyangwa gukomeza	(3) In relation to a payable-through account, a financial institution must ensure that the respondent institution: (a) has conducted customer due diligence on its customers that have direct access to the account of the correspondent bank; (b) has implemented mechanisms for ongoing monitoring with respect to its customers; (c) is able to provide relevant customer due diligence information upon request to the correspondent bank; (d) has ensured that the beneficial owner has been appropriately identified in case of trusts or legal arrangements. (4) A financial institution is prohibited from entering into, or continuing,	destruction massive. (3) En ce qui concerne les comptes de passage, une institution financière doit avoir l'assurance que le correspondant : (a) a exercé le devoir de vigilance à l'égard de la clientèle vis-à-vis de ses clients ayant un accès direct aux comptes de la banque correspondante ; (b) a mis en œuvre des mécanismes de surveillance continue à l'égard de ses clients ; (c) est en mesure de fournir, sur demande de la banque correspondante , les informations pertinentes sur l'exercice du devoir de vigilance à l'égard de la clientèle ; (d) s'est assurée que le bénéficiaire effectif a été identifié d'une manière appropriée dans le cas de fiducies ou de constructions juridiques. (4) Il est interdit à une institution financière d'établir ou de poursuivre
--	--	---

kugirana imikoranire yo mu rwego rw'amabanki n'amabanki ya baringa kandi kigomba kumenya neza ko ikigo cy'imari cyasabye kugirana imikoranire kitemera ko konti zacyo zikoreshwa na banki za baringa. <u>Ingingo ya 24:</u> Serivisi z'iherekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro (1) Mu rwego rwo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi, ushinze gutanga amakuru utanga serivisi zijyanye n'iherekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro cyangwa intumwa ye agomba kwiandikisha cyangwa guhabwa uruhushya hakurikijwe amategeko abigenga. (2) Urwego rugenga kandi rugenzura serivisi z'iherekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro rugomba kugaragaza umuntu utanga serivisi z'iherekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro utabifitiye uruhushya cyangwa utanditse rukamuhana mu buryo bukwiye kandi bumuca intege zo gukomeza kubikora.	correspondent banking relationships with shell banks, and must satisfy itself that a respondent financial institution does not permit its accounts to be used by shell banks. <u>Article 24:</u> Money or value transfer services (1) Within the context of the fight against money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, a reporting person that provides money or value transfer services or his or her agent is required to be registered or licensed in accordance with relevant laws. (2) The Authority regulating and supervising money or value transfer services must identify a person that carries out money or value transfer services without a license or registration and apply proportionate and dissuasive sanctions to them.	une relation de correspondance bancaire avec des banques fictives et doit s'assurer que le correspondant n'autorise pas des banques fictives à utiliser ses comptes. <u>Article 24 :</u> Services de transfert de fonds ou de valeurs (1) Dans le cadre de la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, une personne déclarante qui fournit des services de transfert de fonds ou de valeurs ou son agent doivent être enregistrés ou agréés conformément à la législation en la matière. (2) L'autorité qui réglemente ou contrôle les services de transfert de fonds ou de valeurs doit identifier une personne qui fournit des services de transfert de fonds ou de valeurs sans licence ou sans enregistrement et lui infliger des sanctions proportionnées et dissuasives.
---	---	--

(3) Abatanga serivisi z'iherekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro bakoresha abandi bantu, bagomba kubashyira muri gahunda zabo zo kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, kandi bakabakurikirana kugira ngo barebe niba bubahiriza izo gahunda.	(3) Money or value transfer services providers that use agents must include them in their anti-money laundering and counter-terrorist financing programmes and monitor them for compliance with such programmes.	(3) Les prestataires de services de transfert de fonds ou de valeurs qui utilisent des agents doivent les intégrer dans leurs programmes de lutte contre le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme et surveiller le respect par ces agents de ces programmes.
(4) Abatanga serivisi z'iherekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro bagomba, mu bihugu bakoreramo, kubahiriza ibisabwa byose bibareba biteganyijwe mu ngingo ya 27 y'iri tegeko, bo ubwabo cyangwa bifashishije intumwa zabo.	(4) Money or value transfer services providers must comply with all of the relevant requirements of Article 27 of this Law in the countries in which they operate, directly or through their agents.	(4) Les prestataires de services de transmission de fonds ou de valeurs doivent respecter toutes les obligations applicables de l'article 27 de la présente Loi dans les pays dans lesquels ils exercent leurs activités, directement ou par l'intermédiaire de leurs agents.
(5) Abatanga serivisi z'iherekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro bafasha uwohereza n'uwakira amafaranga mu buryo bw'iherekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga bagomba:	(5) Money or value transfer services providers that controls both the ordering and the beneficiary side of a wire transfer must:	(5) Lorsqu'un prestataire de services de transfert de fonds ou de valeurs contrôle à la fois la passation d'ordre et la réception d'un virement électronique, il doit :
(a) kwita ku makuru yose bahawe n'uwohereje n'uwoherejwe amafaranga hagamijwe kureba niba hari igikorwa gikemangwa kigomba gutangwaho raporo;	(a) take into account all the information from both the ordering and beneficiary sides in order to determine whether a suspicious transaction report has to be filed; and	(a) prendre en compte toutes les informations émanant du donneur d'ordre et du bénéficiaire afin de déterminer si une déclaration d'opération suspecte doit être faite ; et
(b) no gutanga raporo ku gikorwa	(b) file a suspicious transaction report in	(b) déposer une déclaration d'opération

cy'iherekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga gikemangwa mu gihugu cyose kibereyemo no guha Urwego amakuru ya ngombwa yerekeye icyo gikorwa. (6) Iyo ibigo by'imari bikora iherekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga bifata icyemezo cyo guhagarika iryo hererekanya kandi bikubahiriza inshingano zo kwirinda gukorana ibikorwa by'ubucuruzi n'abantu n'ibigo byashyizwe ku rutonde nk'uko ziteganyijwe mu mategeko abigenga. (7) Amabwiriza y'Umuyobozi w'urwego rufite mu nshingano kugenga serivisi z'iherekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro akena uburyo n'ibisabwa k'utanga izo serivisi. <u>Ingingo ya 25: Ikoranabuhanga rishya</u> (1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba kumenya no gusuzuma ingorane zijyanye n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi	any country affected by the suspicious wire transfer, and make relevant transaction information available to the Centre. (6) In the context of processing wire transfers, financial institutions take freezing action and comply with prohibitions from conducting transactions with designated persons and entities, as per obligations set out in relevant laws. (7) A regulation of the head of the authority in charge of regulating money or value transfer services determines modalities and requirements for a provider of such services. <u>Article 25: New technologies</u> (1) A reporting person must identify and assess the money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction risks that may arise in relation to the	suspecte dans tous les pays concernés par le virement électronique suspect, et mettre à disposition du Centre de Renseignement Financier toutes les informations sur l'opération. (6) Dans le cadre du traitement des virements électroniques, les institutions financières prennent des mesures de gel et respectent les interdictions de réaliser des opérations avec des personnes et entités désignées conformément aux obligations établies dans les législations en la matière. (7) Un règlement du responsable de l'autorité ayant la réglementation des services de transfert de fonds ou de valeurs dans ses attributions détermine les modalités et les conditions requises pour le prestataire de ces services. <u>Article 25 : Nouvelles technologies</u> (1) Une personne déclarante doit identifier et évaluer les risques de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des
---	--	---

zishobora guterwa n'itunganywa ry'ibicuruzwa bishya n'imikorere mishya yo mu rwego rw'ubucuruzi irimo n'uburyo bwo gutanga ibyo bicuruzwa n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rishya n'iri gutunganywa ku bicuruzwa bishya n'ibyari bisanzweho. (2) Ushinzwe gutanga amakuru agomba: (a) gukora isesengura ry'ingorane mbere yo gushyira ku isoko cyangwa gukoresha ibicuruzwa bishya n'imikorere mishya yo mu rwego rw'ubucuruzi irimo n'uburyo bwo gutanga ibyo bicuruzwa n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rishya ku bicuruzwa bishya n'ibyari bisanzweho; (b) no gufata ingamba zikwiye zo guhangana no kugabanya izo ngorane. <u>Ingingo ya 26: Umutungo koranabuhanga</u> (1) Urwego rugenga kandi rugenzura umutungo koranabuhanga n'abatanga serivisi z'umutungo koranabuhanga rugomba gushyiraho amabwiriza agenga	development of new products and new business practices, including new delivery mechanisms, and the use of new or developing technologies for both new and pre-existing products. (2) A reporting person must: (a) undertake the risk assessments prior to the launch or use of new products and new business practices, including new delivery mechanisms, and the use of new technologies for both new and pre-existing products; and (b) take appropriate measures to manage and mitigate the risks. <u>Article 26: Virtual assets</u> (1) The authority regulating and supervising virtual assets and virtual assets service providers must establish regulations governing both virtual	armes de destruction massive pouvant résulter du développement de nouveaux produits et de nouvelles pratiques commerciales, y compris les nouveaux mécanismes de distribution et d'utilisation de technologies nouvelles ou en développement en lien avec de nouveaux produits et les produits préexistants. (2) Une personne déclarante doit : (a) évaluer les risques avant le lancement ou l'utilisation de nouveaux produits et de nouvelles pratiques commerciales, y compris les nouveaux mécanismes de distribution et l'utilisation de technologies nouvelles en lien avec de nouveaux produits ou les produits préexistants ; et (b) prendre des mesures appropriées pour gérer et atténuer ces risques. <u>Article 26 : Actifs virtuels</u> (1) L'autorité de réglementation et de contrôle des actifs virtuels et des prestataires de services d'actifs virtuels doit établir des règlements
--	--	--

imikoreshereze y'umutungo koranabuhanga n'abatanga serivisi z'umutungo koranabuhanga. (2) Inzego zibifitiye ububasha, harimo n'izigenzura, zigomba kugirana ubufatanye mpuzamahanga mu bijyanye n'iyezandonke, ibyaha by'ibanze no gutera inkunga iterabwoba bijyanye n'umutungo koranabuhanga no guhanahana amakuru ajyanye n'abatanga serivisi z'umutungo koranabuhanga na bagenzi babo bo mu mahanga.	assets and virtual assets service providers. (2) The competent authorities, including supervisors must provide international cooperation in relation to money laundering, predicate offences, and terrorist financing relating to virtual assets and exchange information related to virtual assets service providers with their foreign counterparts.	régissant à la fois les actifs virtuels et les prestataires de services d'actifs virtuels. (2) Les autorités compétentes, y compris les autorités de contrôle, doivent assurer une coopération internationale en matière de blanchiment de capitaux, d'infractions sous-jacentes et de financement du terrorisme en rapport avec les actifs virtuels et échanger des informations sur les prestataires de services d'actifs virtuels avec leurs homologues étrangers.
<u>Ingingo ya 27:</u> Ihererekanya ry'amafaranga ikoranabuhanga hakoreshejwe (1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba kureba niba ihererekanya ry'amafaranga imbere mu gihugu cyangwa hanze yacyo hakoreshejwe ikoranabuhanga angana cyangwa ari hejuru y'ikigero cyagenwe n'Urwego ko ryujuje ibisabwa. (2) Amabwiriza y'Urwego akena ikigero n'ibisabwa bijyanye n'iherekanya	<u>Article 27:</u> Wire transfers (1) A reporting person must ensure that domestic or cross-border wire transfers equal to or above the threshold set by the Centre fulfil the requirements. (2) A regulation of the Centre determines the threshold and requirements for wire	<u>Article 27 :</u> Virements électroniques (1) Une personne déclarante doit s'assurer que les virements électroniques internes ou transfrontaliers égaux ou supérieurs au seuil fixé par le Centre remplissent les conditions requises. (2) Un règlement du Centre détermine le seuil et les exigences en matière de

ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga. <u>Ingingo ya 28: Kwifashisha undi muntu</u> (1) Ushinzwe gutanga amakuru ashobora kwifashisha undi muntu mu gushyira mu bikorwa ingamba z'ubushishozi ku mukiriya nk'uko biteganywa mu ngingo ya 13(1)(a), (c) na (d) y'iri tegeko cyangwa gutangiza imikoranire hitawe kuri ibi bikurikira: (a) nta gukeka ibikorwa by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi; (b) ushinzwe gutanga amakuru agomba kubona ako kanya amakuru ya ngombwa ajyanye no gukoresha ubushishozi harimo umwirondoro wa buri mukiriya n'uwa nyir'umutungo nyawe afitwe n'undi muntu; (c) ushinzwe gutanga amakuru agomba gufata ingamba zikwiye zimufasha kumenya neza ko undi muntu –	transfers. <u>Article 28: Reliance on third party</u> (1) A reporting person may rely on a third party to perform customer due diligence measures as provided for under Article 13(1)(a)(c) and (d) of this Law or to introduce business, subject to the following: (a) there is no suspicion of money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction; (b) a reporting person must immediately obtain the necessary information concerning customer due diligence measures from the third party, including the identity of each customer and beneficial owner; (c) a reporting person must take adequate steps to satisfy itself that the third party –	virements électroniques. <u>Article 28 : Recours à un tiers</u> (1) Une personne déclarante peut recourir à un tiers pour s'acquitter des mesures en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle visées à l'article 13(1)(a)(c) et (d) de la présente loi ou pour jouer le rôle d'apporteur d'affaires, sous réserve de ce qui suit : (a) il n'existe aucun soupçon de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive ; (b) une personne déclarante doit obtenir immédiatement, de la part du tiers, les informations nécessaires concernant les mesures de vigilance à l'égard de la clientèle, y compris l'identité de chaque client et bénéficiaire effectif ; (c) une personne déclarante doit prendre des mesures adéquates pour s'assurer que le tiers –
---	--	--

(i) atanga kopi z'amakuru y'umwirondoro n'izindi nyandiko za ngombwa zijyanye n'ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya mu gihe kitarenze amasaha 24 uhereye igihe abisabiwe; (ii) akorera mu gihugu gifite ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya bimeze kimwe n'ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa akurikiza itegeko ry'igihugu riteganywa ibisabwa bimeze kimwe n'ibiteganywa n'iri tegeko; (iii) agengwa n'amabwiriza, agenzurwa cyangwa akurikiranwa ko yubahiriza ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya no kubika inyandiko kandi yarashyizeho ingamba zigamije kubahiriza ibi bisabwa. (2) Ku ushinzwe gutanga amakuru wifashisha undi muntu bari mu itsinda ry'ibigo by'imari rimwe, inzego	(i) provides copies of identification data and other relevant documentation relating to customer due diligence requirements within 24 hours upon request; (ii) is established in a State or is subject to the jurisdiction of a State with customer due diligence requirements equivalent to those specified in this Law; (iii) is regulated, and supervised or monitored for, and has measures in place for compliance with, customer due diligence and record-keeping requirements. (2) For a reporting person relying on a third party that is part of the same financial group, competent authorities	(i) fournit des copies de données d'identification et d'autres documents pertinents en rapport avec les obligations en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle dans les 24 heures suivant la demande ; (ii) est établi dans un État ou il est soumis à la juridiction d'un État appliquant les obligations en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle équivalentes à celles spécifiées par la présente loi ; (iii) est soumis à une réglementation et fait l'objet d'un contrôle ou d'une surveillance, et qu'il a pris des mesures visant à respecter les obligations en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle et de conservation de documents. (2) Lorsqu'une personne déclarante a recours à un tiers faisant partie du même groupe financier, les autorités
---	---	--

zibifitiye ububasha zishobora gufata ko ibisabwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo byubahirizwa mu bihe bikurikira: (a) itsinda ry'ibigo by'imari rikoresha ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya no kubika inyandiko, na gahunda zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuji hakurikijwe ibisabwa; (b) ishyirwa mu bikorwa ry'ibisabwa mu rwego rw'ubushishozi ku mukiriya no kubika inyandiko na gahunda zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuji rigenzurirwa ku rwego rw'itsinda ry'ibigo by'imari n'urwego rubifitiye ububasha; (c) ingorane zo mu rwego rwo hejuru mu	may consider that the requirements under Paragraphs (1) of this Article are met in the following circumstances: (a) the financial group applies customer due diligence and record-keeping requirements, and programmes against money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction in accordance with the requirements; (b) the implementation of the customer due diligence and record-keeping requirements and programmes against money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction is supervised at the financial group level by a competent authority; (c) a higher jurisdiction risk is	compétentes peuvent considérer que les obligations du paragraphe (1) du présent article sont satisfaites dans les circonstances suivantes : (a) le groupe financier applique les obligations en matière de vigilance à l'égard de la clientèle et en matière de conservation de documents et les programmes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive conformément aux exigences ; (b) la mise en œuvre des obligations en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle et en matière d'obligations de conservation de documents et des programmes de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive est contrôlée au niveau du groupe financier par une autorité compétente ; (c) le risque lié à un pays à risque plus
---	---	--

gihugu zigabanywa mu buryo bukwiye na politiki z'itsinda zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kimbuzi.	adequately mitigated by the group's policies of anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction.	élevé est atténué de manière satisfaisante par les politiques de lutte contre le blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive.
(3) Mu guhitamo igihugu undi muntu mukorana wujuje ibisabwa bijyanye no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kimbuzi ashobora gukoramo, ushinzwe gutanga amakuru agomba kureba amakuru ahari ajyanye n'ikigero cy'ingorane muri icyo gihugu.	(3) When determining in which country the third party that meets the conditions of anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction can be based, a reporting person must have regard to information available on the level of country risk.	(3) Lors de la détermination du pays dans lequel le tiers qui remplit les conditions de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive peut être établi, la personne déclarante doit tenir compte des informations disponibles sur le niveau de risque lié au pays.
(4) Kwifashisha undi muntu ntibikuraho ushinzwe gutanga amakuru inshingano yo gukoresha ingamba z'ubushishozi ku mukiriya.	(4) Reliance on a third party does not relieve a reporting person from the obligation to apply customer due diligence measures.	(4) Le recours à un tiers ne dispense pas la personne déclarante de son obligation d'appliquer les mesures en matière de devoir de vigilance à l'égard de la clientèle.
<u>Ingingo ya 29: Igenzura ry'imbere</u>	<u>Article 29: Internal controls</u>	<u>Article 29 : Contrôles internes</u>
Ushinzwe gutanga amakuru agomba gushyira mu bikorwa gahunda z'igenzura ry'imbere hagamijwe kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za	A reporting person must implement internal control programmes for the fight against money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, with regard to the risks identified	Une personne déclarante doit mettre en œuvre des programmes de contrôle interne de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction

kirimbuji zijyanye n'ingorane zagaragaye n'imiterere n'ingano by'ubucuruzi. Izo gahunda harimo izi zikurikira: (a) gushyiraho politiki n'uburyo bw'imikorere by'igenzura bw'imbere harimo – (i) uburyo bwo gucunga iyubahirizwa ry'ibisabwa n'iri tegeko, harimo gushyiraho umukozi ushinze iyubahirizwa ry'ibisabwa ku rwego rw'ubuyobozi; (ii) uburyo bwo gutoranya abakozi hagamijwe gushyiraho abakozi bujuje ibisabwa. (b) gahunda y'amahugurwa y'abakozi ihoraho; (c) ubugenzuzi bwigenga bwo gusuzuma uburyo bw'imikorere. <u>Ingingo ya 30: Gahunda y'igenzura ry'imbere y'itsinda ry'ibigo</u> (1) Itsinda ry'ibigo by'imari n'abandi bashinzwe gutanga amakuru bagomba	and the nature and size of the business. Such programmes include the following: (a) putting in place policies and procedures of internal controls, including – (i) management arrangements for the compliance with the provisions of this Law, including the appointment of a compliance officer at the management level; (ii) screening procedures to ensure high standards when hiring employees; (b) an ongoing employee training programme; (c) an independent audit to test the system. <u>Article 30: Group-wide internal control programmes</u> (1) Financial groups and other reporting persons must implement group-wide	massive, qui prennent en compte les risques identifiés et la nature et la dimension de l'activité commerciale. Ces programmes incluent ce qui suit : (a) mise en place de politiques et de procédures de contrôle interne, y compris – (i) dispositifs de contrôle de la conformité avec les dispositions de la présente loi, y compris la désignation d'un responsable de la conformité au niveau de la direction ; (ii) procédures de sélection garantissant le recrutement des employés selon des critères exigeants ; (b) programme de formation continue des employés ; (c) fonction d'audit indépendante pour tester le système. <u>Article 30 : Programmes de contrôle internes à l'échelle du groupe</u> (1) Les groupes financiers et autres personnes déclarantes doivent mettre
---	--	---

gushyira mu bikorwa gahunda y'igenzura ry'imbere hagamijwe kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi ku rwego rw'itsinda ry'ibigo by'imari zigomba gukoreshwa, kandi ku buryo bukwiye, ku mashami yose no ku bigo bishamikiye ku itsinda ry'ibigo by'imari. Izi gahunda zigomba kuba zirimo ingamba zivugwa mu ngingo ya 29 y'iri tegeko kimwe n'izi zikurikira: (a) politiki n'uburyo bukurikizwa mu guhanahana amakuru asabwa ku mpamvu z'ubushishozi ku mukiriya n'iz'umicungire y'ingorane zishingiye ku iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi; (b) guha serivisi zo ku rwego rw'itsinda zishinzwe iyubahirizwa, ubugenzuzi no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi amakuru avuye ku mashami no ku bigo bishamikiye ku itsinda yerekeye abakiriya, konti n'ibikorwa by'ubucuruzi iyo ari ngombwa mu	internal control programmes for the fight against money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction which must be applicable, and appropriate, to all branches and majority-owned subsidiaries of the financial group. These programmes must include the measures set out in Article 29 of this Law as well as the following: (a) policies and procedures for sharing information required for the purposes of customer due diligence and money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction risk management; (b) the provision, at group-level compliance, audit and anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction functions, of customer, account and transaction information from branches and subsidiaries when necessary for	en œuvre au niveau du groupe des programmes de contrôle interne de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive qui doivent s'appliquer et être adaptés à toutes leurs succursales et filiales majoritaires. Ces programmes doivent comprendre les mesures visées à l'article 29 de la présente loi ainsi que ce qui suit : (a) politiques et procédures de partage d'informations requises aux fins du devoir de vigilance à l'égard de la clientèle et de la gestion du risque de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive ; (b) la mise à disposition d'informations provenant des succursales et filiales relatives aux clients, aux comptes et aux opérations, lorsqu'elles sont nécessaires aux fins de la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération
--	--	---

rwego rwo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. Muri ayo makuru hagomba kuba harimo amakuru n'isesengura ry'ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa ibindi bikorwa bigaragara nk'ibidasanzwe iyo iryo suzuma ryakozwe. Muri urwo rwego kandi, amashami n'ibigo bishamikiye ku itsinda bigomba guhabwa amakuru avuye kuri izo serivisi zo ku rwego rw'itsinda iyo akenewe kandi akwiye mu rwego rwo gucunga ingorane;	anti-money laundering, countering terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction functions purposes. This must include information and analysis of transactions or activities which appear unusual, if such analysis was done. Similarly branches and subsidiaries must receive such information from these group-level functions when relevant and appropriate to risk management; and	des armes de destruction massive, aux fonctions de conformité, d'audit et de la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive au niveau du groupe. Ces informations doivent inclure les données et analyses des transactions ou des activités qui apparaissent inhabituelles, si de telles analyses ont été réalisées. De même, lorsque cela est pertinent et approprié pour la gestion des risques, les succursales et filiales doivent également recevoir ces informations, de la part des fonctions de conformité du groupe; et
(c) n'ingamba zijyanye no kugira ibanga no gukoresha amakuru asangiwe no kwirinda ko hari uwagira amakenga;	(c) adequate safeguards on the confidentiality and use of information exchanged, including safeguards to prevent tipping-off.	(c) garanties satisfaisantes en matière de confidentialité et d'utilisation des informations échangées, y compris des garanties pour prévenir la divulgation.
(2) Itsinda ry'ibigo by'imari n'abandi bashinzwe gutanga amakuru bakora ku buryo amashami yabo n'ibigo bafitemo imigabane myinshi bibashamikiyeho	(2) Financial groups and other reporting persons must ensure that its foreign branches and majority-owned subsidiaries apply internal control	(2) Les groupes financiers et autres personnes déclarantes doivent s'assurer que leurs succursales et filiales étrangères dans lesquelles ils

byo hanze bishyira mu bikorwa gahunda y'igenzura ry'imbere hagamijwe kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi zihuye n'ibisabwa mu gihugu bikomokamo, igihe ibisabwa by'ibanze byo mu gihugu bifitemo amashami n'ibigo biri ku kigero cyoroheje ugereranyije n'ibisabwa mu gihugu bikomokamo kandi ibyo bigakorwa hubahirizwa amategeko n'amabwiriza by'icyo gihugu bifitemo amashami n'ibigo.	programmes for the fight against money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction that are consistent with the home country requirements, where the minimum requirements of the host country are less strict than those of the home country, to the extent that host country laws and regulations permit.	détiennent une participation majoritaire appliquent des programmes de contrôle interne de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive conformes aux exigences du pays d'origine, lorsque les exigences minimales du pays d'accueil sont moins contraignantes que celles du pays d'origine, dans la mesure où les lois et règlements du pays d'accueil le permettent.
(3) Iyo igihugu cyakiriye amashami n'ibigo bishamikiye ku matsinda y'ibigo by'imari kitemera ishyirwa mu bikorwa mu buryo bukwiye ry'ingamba z'igenzura ry'imbere hagamijwe kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi zihuye n'ibisabwa mu gihugu ayo matsinda y'ibigo by'imari akoreramo, ayo matsinda y'ibigo by'imari agomba gufata ingamba z'inyongera zikwiye zo gucunga ingorane zijyanye n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi no kubimenyesha urwego rugenzura mu	(3) If the host country of branches and subsidiaries does not permit the proper implementation of internal control programmes for the fight against money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction that are consistent with the home country requirements, financial groups must apply appropriate additional measures to manage the money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction risks and inform their home supervisors.	(3) Lorsque le pays d'accueil des succursales et filiales ne permet pas la mise en œuvre adéquate de programmes de contrôle interne de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive conformes aux exigences du pays d'origine, les groupes financiers doivent appliquer des mesures supplémentaires appropriées pour gérer les risques de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive et d'en informer les autorités

gihugu bakomokamo. (4) Ibisabwa bivugwa muri iyi ngingo ni na byo byubahirizwa n'ushinzwe gutanga amakuru utari ikigo cy'imari ufite imiterere nk'iy'itsinda ry'ibigo by'imari. <u>Ingingo ya 31: Ibihugu bigaragaramo ingorane zikomeye</u> (1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukoresha ubushishozi buhanitse, bujyanye n'ingorane, ku mikoranire y'ubucuruzi n'ibikorwa by'ubucuruzi agirana n'abantu ku giti cyabo n'imiryango ifite ubuzimagatozi harimo ibigo by'imari bikomoka mu bihugu byagaragajwe n'Akanama nshingwabikorwa mu by'imari. (2) Umuyobozi Mukuru w'Urwego, abisabwe n'Akanama nshingwabikorwa mu by'imari cyangwa abyibwirije ashobora gushyiraho amabwiriza akena ingamba zikwiye zo gukumira ingorane zikomoka mu bihugu bigaragaramo ingorane zikomeye. (3) Urwego rugomba kumenyesha no gutanga inama k'ushinzwe gutanga amakuru ku byuho bigaragara mu buryo	(4) The requirements provided for under this Article also apply reporting person that, although not a financial institution, is structured as a financial group. <u>Article 31: Higher risk countries</u> (1) A reporting person must apply enhanced due diligence, proportionate to the risks, to business relationships and transactions with natural and legal persons, including financial institutions from countries for which this is called for by the Financial Action Task Force. (2) The Director General may, on his or her own motion or at the request of the Financial Action Task Force, establish a regulation determining countermeasures proportionate to the risks emanating from high-risk jurisdictions. (3) The Centre must notify, and provide advice to, a reporting person of concerns about weaknesses in anti-	de contrôle du pays d'origine. (4) Les exigences visées au présent article s'appliquent également à une personne déclarante qui, sans être une institution financière, présente la structure d'un groupe financier. <u>Article 31 : Pays présentant un risque plus élevé</u> (1) Une personne déclarante doit appliquer une vigilance renforcée, proportionnées aux risques, dans ses relations d'affaires et opérations avec des personnes physiques et morales, y compris des institutions financières des pays pour lesquels le Groupe d'action financière appelle à le faire. (2) Le Directeur général du Centre peut, de sa propre initiative ou à la demande du Groupe d'action financière, établir un règlement portant fixation de contre-mesures proportionnées aux risques émanant des pays à haut risque. (3) Le Centre doit informer et conseiller une personne déclarante sur des lacunes observées les dans les
---	--	--

bwo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kimbuzi mu bindi bihugu. <u>Ingingo ya 32: Kumenyekanisha igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa</u> (1) Iyo ushinze gutanga amakuru aketse cyangwa afite impamvu zituma akeka ko amafaranga cyangwa undi mutungo ari indonke zikomoka ku cyaha, bifitanye isano cyangwa bifite aho bihuriye, bizakoreshwa mu gutera inkunga iterabwoba cyangwa ibikorwa by'iterabwoba, bizakoreshwa n'umuntu ukora ibikorwa by'iterabwoba cyangwa n'agatsiko gakora iterabwoba cyangwa n'abantu batera inkunga iterabwoba, agomba guhita akorera raporo Urwego igaragaza uko gukemanga. (2) Ushinzwe gutanga amakuru agomba gukora raporo ku bikorwa by'ubucuruzi byose bikemangwa birimo n'igikorwa cy'ubucuruzi cyageragejwe gukorwa, hatitawe ku ngano y'amafaranga y'icyo gikorwa cy'ubucuruzi. (3) Imirongo ngenderwaho y'Urwego igena	money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction systems of other countries. <u>Article 32: Reporting a suspicious transaction</u> (1) If a reporting person suspects or has reasonable grounds to suspect that funds or other assets are the proceeds of crime, related or linked to, or are to be used for, terrorist financing or terrorist acts, or by a terrorist or a terrorist organization or persons who finance terrorism, it must promptly submit a report setting forth the suspicion to the Centre. (2) A reporting person must report all suspicious transactions, including an attempted transaction, regardless of the amount of the transaction. (3) The Centre's guidelines determine	dispositifs de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive d'autres pays. <u>Article 32 : Déclaration d'une opération suspecte</u> (1) Lorsqu'une personne déclarante soupçonne ou a des motifs raisonnables de soupçonner que des fonds ou autres biens sont le produit du crime, liés au crime ou doivent être utilisés pour le financement du terrorisme ou d'actes terroristes, ou par un terroriste, une organisation terroriste ou les personnes qui financent le terrorisme, elle doit immédiatement faire une déclaration d'opération suspecte auprès du Centre. (2) Une personne déclarante doit déclarer toutes les opérations suspectes, y compris une tentative d'opération suspecte, quel que soit le montant de l'opération. (3) Les lignes directrices du Centre fixent
--	---	---

uburyo n'igihe ntarengwa cyo kuba rwashyikirijwe raporo n'ushinzwe gutanga amakuru ku bikorwa by'ubucuruzi bikemangwa. <u>Ingingo ya 33: Kumenyekanisha igikorwa cy'ubucuruzi cyishyuwe kashi cyangwa ihererekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga</u> (1) Ushinzwe gutanga amakuru agomba guha Urwego raporo kuri ibi bikurikira: (a) igikorwa cy'ubucuruzi cyishyuwe kashi cyangwa ihererekanya ry'amafaranga ry'imbere cyangwa hanze y'igihugu hakoreshejwe ikoranabuhanga ari ku kigero kingana cyangwa kiri hejuru y'icyagenwe, mu buryo n'igihe biteganyijwe; (b) igikorwa cy'ubucuruzi gifite agaciro k'amafaranga ari muni y'ikigero cyagenwe, iyo icyo gikorwa cy'ubucuruzi ari kimwe mu bindi bikorwa by'ubucuruzi bifatanye isano cyangwa bisa n'aho bifatanye isano, kandi igiteranyo cyabyo byose gifite agaciro kangana cyangwa karenga icyo kigero.	procedures and time limits for a reporting person to report suspicious transactions. <u>Article 33: Reporting of a cash transaction or wire transfer</u> (1) A reporting person must submit to the Centre a report on the following: (a) a cash transaction or domestic or cross-border wire transfers equal to or above the threshold, in accordance with modalities and time limits provided for; (b) a transaction that has a monetary value below the specified threshold, if that transaction is one of the other transactions that are related or appear to be related, and the sum of all such transactions has a value equal to or greater than such threshold.	les modalités et les délais de déclaration d'opérations suspectes par une personne déclarante. <u>Article 33 : Déclaration d'une opération en espèces ou d'un virement électronique</u> (1) Une personne déclarante doit faire une déclaration au Centre concernant ce qui suit : (a) opération en espèces ou virements électroniques internes transfrontaliers égaux ou supérieurs au seuil spécifié, selon les modalités et les délais prévus ; (b) opération qui a une valeur monétaire inférieure au seuil spécifié, si cette opération est l'une des autres opérations qui sont liées ou semblent être liées, et la somme de toutes ces opérations a une valeur égale ou supérieure à ce seuil.
--	---	--

(2) Amabwiriza y'Urwego akena ikigero cy'amafaranga, uburyo n'igihe byo kumenyekanisha ibikorwa by'ubucuruzi byishyurwa kashyirwa cyangwa iherekeranywa ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga. <u>Ingingo ya 34:</u> Kudatanga amakuru ku gikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa cyamenyeshejwe Urwego no gusonerwa uburyozwe (1) Ushinzwe gutanga amakuru, ugize Inama y'Ubuyobozi ye, abayobozi bakuru be n'abandi bakozi babujijwe gutanga amakuru kuri raporo y'igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa cyangwa amakuru bifatanyeho isano yashyikirijwe Urwego. (2) Ushinzwe gutanga amakuru, ugize Inama y'Ubuyobozi ye, abayobozi bakuru be n'abandi bakozi ntibakurikiranwaho icyaha cyangwa ngo banyozwe indishyi z'akababaro bitewe no kurenga ku mabwiriza yo kudukatanga amakuru biteganyijwe mu itegeko, mu masezerano, mu mabwiriza y'ubugenzuzi cyangwa yo mu rwego rw'ubutegetsi, iyo bakoreye Urwego raporo y'ibyo bakemanga batagambiriye inabi.	(2) A regulation of the Centre determines the threshold, modalities and time limits for the reporting of cash transactions or wire transfers. <u>Article 34:</u> Non-disclosure of a suspicious transaction reported to the Centre and exemption from liability (1) A reporting person, a member of its board of directors, senior managers and other employees are prohibited from disclosing the fact that a suspicious transaction report or related information has been filed with the Centre. (2) A reporting person, a member of its board of directors, senior managers and other employees are protected from both criminal and civil liability for the breach of any restriction on disclosure of information imposed by contract or by a legislative, regulatory, or administrative provision, if they report their suspicions in good faith to the Centre.	(2) Un règlement du Centre détermine le seuil, les modalités et les délais de déclaration d'opérations en espèces ou de virements électroniques. <u>Article 34 :</u> Non-divulgence d'une opération suspecte déclarée au Centre et exonération de responsabilité (1) Il est interdit à une personne déclarante, à un membre de son conseil d'administration, à ses cadres supérieurs et à ses autres employés de divulguer qu'une déclaration d'une opération suspecte ou d'informations connexes a été faite au Centre. (2) Une personne déclarante, un membre de son conseil d'administration, ses cadres supérieurs et ses autres employés sont protégés contre toute responsabilité pénale et civile pour violation de toute restriction à la divulgation d'informations imposée par contrat ou par disposition législative, réglementaire ou administrative, lorsqu'ils déclarent de bonne foi leurs soupçons au Centre.
--	---	--

(3) Kurengerwa bivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo kubaho kabone n'iyu urengerwa yaba atari azi neza icyaha cyari kirimo gukorwa icyo ari cyo kandi bitabaye ngombwa ko igikorwa kinyuranye n'amategeko cyaba cyarabayeho. <u>Ingingo ya 35:</u> Kugaragaza nyir'umutungo nyawe w'umuryango ufite ubuzima gatozi cyangwa w'ubwumvikane bushingiye ku masezerano Urwego rufite mu nshingano kwandika imiryango ifite ubuzima gatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano rugomba kuba rufite amakuru anoze, y'ukuri kandi agendanye n'igihe kuri nyir'umutungo nyawe w'umuryango ufite ubuzima gatozi cyangwa w'ubwumvikane bushingiye ku masezerano. Ayo makuru agomba kugerwaho n'uyakeneye mu buryo bwihuse. <u>Ingingo ya 36:</u> Umuntu utwaye amafaranga (1) Umuntu uvuye, unyuze cyangwa winjiye mu Rwanda afite cyangwa atwaye amafaranga yaba kashi cyangwa inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite bifite agaciro kangana cyangwa karenze ikigero cyashyizweho n'Urwego	(3) The protection under Paragraph (2) of this Article is available even if they did not know precisely what the underlying criminal activity was, and regardless of whether illegal activity actually occurred. <u>Article 35:</u> Transparency of beneficial ownership of a legal person or legal arrangement The authority in charge of registration of legal persons or legal arrangements must ensure that it maintains adequate, accurate and updated information on the beneficial ownership of a legal person or legal arrangement. That information must be publicly available in a timely manner. <u>Article 36:</u> Cash courier (1) A person who leaves, transits through or enters Rwanda carrying or transporting currency or bearer negotiable instruments of a value equal to or exceeding the threshold pre-set by the Centre must declare or disclose	(3) La protection visée au paragraphe (2) du présent article s'applique même s'ils ne savaient pas précisément quelle était l'activité criminelle sous-jacente, et si l'activité illégale ne s'est pas effectivement produite. <u>Article 35 :</u> Transparence du bénéficiaire effectif d'une personne morale ou construction juridique L'autorité ayant l'enregistrement des personnes morales ou des constructions juridiques dans ses attributions doit s'assurer qu'elle conserve des informations adéquates, précises et à jour sur le bénéficiaire effectif d'une personne morale ou d'une construction juridique. Ces informations doivent être mises à la disposition du public en temps opportun. <u>Article 36 :</u> Passeur de fonds (1) Une personne qui quitte, transite par le Rwanda ou y entre en portant ou transportant des espèces ou des instruments négociables au porteur d'une valeur égale ou supérieure au seuil préalablement déterminé par le
--	--	--

agomba kubimenyekanisha cyangwa kubitangariza urwego rubifitiye ububasha. (2) Amabwiriza y'Urwego ashyiraho ikigero cy'amafaranga n'ibisabwa bijyanye no kumenyekanisha cyangwa gutangaza bikorwa n'utwaye amafaranga n'ibihano bijyanye no kutabyubahiriza. <u>Ingingo ya 37: Kubika imibare</u> (1) Hagamijwe imikorere myiza kandi inoze yo gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, inzego zibifitiye ububasha zigomba kubika imibare yerekeye – (a) raporo ku bikorwa by'ubucuruzi bikemangwa zakiriwe n'izakwirakwijwe; (b) iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi byakorewe iperereza, ibyakurikiranywe n'ubushinjacyaha n'abahamwe	them to the competent authority. (2) A regulation of the Centre sets the threshold of currency and requirements for cash courier declaration or disclosure and sanctions for non-compliance. <u>Article 37: Keeping statistics</u> (1) For the purpose of effectiveness and efficiency of the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction systems, competent authorities must keep statistics related to – (a) suspicious transaction reports received and disseminated; (b) money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction investigations, prosecutions and convictions;	Centre doit en faire la déclaration ou la divulgation à l'autorité compétente. (2) Un règlement du Centre fixe le seuil de fonds et les obligations de déclaration ou de divulgation pour un passeur de fonds ainsi que les sanctions en cas de non-respect. <u>Article 37 : Tenue de statistiques</u> (1) Aux fins de l'efficacité et de l'effectivité des systèmes de prévention et de répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme ou du financement de la prolifération des armes de destruction massive, les autorités compétentes doivent tenir des statistiques sur – (a) les déclarations d'opérations suspectes reçues et disséminées ; (b) les enquêtes, poursuites et condamnations liées au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération
---	--	---

n'ibyaha; (c) amafaranga cyangwa undi mutungo byahagaritswe, byafatiriwe n'ibyanyazwe; (d) ubufatanye mu by'amategeko cyangwa ubundi busabe mpuzamahanga bwakozwe n'ubwakiriwe. (2) Urwego rugomba guhuriza hamwe imibare nyayo kandi ihujwe n'igihe. <u>Ingingo ya 38: Gutanga umurongo ngenderwaho no kugira ikivugwa ku makuru yakiriwe</u> Urwego rubifitiye ububasha, urwego rugenzura n'urwego rwigenzura zigomba gushyiraho imirongo ngenderwaho no kugaragaza icyo zivugwa ku makuru zahawe hagamiywe gufasha ushinze gutanga amakuru gushyira mu bikorwa ingamba zo mu rwego rw'igihugu zijyanye no gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi, by'umwihariko, gutahura no gutanga amakuru ku bikorwa by'ubucuruzi bikemangwa. <u>Ingingo ya 39: Inama Mpuzabikorwa</u>	(c) funds or other assets frozen, seized and confiscated; (d) mutual legal assistance or other international requests for co-operation made and received. (2) The Centre must centralize accurate and updated statistics. <u>Article 38: Guidance and feedback</u> The competent authority, supervisory authority and self-regulatory body must establish guidelines and provide feedback to assist a reporting person in applying national measures for the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction, and in particular, in detecting and reporting suspicious transactions. <u>Article 39: Coordination Council</u>	des armes de destruction massive ; (c) les fonds ou autres biens gelés, saisis ou confisqués ; (d) l'entraide judiciaire ou autres demandes internationales de coopération formulées et reçues. (2) Le Centre doit centraliser les statistiques précises et à jour. <u>Article 38 : Orientation et retour d'informations</u> L'autorité compétente, l'autorité de contrôle et l'organisme d'autorégulation doivent établir des lignes directrices et assurer un retour d'informations qui aident une personne déclarante dans l'application des mesures nationales de prévention et de répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme ou du financement de la prolifération des armes de destruction massive, et, en particulier, à détecter et déclarer les opérations suspectes. <u>Article 39 : Conseil de coordination</u>
---	--	--

(1) Inama Mpuzabikorwa ihuza ibikorwa byo gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi. (2) Iteka rya Perezida rigena abagize Inama Mpuzabikorwa ishinze gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi. Rigena kandi imiterere, n'imikorere byayo. <u>Ingingo ya 40: Inshingano z'urwego rufite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana icyaha</u> Urwego rufite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana icyaha rufite inshingano zikurikira mu bijyanye no gukumira no guhana icyaha cy'iyegandonke n'icyaha cy'ibanze gifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi:	(1) The Coordination Council ensures the coordination of efforts to prevent and fight money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction. (2) A Presidential Order determines the composition of the Coordination Council responsible for preventing and fighting money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction. It also determines its organization and functioning. <u>Article 40: Responsibilities of the authority in charge of investigation and prosecution</u> The authority in charge of investigation and prosecution has the following responsibilities with regard to the prevention and punishment of money laundering and associated predicate offence, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction:	(1) Le Conseil de coordination assure la coordination des efforts de prévention et de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive. (2) Un arrêté présidentiel détermine la composition du Conseil de coordination chargé de la prévention et de la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive. Il détermine également son organisation et son fonctionnement. <u>Article 40 : Responsabilités de l'autorité ayant les enquêtes ou la poursuite pénale dans ses attributions</u> L'autorité ayant les enquêtes ou la poursuite pénale dans ses attributions a les responsabilités suivantes en matière de prévention et de répression du blanchiment de capitaux et de l'infraction sous-jacente associée, du financement du terrorisme ou du financement de la prolifération des armes de destruction massive :
---	--	---

(a) gukurikirana ko icyaha cy'iyezandonke n'icyaha cy'ibanze gifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi bikorwaho iperereza mu buryo bunoze hakurikijwe imirongo yatanze na politiki z'Igihugu; (b) gukora iperereza ku cyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi mu gihe cy'iperereza ku cyaha cyo mu rwego rw'imari cyangwa kohereza ikirego mu rundi rwego rubifite mu nshingano kugira ngo rukomeze iryo perereza, hatitawe aho icyaha cy'ibanze cyabereye; (c) kumenya byihuse, gushakisha, guhagarika no gufatira, nta nteguza, amafaranga cyangwa undi mutungo bishobora kuba byanyagwa cyangwa bikekwa ko ari indonke zikomoka ku cyaha.	(a) to ensure that money laundering and associated predicate offence, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction offences are properly investigated, within the framework of national policies; (b) to carry out investigation of any related money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction offences during a parallel financial investigation, or refer the case to another agency to follow up with such investigations, regardless of where the predicate offence occurred; (c) to expeditiously identify, trace and initiate freezing and seizing, without prior notice, of funds or other assets that may become subject to confiscation, or is suspected of being the proceeds of crime.	(a) s'assurer que le blanchiment de capitaux et l'infraction sous-jacente associée, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive font l'objet d'enquêtes satisfaisantes, dans le cadre des politiques nationales ; (b) effectuer l'enquête d'une infraction liée au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme ou au financement de la prolifération des armes de destruction massive au cours d'une enquête financière parallèle, ou de confier l'affaire à une autre entité compétente devant assurer le suivi de ces enquêtes, quel que soit le lieu où s'est produite l'infraction sous-jacente ; (c) identifier, dépister et déclencher le rapidement les procédures de gel ou de saisie, sans notification préalable, de fonds ou autres biens susceptibles d'être soumis à confiscation, ou suspectés d'être le produit du crime.
<u>Ingingo ya 41:</u> Ububasha bw'inzeho zifite kugenza cyangwa gukurikirana icyaha mu nshingano Mu gukumira no guhana icyaha cy'iyezandonke n'icyaha cy'ibanze	<u>Article 41:</u> Powers of the authorities in charge of investigation or prosecution With regard to the prevention and punishment of money laundering and associated predicate	<u>Article 41 :</u> Pouvoirs des autorités ayant l'enquête ou la poursuite pénale dans leurs attributions En ce qui concerne la prévention et la répression du blanchiment de capitaux et

gifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi inzego zifite kugenza cyangwa gukurikirana icyaha mu nshingano, zifite ububasha bukurikira: (a) guhabwa inyandiko zose za ngombwa n'amakuru; (b) gutegeka ushinze gutanga amakuru cyangwa undi muntu gutanga amakuru bafite n'inyandiko babitse; (c) gusaka ahantu, abantu, ibintu n'inyubako; (d) gufata imvugo z'abatangabuhamya, iz'abakekwa n'iz'abahohotewe; (e) gufatira no gukusanya ibimenyetso; (f) kumenya mu gihe gikwiye niba umuntu afite cyangwa agenzura konti; (g) kumenya amakuru ku mafaranga cyangwa undi mutungo by'umuntu batabanje kubimenyesha nyirabyo; (h) gusaba amakuru yose y'ingenzi afitwe n'Urwego.	offence, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction, authorities in charge of investigation or prosecution have the following powers: (a) to obtain access to all necessary documents and information; (b) to compel the production of records held by a reporting person or another person; (c) to search an area, persons, property, and premises; (d) to take statements from witness, suspects, and victims; (e) to seize and obtain evidence; (f) to identify, in a timely manner, whether a person holds or controls an account; (g) to identify funds or other assets without prior notification to the owner; (h) to ask for all relevant information held by the Centre.	l'infraction sous-jacente associée, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, les autorités ayant l'enquête ou la poursuite pénale dans leurs attributions disposent des pouvoirs suivants : (a) avoir accès à tous les documents et informations nécessaires ; (b) obliger la production de documents détenus par une personne déclarante ou une autre personne ; (c) fouiller une zone, des personnes, des biens et des locaux ; (d) recueillir les dépositions de témoins, de suspects et de victimes ; (e) saisir et obtenir des preuves ; (f) déterminer en temps opportun si une personne détient ou contrôle un compte ; (g) identifier des fonds ou autres biens sans notification préalable au propriétaire ; (h) demander toutes les informations pertinentes détenues par le Centre.
---	--	---

<u>Ingingo ya 42:</u> Uburyo bwihariye bwo kugenza icyaha Urwego rufite mu nshingano kugenza icyaha cyangwa gukurikirana icyaha cy'iyezandonke n'icyaha cy'ibanze gifitanye isano na yo, icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi rukoresha uburyo bwihariye bwo gukora iperereza burimo – (a) gukora iperereza rwihishwa; (b) kugenzura itumanaho; (c) kwinjira mu buryo bukoreshwa na mudasobwa cyangwa ubundi buryo bw'ikorabuhanga; (d) cyangwa kugenzura ibigemurwa.	<u>Article 42:</u> Special investigative techniques The authority in charge of investigation and prosecution of money laundering and associated predicate offence, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction uses special investigative techniques, including – (a) undercover operations; (b) intercepting communications; (c) accessing computer systems or other electronic systems; or (d) controlled delivery.	<u>Article 42 :</u> Techniques d'enquête spéciales L'autorité ayant dans ses attributions l'enquête et la poursuite pénale en matière de blanchiment de capitaux et d'infraction sous-jacente associée, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive utilise les techniques d'enquête spéciales comprenant– (a) les opérations sous couverture ; (b) l'interception de communications ; (c) l'accès aux systèmes informatiques ou autres systèmes électroniques ; ou (d) la livraison surveillée.
<u>Ingingo ya 43:</u> Inshingano z'urwego rugenzura Mu kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi urwego rugenzura rufite inshingano zikurikira: (a) kugenga, kugenzura no gukurikirana	<u>Article 43:</u> Responsibilities of supervisory authority With regard to anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction, the supervisory authority has the following responsibilities: (a) to regulate, supervise or monitor	<u>Article 43 :</u> Attributions de l'autorité de contrôle En ce qui concerne la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, l'autorité de contrôle a les attributions suivantes : (a) réglementer, contrôler ou surveiller la

uko ushinzwe gutanga amakuru yubahiriza ibisabwa mu rwego rwo kurwanya icyaha cy'iyezandonke, icyo gutera inkunga iterabwoba n'icyo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kimbuzi; (b) guha ushinzwe gutanga amakuru uruhushya rwo gukora; (c) kubuza ishyirwaho rya banki za baringa cyangwa kubuza izirihogukomeza gukora; (d) gufata ingamba hifashishijwe amategeko n'amabwiriza hagamijwe gukumira ko abanyabyaha cyangwa abo bahuje inyungu bagira cyangwa baba banyir'umutungo nyabo b'igice kinini cyangwa cy'ubwiganze mu bikorwa by'ushinzwe gutanga amakuru cyangwa bajya mu buyobozi bw'ibyo bikorwa; (e) gukora igenzura n'ikurikirana bishingiye ku isesengura ry'ingorane ku birebana n'ushinzwe gutanga amakuru ku rwego rw'ikigo, ku rw'itsinda no mu rwego ushinzwe gutanga amakuru akoreramo.	reporting person' compliance with the anti-money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapon of mass destruction requirements; (b) to licence a reporting person; (c) to prohibit the establishment or continued operation of shell banks; (d) to take the necessary legal or regulatory measures to prevent criminals or their associates from holding or being the beneficial owner of a significant or controlling interest, or holding a management function, in a reporting person's activities; (e) to conduct a risk-based supervision and monitoring associated with a reporting person at institution level, group-level and sector level.	conformité de la personne déclarante aux exigences de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive ; (b) agréer une personne déclarante ; (c) interdire l'établissement de banques fictives ou la poursuite de leurs activités. (d) prendre les mesures législatives ou réglementaires nécessaires pour empêcher les criminels ou leurs complices de détenir ou de devenir les bénéficiaires effectifs d'une participation significative ou de contrôle dans les activités d'une personne déclarante, ou d'y occuper un poste de direction. (e) effectuer un contrôle et un suivi basés sur les risques associés à une personne déclarante au niveau de l'institution, au niveau du groupe et au niveau du secteur.
--	--	--

(f) gukorana, gufasha no guhanahana amakuru n'inzego z'igihugu zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko; (g) gufasha mu rwego rwo guhanahana amakuru n'izindi nzego zigenzura z'imbere mu gihugu n'izo mu mahanga bihuje inshingano; (h) gufata ingamba za ngombwa zo gukumira abanyabyaha cyangwa abo bahuje inyungu kwemererwa gukora umwuga cyangwa kugira cyangwa kuba ba nyir'umutungo nyabo b'igice kinini cyangwa cy'ubwiganze cy'umutungo cyangwa gukora imirimo y'ubuyobozi mu bikorwa by'ushinzwe gutanga amakuru.	(f) to cooperate, assist and exchange information with the national law enforcement authorities; (g) to assist in the context of sharing information with national and foreign supervisory authorities with similar mission; (h) to take necessary measures to prevent criminals or their associates from being professionally accredited, or holding or being the beneficial owner of a significant or controlling interest, or holding a management function in a reporting person's activities.	(f) coopérer, assister et échanger des informations avec les autorités nationales de poursuite pénale ; (g) assister dans le cadre d'échange d'informations avec les autorités de contrôle nationales et étrangères ayant une mission similaire ; (h) prendre les mesures nécessaires pour empêcher les criminels ou leurs complices d'accéder au statut de professionnel agréé, ou de détenir une participation significative ou de contrôle, de devenir les bénéficiaires effectifs d'une telle participation dans les activités d'une personne déclarante ou d'y occuper un poste de direction.
<u>Ingingo ya 44: Ububasha bw'urwego rugenzura</u> Urwego rugenzura rufite ububasha bwo kugenzura ko ushinzwe gutanga amakuru yubahiriza ibisabwa mu rwego rwo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi mu buryo bukurikira:	<u>Article 44: Powers of a supervisory authority</u> The supervisory authority supervises a reporting person with regard to the compliance with anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction requirements, by exercising the following powers:	<u>Article 44 : Pouvoirs d'une autorité de contrôle</u> L'autorité de contrôle supervise la conformité d'une personne déclarante aux obligations en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, et ce, en exerçant les pouvoirs suivants :

(a) gukurikirana no kureba ko ushinzwe gutanga amakuru yubahiriza ibisabwa mu byerekeye kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba, no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi hashingiwe ku bishobora guteza ingorane;	(a) to monitor and ensure compliance by a reporting person with anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction requirements on a risk-sensitive basis;	(a) effectuer le suivi et s'assurer de la conformité d'une personne déclarante aux obligations en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive en fonction de l'appréciation des risques ;
(b) gukora ubugenzuzi k'ushinzwe gutanga amakuru;	(b) to conduct inspections of a reporting person;	(b) procéder à des inspections d'une personne déclarante ;
(c) gutegeka ushinzwe gutanga amakuru gutanga amakuru afasha mu gukurikirana iyubahirizwa ry'ibisabwa mu byerekeye kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi;	(c) to compel a reporting person to produce information relevant to monitoring compliance with the anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction requirements;	(c) exiger la production par une personne déclarante des informations pertinentes pour faire le suivi de la conformité aux obligations en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(d) gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi mu gihe hatubahirijwe ibisabwa mu byerekeye kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi, harimo ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire n'urw'imari, kwamburwa, kubuzwa cyangwa	(d) to impose administrative sanctions for failure to comply with anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction requirements, including disciplinary and financial sanctions, withdrawal, restriction or suspension of the reporting person's license;	(d) imposer des sanctions administratives en cas de non-respect des obligations en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, y compris des sanctions disciplinaires et financières, le retrait, la restriction

guhagarikirwa by'agateganyo uruhushya rwo gukora rw'ushinzwe gutanga amakuru; (e) gushyiraho amabwiriza n'imirongo ngenderwaho byo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuji; (f) kwemerera no korohereza urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano gukora iperereza igihe ari ngombwa. UMUTWE WA III: IBISABWA BYIHARIYE KU MIRYANGO IDAHARANIRA INYUNGU <u>Ingingo ya 45:</u> Ibisabwa ku muryango udaharanira inyungu Mu rwego rwo gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuji, umuryango udaharanira inyungu ugomba – (a) gutanga raporo y'ibaruramari ya buri mwaka igaragaza ibisobanuro birambuye ku byo winjiza	(e) to issue regulations and guidelines on anti-money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; (f) to authorise and facilitate the ability of a foreign counterpart to conduct investigations where necessary. CHAPTER III: SPECIFIC REQUIREMENTS APPLICABLE TO NON-PROFIT ORGANISATIONS <u>Article 45:</u> Requirements applicable to a non-profit organisation In the context of preventing and punishing money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, a non-profit organisation must – (a) submit to its supervisory authority annual financial statements that provide detailed breakdowns of	ou la suspension de la licence d'une personne déclarante ; (e) édicter des règlements et des lignes directrices sur la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ; (f) autoriser son homologue étranger à mener des enquêtes et l'aider à être en mesure de mener cette tâche, si nécessaire. CHAPITRE III: EXIGENCES SPÉCIFIQUES APPLICABLES AUX ORGANISMES À BUT NON LUCRATIF <u>Article 45 :</u> Exigences applicables à un organisme à but non lucratif Dans le cadre de la prévention et de la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, un organisme à but non lucratif doit– (a) soumettre à son autorité de contrôle les états financiers annuels présentant une ventilation détaillée de ses
--	--	---

n'ibisohoka ku rwego rubagenzura; (b) kugira uburyo bw'igenzura bukwiye hagamijwe kugaragaza uko amafaranga yose yakoreshejwe, kandi ko akoreshwa mu buryo bujyanye n'ikigamijwe n'intego by'ibikorwa byateganyijwe; (c) gufata ingamba zikwiye zo kugenzura umwirondoro w'abaterankunga bawo bakomeye, n'imiterere y'abagenerwabikorwa n'imiryango idaharanira inyungu bifatanye isano, hagamijwe gukumira ko inkunga uhabwa yakoreshejwe mu gufasha iterabwoba, ibikorwa by'iterabwoba cyangwa agatsiko k'iterabwoba; (d) gufata ingamba zikwiye zo kubika ibiranga umwirondoro w'abaterankunga bawo bakomeye; (e) kubungabunga amakuru ku kigamijwe n'intego by'ibikorwa byawo n'umwirondoro wa ba nyirawo, abawugenzura cyangwa abayobora ibikorwa byawo harimo abayobozi, abagize inama y'ubuyobozi n'ucunga iby'abandi w'umwuga;	incomes and expenditures; (b) have appropriate controls in place to ensure that all funds are fully accounted for, and spent in a manner that is consistent with the purpose and objectives of planned activities; (c) take reasonable measures to verify the identity of its significant donors, and the characteristics of beneficiaries and associate non-profit organisations, with a view to preventing funds granted to it from being used to support terrorist acts or a terrorist entity; (d) take reasonable measures to maintain the identity of its significant donors; (e) maintain information on the purpose and objectives of its stated activities and the identity of the persons who own, control or direct its activities, including senior officers, board members and trustees; and	recettes et de ses dépenses ; (b) disposer de mécanismes de contrôle appropriés pour s'assurer que tous les fonds sont entièrement comptabilisés et utilisés conformément au but et aux objectifs des activités prévues ; (c) prendre des mesures raisonnables en vue de vérifier l'identité de ses principaux donateurs et les caractéristiques de ses bénéficiaires et organismes à but non lucratif associés, en vue d'empêcher l'utilisation de fonds qui lui sont accordés à des fins de soutien des actes terroristes ou d'une entité terroriste ; (d) prendre des mesures raisonnables pour conserver l'identité de ses principaux donateurs ; (e) conserver des informations sur le but et les objectifs de ses activités déclarées, et l'identité des personnes qui possèdent, contrôlent ou gèrent ses activités, y compris les cadres supérieurs, les membres du conseil d'administration et les fiduciaires ; et
---	---	---

(f) no kubika mu gihe cy'imyaka icumi inyandiko zose z'ibikorwa by'ubucuruzi by'imbere mu gihugu no hanze yacyo n'andi makuru avugwa muri (c), (d) na (e) tw'iyi ngingo no gutuma izo nyandiko zibonwa n'inzego zibifitiye ububasha. <u>Ingingo ya 46: Uburyo bw'isesengura ry'ingorane ku miryango idaharanira inyungu</u> Mu byerekeye kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi, urwego rushinzwe kugenga, kugenzura cyangwa gukurikirana ibikorwa by'imiryango idaharanira inyungu rugomba— (a) gukoresha uburyo bwose bushoboka bwo kubona amakuru yose akwiye kugira ngo hamenyekane ubwoko n'ibiranga imiryango idaharanira inyungu ishobora gukora cyangwa gukoreshwa mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba bitewe n'ibyo ikora cyangwa imiterere yayo; (b) kumenya imiterere y'ibibazo biterwa	(f) maintain, for a period of ten years, all records of domestic and international transactions and other information stated under Subparagraphs (c), (d) and (e) of this Article and make these records available to competent authorities. <u>Article 46: Risk-based approach to non-profit organisations</u> In the context of countering money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, the authority in charge of regulating, supervising, or monitoring non-profit organisations must – (a) use all relevant sources of information, in order to identify the features and types of non-profit organisations which by virtue of their activities or characteristics, are likely to be at risk of terrorist financing abuse; (b) identify the nature of threats posed by	(f) conserver pendant dix ans tous les relevés de ses transactions nationales et internationales et d'autres informations visées aux alinéas (c), (d) et (e) du présent article tenir ces éléments à la disposition des autorités compétentes. <u>Article 46 : Approche fondée sur les risques pour les organismes à but non lucratif</u> Dans le cadre de la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit – (a) utiliser toutes les sources d'informations pertinentes pour identifier les aspects et les types d'organismes à but non lucratif qui, du fait de leurs activités ou de leurs caractéristiques, sont susceptibles de courir le risque d'être exploités à des fins de financement du terrorisme ; (b) identifier la nature des menaces
---	---	---

n'udutsiko tw'iterabwoba ku miryango idaharanira inyungu ishobora gushyirwaho iterabwoba n'uburyo abakora iterabwoba bakoresha nabi iyo miryango idaharanira inyungu; (c) gusuzuma akamaro k'ingamba harimo amategako n'amabwiriza hagamijwe gufata ingamba zikwiye kandi ziboneye zigamije gukemura ingorane zamenyekanye; (d) no gukora isesengura ry'imiryango idaharanira inyungu mu buryo bw'ingarukagihe hasesengurwa amakuru mashya ajyanye n'ibyuho bishobora kuba biri muri urwo rwego byanyuzwamo ibikorwa by'iterabwoba hagamijwe uburyo bunoze bw'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba. <u>Ingingo ya 47:</u> Gahunda zo kumenyekanisha ibibazo bijyanye no gutera inkunga iterabwoba Mu byerekeye kurwanya gutera inkunga iterabwoba, urwego rugenga, rugenzura cyangwa rukurikirana imiryango idaharanira inyungu rugomba –	terrorist entities to non-profit organisations which are at risk as well as how terrorist actors abuse those non-profit organisations; (c) review the adequacy of measures, including laws and regulations, in order to take proportionate and effective actions to address the risks identified; and (d) periodically reassess the sector by reviewing new information on the sector's potential vulnerabilities to terrorist activities to ensure effective implementation of measures. <u>Article 47:</u> Outreach programmes on terrorist financing issues In the context of countering terrorist financing, the authority in charge of regulating, supervising, or monitoring non-profit organisations must –	posées par les entités terroristes sur les organismes à but non lucratif qui courent le risque ainsi que la manière dont les acteurs terroristes exploitent ces organismes à but non lucratif ; (c) examiner la pertinence des mesures, y compris les lois et les règlements, afin d'engager des actions proportionnées et efficaces pour parer aux risques identifiés ; et (d) réévaluer périodiquement le secteur en examinant les nouvelles informations relatives à ses éventuelles vulnérabilités aux activités terroristes afin de garantir une mise en œuvre efficace des mesures. <u>Article 47 :</u> Programmes de sensibilisation aux questions relatives au financement du terrorisme Dans le cadre de la lutte contre le financement du terrorisme, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit –
---	--	---

(a) kugira politiki isobanutse igamije guteza imbere umuco wo kubazwa inshingano n'ubwangamugayo mu miryango idaharanira inyungu no kongera icyizere abatwaga bagirira iyo miryango mu miyoborere n'imirungire byayo; (b) gushyiraho gashyamba zo kwigisha imiryango idaharanira inyungu n'abafatanyabikorwa ibijyanye n'ibyaho imiryango idaharanira inyungu ishobora kugira ikaba yakoresheye mu gutera inkunga iterabwoba n'ingorane zo kuba yatera inkunga iterabwoba, n'ingamba ishobora gufata kugira ngo ibashe kwirinda kuba yakoresheye bene ibyo bikorwa; (c) gufasha imiryango idaharanira inyungu gushyiraho no kunoza imikorere myiza hagamijwe gukemura ingorane zijyanye no gutera inkunga iterabwobwa n'ibyaho hagamijwe kuyirinda gukoresheye mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba; (d) no kureba ko imiryango idaharanira	(a) have clear policies to promote accountability, integrity and public confidence in the administration and management of non-profit organisations; (b) establish educational programmes to raise awareness among non-profit organisations as well as the donor community about the potential vulnerabilities of non-profit organisations to terrorist financing abuse and terrorist financing risks, and the measures that non-profit organisations can take to protect themselves against such abuse; (c) assist non-profit organisations in developing and refining best practices to address terrorist financing risk and vulnerabilities to protect them from terrorist financing abuse; and (d) ensure that non-profit organisations	(a) se doter de politiques claires visant à promouvoir la redevabilité et l'intégrité et la confiance du public dans la gestion et le fonctionnement des organismes à but non lucratif ; (b) mettre en place des programmes d'éducation pour sensibiliser les organismes à but non lucratif ainsi que la communauté des donateurs aux vulnérabilités potentielles des organismes à but non lucratif face à l'exploitation à des fins de financement du terrorisme et aux risques de financement du terrorisme, et sur les mesures que les organismes à but non lucratif peuvent prendre pour se protéger d'une telle exploitation ; (c) aider les organismes à but non lucratif à mettre au point et affiner les meilleures pratiques qui permettent de répondre aux risques de financement du terrorisme et aux vulnérabilités et de les protéger contre toute exploitation à des fins de financement du terrorisme ; et (d) s'assurer que les organismes à but non
---	---	--

inyungu ikora ibikorwa by'ubucuruzi ibinyujije mu miyoboro ya serivisi z'imari yemewe. <u>Ingingo ya 48:</u> Ubugenzuzi bw'imiryango idaharanira inyungu hashingiwe ku ngorane zagaragaye Mu byerekeye kurwanya gutera inkunga iterabwoba, urwego rugenga, rugenzura cyangwa rukurikirana imiryango idaharanira inyungu rugomba – (a) gukoresha ingamba z'isesengura ry'ingorane ku miryango idaharanira inyungu igaragara nk'ishobora gukora cyangwa gukoreshwa mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba; (b) gukurikirana uko imiryango idaharanira inyungu yubahiriza ibisabwa n'iri tegeko n'amabwiriza y'urwego rubifitiye ububasha; (c) no gushyiraho ibihano ku miryango idaharanira inyungu cyangwa abakora mu izina ryayo barenga ku mategeko.	conduct transactions through legitimate financial channels. <u>Article 48:</u> Targeted risk-based supervision of non-profit organisations In the context of countering terrorist financing, the authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must– (a) apply risk-based measures to non-profit organisations at risk of terrorist financing abuse; (b) monitor the compliance of non-profit organisations with the requirements of this Law and regulations of the competent authority; and (c) put in place sanctions for violations by non-profit organisations or persons acting on behalf of these non-profit organisations.	lucratif effectuent leurs opérations par l'intermédiaire de circuits financiers légitimes. <u>Article 48 :</u> Contrôle ciblé des organismes à but non lucratif basé sur les risques Dans le cadre de la lutte contre le financement du terrorisme, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit – (a) appliquer des mesures fondées sur les risques aux organismes à but non lucratif susceptibles d'être exploités à des fins de financement du terrorisme ; (b) surveiller la conformité des organismes à but non lucratif aux obligations de la présente loi et aux règlements de l'autorité compétente ; et (c) mettre en place des sanctions pour des violations par des organismes à but non lucratif ou par des personnes agissant en leur nom.
--	---	---

<u>Ingingo ya 49: Guhanahana amakuru</u>	<u>Article 49: Information-sharing</u>	<u>Article 49 : Échange d'informations</u>
(1) Mu byerekeye kurwanya gutera inkunga iterabwoba, urwego rugenga, rugenzura cyangwa rukurikirana ibikorwa by'imiryango idaharanira inyungu rugomba gushyiraho uburyo bw'imikoranire hagati y'inzego hagamijwe guhanahana amakuru. (2) Urwego rugenga, rugenzura cyangwa rukurikirana ibikorwa by'imiryango idaharanira inyungu rugomba gutanga amakuru mu buryo bwihuse ku rwego rubifitiye ububasha igihe habayeho gukuka cyangwa impamvu zumvikana zituma habaho gukuka ko umuryango udaharanira inyungu – (a) ugira uruhare mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba cyangwa ukoreshwa n'umuryango ukora iterabwoba mu gukusanya amafaranga; (b) ukoreshwa nk'umuyoboro unyuzwamo amafaranga yo gutera inkunga iterabwoba, hagamijwe gutuma hatabaho guhagarika amafaranga cyangwa undi mutungo cyangwa ubundi buryo bwo gushyigikira iterabwoba;	(1) In the context of countering terrorist financing, the authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must establish cooperation mechanisms among authorities in the context of information-sharing; (2) The authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must promptly share information with the competent authority when there are suspicions or reasonable grounds to suspect that a non-profit organisation – (a) is involved in terrorist financing abuse or is a front for fundraising by a terrorist organization; (b) is being exploited as a conduit for terrorist financing, including for the purpose of escaping funds or other assets freezing measures, or other forms of terrorist support; or	(1) Dans le cadre de la lutte contre le financement du terrorisme, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit mettre en place des mécanismes de coopération entre les autorités dans le cadre de l'échange d'informations ; (2) L'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit informer rapidement l'autorité compétente lorsqu'il existe des soupçons ou des motifs raisonnables de soupçonner qu'un organisme à but non lucratif – (a) est impliqué dans une exploitation à des fins de financement du terrorisme ou sert de façade à une organisation terroriste pour la collecte de fonds ; (b) est exploité comme un moyen de financement du terrorisme, y compris pour éviter des mesures de gel de fonds ou autres biens, ou comme d'autres formes de soutien du terrorisme ; ou

(c) cyangwa uhisha ko amafaranga agenewe ibikorwa byemewe yakoreshejwe mu gutera inkunga iterabwoba. <u>Ingingo ya 50:</u> Ubusabe mpuzamahanga bw'amakuru yerekeye umuryango udaharanira inyungu uteje impungenge Mu byerekeye kurwanya gutera inkunga iterabwoba, urwego rugenga, rugenzura cyangwa rukurikirana imiryango idaharanira inyungu rugomba gushyiraho uburyo bukurikizwa n'umuntu ushinze gukurikirana ibijyanye n'ubusabe mpuzamahanga ku makuru yerekeye imiryango idaharanira inyungu ikekwa gutera inkunga iterabwoba cyangwa kugira uruhare mu bundi buryo bwo gushyigikira iterabwoba. <u>UMUTWE WA IV:</u> UBUFATANYE MPUZAMAHANGA <u>Ingingo ya 51:</u> Amahame rusange arebana n'ubufatanye mpuzamahanga (1) Urwego rubifitiye ububasha rugomba – (a) kugirana mu buryo bwihuse ubufatanye mpuzamahanga mu	(c) is concealing the fact that funds intended for legitimate purposes were actually used to finance terrorism. <u>Article 50:</u> International requests for information about a non-profit organisation of concern In the context of countering terrorist financing, the authority in charge of regulating, supervising or monitoring non-profit organisations must set procedures to be followed by a contact person designated to respond to international requests for information regarding non-profit organisations suspected of terrorist financing or involvement in other forms of terrorist support. <u>CHAPTER IV:</u> INTERNATIONAL COOPERATION <u>Article 51:</u> General principles related to international cooperation (1) the competent authority must– (a) rapidly provide the widest possible range of international cooperation	(c) dissimule le fait que des fonds destinés à des fins légitimes ont effectivement été utilisés pour financer le terrorisme. <u>Article 50 :</u> Demandes internationales d'informations sur un organisme à but non lucratif suspect Dans le cadre de la lutte contre le financement du terrorisme, l'autorité chargée de réglementer, de contrôler ou de surveiller les organismes à but non lucratif doit établir des procédures suivies par une personne de contact chargée de répondre aux demandes internationales d'informations concernant des organismes à but non lucratif suspectés de financer le terrorisme ou de le soutenir par tout autre moyen. <u>CHAPITRE IV:</u> COOPÉRATION INTERNATIONALE <u>Article 51 :</u> Principes généraux relatifs à la coopération internationale (1) l'autorité compétente doit– (a) accorder rapidement la coopération internationale la plus
---	--	---

buryo bwagutse n'urundi rwego bihuje inshingano; (b) guhanahana amakuru rubisabwe cyangwa rubyibwirije; (c) gukoresha uburyo bunoze kugira ngo ubufatanye bukorwe neza; (d) kugira imiyoboro, uburyo cyangwa inzira bisobanutse kandi bifite umutekano byoroshya bifasha gukora iyohereza n'iyubahirizwa ry'ubusabe; (e) gushyiraho uburyo ngengamikorere bugamije kubika neza amakuru yakiriwe; (f) kugira uburyo busobanutse bufasha kubika neza amakuru yakiriwe; (g) gushyikirana n'izindi nzego zo mu bindi bihugu zihuje inshingano no gushyira umukono ku masezerano cyangwa ku bwumvikane na zo mu rwego rw'impande ebyiri cyangwa nyinshi hagamijwe ubufatanye igihe bukenewe;	to its foreign counterpart; (b) share information on request or on own motion; (c) use the most efficient means to co-operate; (d) have clear and secure gateways, mechanisms or channels that facilitate and allow for the transmission and execution of requests; (e) establish internal procedures for safeguarding the information received; (f) have clear processes for safeguarding the information received; (g) negotiate and sign bilateral or multilateral agreements or arrangements to co-operate in a timely way, with the widest range of foreign counterparts;	large possible à son homologue étranger ; (b) échanger l'information à la demande ou de sa propre initiative ; (c) utiliser les moyens les plus efficaces pour coopérer ; (d) disposer de canaux, de circuits ou de mécanismes clairs et sécurisés pour faciliter et permettre la transmission et l'exécution des demandes ; (e) élaborer des procédures internes pour la protection des informations reçues ; (f) disposer de procédures claires pour la protection des informations reçues ; (g) négocier et signer avec le plus grand nombre possible d'homologues étrangers des accords ou des arrangements bilatéraux ou multilatéraux en vue de coopérer avec eux en temps opportun ;
--	---	--

(h) kugaragariza, mu gihe gikwiye, inzego zibishinzwe zaruhaye ubufasha uburyo rwakoresheje amakuru rwahawe n'akamaro yarugiriye. (2) Urwego rubifitiye ububasha rushobora kugirana imikoranire cyangwa ubwumvikane mu by'ubufatanye n'urundi rwego rwo mu kindi gihugu bihuje inshingano ku byerekeye iyezandonke n'ibyaha by'ibanze bifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kimbuzi. (3) Urwego rubifitiye ububasha, rubisabwe, rugomba kumenyesha mu gihe gikwiye urwego rubifitiye ububasha rwaruhaye ubufasha uko rwakoresheje amakuru rwabonye n'akamaro yarugiriye. (4) Urwego rubifitiye ububasha rugomba rukurikirana ireme ry'ubufasha rubona buturutse mu bindi bihugu mu gushyiraho ubusabe ku makuru y'ibanze n'amakuru ya nyir'umutungo nyawe cyangwa ubusabe ku gushakisha nyir'umutungo nyawe uba mu mahanga.	(h) provide feedback in a timely manner to competent authorities from which they have received assistance, on the use and usefulness of the information obtained. (2) The competent authority may enter into relationships or co-operation arrangements with a foreign counterpart in relation to money laundering and associated predicate offences, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction. (3) The competent authority must, upon request, provide feedback in a timely manner to the competent authority from which it has received assistance, on the use and usefulness of the information obtained. (4) The competent authority must monitor the quality of assistance it receives from other countries in response to requests for basic and beneficial ownership information or requests for assistance in locating a beneficial owner residing abroad.	(h) fournir un retour d'informations en temps opportun aux autorités compétentes desquelles elle a reçu une assistance, quant à l'usage et à l'utilité des informations obtenues. (2) L'autorité compétente peut nouer des relations ou des accords de coopération avec son homologue étranger en matière de blanchiment de capitaux et d'infractions sous-jacentes associées, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive. (3) L'autorité compétente doit, sur demande, fournir un retour d'informations en temps opportun à l'autorité compétente de laquelle elle a reçu une assistance, quant à l'usage et à l'utilité des informations obtenues. (4) L'autorité compétente doit contrôler la qualité de l'assistance qu'elle reçoit d'autres pays en réponse aux demandes d'informations de base et d'informations sur les bénéficiaires effectifs ou à des demandes d'assistance pour localiser un
---	--	--

(5) Urwego rubifitiye ububasha ntirugomba kwanga ubusabe bwo gutanga ubufasha rwitwaje ko – (a) ubusabe bugaragara nk’uburimo ibibazo by’imisoro; (b) ari ibanga, keretse gusa igihe amakuru y’ibanga asabwa abitswe ku mpamvu z’ibanga ry’umurimo; (c) hari igikorwa cyo gushaka amakuru cyangwa kugenza icyaha cyangwa hari urubanza ruburanishwa keretse iyo ubufasha bushobora kubangamira iperereza cyangwa urubanza; (d) cyangwa ko imiterere y’urwego rusabwa bihuje inshingano inyuranye n’iy’urwego rusaba. (6) Urwego rubifitiye ububasha rugomba gukora ku buryo amakuru yakiriwe	(5) The competent authority must not refuse a request for assistance: – (a) on the ground that the request is considered to involve fiscal matters; (b) on the grounds of secrecy or confidentiality, except where the relevant information sought is held for reasons of professional secrecy; (c) on the ground that there is an inquiry, investigation or proceeding underway, unless the assistance may impede that inquiry, investigation or proceeding; or (d) on the ground that the nature or status of the requested counterpart authority is different from that of the requesting authority. (6) The competent authority must ensure that information received is used only	bénéficiaire effectif résidant à l'étranger. (5) L'autorité compétente ne doit pas refuser d'exécuter une demande d'assistance – (a) au motif que la demande est considérée comme portant sur des questions fiscales ; (b) pour des motifs liés au secret ou à la confidentialité, sauf lorsque les informations recherchées sont détenues pour des raisons de secret professionnel ; (c) au motif qu'il existe une enquête ou une procédure en cours, à moins que l'assistance sollicitée ne risque d'entraver cette enquête ou procédure ; ou (d) au motif que la nature ou le statut de l'autorité homologue requise sont différents de ceux de l'autorité requérante. (6) L'autorité compétente doit s'assurer que les informations reçues ne sont
--	--	---

akoresha gusa icyo yagenewe kandi agakoresha n'urwego rwayasabye cyangwa rwayasabiwe uretse igihe urwego rwasabwe amakuru rwatanze uruhushya rwo kuyakoresha ikindi.	for the purpose for, and by the authority, for which the information was sought or provided, unless prior authorisation has been given by the requested competent authority.	utilisées qu'aux fins et par l'autorité pour lesquelles les informations ont été demandées ou fournies, sauf si une autorisation préalable a été accordée par l'autorité compétente requise.
(7) Urwego rubifitiye ububasha rugomba kugira ibanga rikwiye ku busabe bwose bw'ubufatanye n'amakuru yatanze, mu buryo buhuye n'inshingano z'imipande zombi ku byerekeranye n'imibereho bwite no kurinda amakuru. Urwego rubifitiye ububasha rugomba kurinda amakuru yahererekanyijwe nk'uko rwarinda amakuru bimeze kimwe aturuka imbere mu gihugu.	(7) The competent authority must maintain appropriate confidentiality for any request for cooperation and the information exchanged, consistent with both parties' obligations concerning privacy and data protection. The competent authority must protect exchanged information in the same manner as it would protect similar information received from domestic sources.	(7) L'autorité compétente doit assurer un degré de confidentialité approprié à toute demande de coopération et aux informations échangées, dans le respect des obligations des deux parties en matière de respect de la vie privée et de protection des données. L'autorité compétente doit protéger les informations échangées de la même façon qu'elle protège les informations analogues reçues de sources nationales.
(8) Urwego rubifitiye ububasha rushobora kwanga gutanga amakuru iyo urwego rubifitiye ububasha rwayasabye rudashobora kurinda ibanga ry'ayo makuru uko bikwiye.	(8) The competent authority may refuse to provide information if the requesting competent authority cannot protect the confidentiality of the information effectively.	(8) L'autorité compétente peut refuser de fournir des informations si l'autorité compétente requérante n'est pas en mesure de protéger efficacement ces informations.
(9) Urwego rubifitiye ububasha rushobora gukorera iperereza urwego rwo mu mahanga bihuye inshingano kandi rukarwoherereza amakuru yose rwashoboraga kubona ubwarwo iyo gushaka ayo makuru ruba rwabyikoreye.	(9) The competent authority may conduct inquiries on behalf of a foreign counterpart, and exchange with its foreign counterpart all information that would be obtained by it if such inquiries were being carried out domestically.	(9) L'autorité compétente peut rechercher des informations pour le compte de son homologue étranger et échanger avec son homologue étranger toutes les informations qui pourraient être obtenues si ces demandes étaient effectuées au niveau interne.

<u>Ingingo ya 52: Guhanahana amakuru n'izindi nzego zishinzwe ubutasi ku mari</u> (1) Urwego ruhanahana amakuru akurikira n'izindi nzego zishinzwe ubutasi ku mari hashingiwe ku ihame rya magirirane – (a) amakuru yose Urwego rugomba kubona cyangwa guhabwa Urwego mu buryo butaziguye cyangwa buziguye; (b) n'andi makuru Urwego rufitiye ububasha bwo kubona cyangwa guhabwa, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, imbere mu gihugu. (2) Urwego, rubisabwe n'igihe cyose bishoboka, rugomba kumenyesha urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano ibyerekeranye n'uko rwakoresheje amakuru rwahawe n'ibyavuye mu isesengura ryayo.	<u>Article 52: Exchange of information between financial intelligence units</u> (1) The Centre exchanges the following information with other financial intelligence units subject to the principle of reciprocity – (a) all information required to be accessible or obtainable directly or indirectly by the Centre; (b) any other information which the Centre has the power to obtain or access, directly or indirectly, at the domestic level. (2) The Centre must provide feedback to its foreign counterparts, upon request and whenever possible, on the use of the information obtained, as well as on the outcome of the analysis conducted.	<u>Article 52 : Échange d'informations entre les cellules de renseignement financier</u> (1) Le Centre échange les informations suivantes avec d'autres cellules de renseignement financier sous réserve du principe de réciprocité – (a) toutes les informations devant pouvoir être consultées ou obtenues directement ou indirectement par le Centre ; (b) autres informations que le Centre a le pouvoir de consulter ou d'obtenir, directement ou indirectement, au niveau national. (2) Sur demande et dans la mesure du possible, le Centre doit assurer un retour d'informations vers ses homologues étrangers quant à l'usage des informations obtenues et aux résultats de l'analyse réalisée.
<u>Ingingo ya 53: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zigenzura urwego rw'imari</u> Inzego zigenzura urwego rw'imari uretse izigenzura, zihanahana amakuru hagati yazo,	<u>Article 53: Exchange of information between financial supervisors</u> Financial supervisors exchanging information except self-regulatory bodies must –	<u>Article 53 : Échange d'informations entre autorités de contrôle du secteur financier</u> Les autorités de contrôle du secteur financier qui échangent des informations, sauf les

zigomba – (a) gukorana n’urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano hakurikijwe ibipimo mpuzamahanga bikoreshwa mu bugenzuzi, by’umwihariko ku byerekeranye no guhanahana amakuru ya ngombwa y’ubugenzuzi ajyanye no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry’intwaro za kirimbuze; (b) guhanahana n’inzezo zo mu mahanga bihuje inshingano amakuru y’imbere mu gihugu zifite harimo n’afitwe n’ibigo by’imari hakurikijwe akenewe; (c) gushaka amakuru mu izina ry’urwego rwo mu mahanga bihuje inshingano, kandi igihe bikwiye, zigaha uburenganzira cyangwa zikorohereza inzezo zo mu mahanga bihuje inshingano kwishakira amakuru mu gihugu ubwazo kugira ngo zifashe kugenzura itsinda mu buryo bukwiye;	(a) provide co-operation with their foreign counterparts, consistent with the applicable international standards for supervision, in particular with respect to the exchange of supervisory information related to or relevant for anti-money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction purposes; (b) exchange with foreign counterparts information domestically available to them, including information held by financial institutions, in a manner proportionate to their respective needs; (c) conduct inquiries on behalf of foreign counterparts and, as appropriate, to authorise or facilitate the ability of foreign counterparts to conduct inquiries themselves in the country in order to facilitate effective group supervision;	organismes d’autorégulation, doivent – (a) coopérer avec leurs homologues étrangers, conformément aux normes internationales applicables en matière de contrôle, en particulier en matière d’échange d’informations relatives au contrôle à des fins de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, ou pertinentes à cet égard ; (b) échanger avec leurs homologues étrangers les informations auxquelles elles ont accès au niveau national, notamment des informations détenues par des institutions financières, dans la mesure de leurs besoins respectifs ; (c) rechercher des informations pour le compte de leurs homologues étrangers et, le cas échéant, autoriser leurs homologues étrangers à rechercher eux-mêmes des informations dans le pays, ou les aider à être en mesure de mener cette tâche, de manière à favoriser le contrôle efficace des groupes ;
--	--	--

(d) kubanza guhabwa uburenganzira n'urwego rugenzura urwego rw'imari rwasabwe kugira ngo rutange amakuru yahererekanyijwe cyangwa ruyakoreshe ku mpamvu z'ubugenzuzi n'izitari iz'ubugenzuzi, keretse igihe urwego rugenzura urwego rw'imari rusaba rufite inshingano zishingiye ku mategeko zo gutangaza cyangwa gutanga amakuru. Urwego rugenzura urwego rw'imari rusaba ruhita rumenyesha urwego rwasabwe ibijyanye n'iyi nshingano; (e) guhanahana amakuru n'izindi nzego zigenzura zifite inshingano zihuriyeho ku bigo by'imari bikorera mu itsinda rimwe iyo agenewe gukoreshwa ku mpamvu zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbu, ari mu byiciro bikurikira: (i) amakuru yerekeranye n'ubugenzuzi harimo ajyanye n'uburyo bwo	(d) ensure that they have prior authorisation of the requested financial supervisor for any dissemination of information exchanged, or use of that information for supervisory and non-supervisory purposes, unless the requesting financial supervisor is under a legal obligation to disclose or report the information. The requesting financial supervisor must promptly inform the requested authority of this obligation; (e) exchange the following types of information when relevant for anti-money laundering, countering terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction purposes, with other supervisors that have a shared responsibility for financial institutions operating in the same group: (i) regulatory information, such as information on the domestic	(d) s'assurer qu'ils disposent de l'autorisation préalable de l'autorité de contrôle du secteur financier requise pour toute dissémination des informations échangées ou toute utilisation de ces informations à des fins de contrôle ou à d'autres fins, à moins que l'autorité de contrôle du secteur financier requérante ne soit légalement obligée en vertu de la loi de divulguer ou de communiquer ces informations. L'autorité de contrôle du secteur financier requérante doit informer promptement l'autorité requise de cette obligation ; (e) échanger les types d'informations suivantes, lorsque ces dernières sont pertinentes pour la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, avec d'autres autorités de contrôle concernées partageant une responsabilité commune vis-à-vis des institutions financières qui opèrent au sein du même groupe : (i) les informations réglementaires, telles que les informations sur le
--	--	---

kugenzura bukoreshwa imbere mu gihugu n'amakuru rusange ajyanye n'urwego rw'imari; (ii) amakuru y'ingenzi nk'ayerekeranye n'ibikorwa by'ubucuruzi, nyir'umutungo nyawe, ubuyobozi, ubushobozi no kuzuza ibisabwa by'ikigo cy'imari; (iii) amakuru ajyanye no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi, harimo amakuru yerekeye uburyo bw'imikorere na politiki z'ibigo by'imari, ajyanye n'ubushishozi ku mukiriya, amadosiye y'abakiriya, amakonti mpagararizi n'ibikorwa by'ubucuruzi. <u>Ingingo ya 54: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko</u> Inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko zihanahana amakuru hagati	regulatory system and general information on the financial sectors; (ii) prudential information such as information on the financial institution's business activities, beneficial ownership, management and fitness and properness; (iii) anti-money laundering, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction information, including information related to internal procedures and policies of financial institutions, customer due diligence information, customer files, samples of accounts and transactions. <u>Article 54: Exchange of information between law enforcement authorities</u> Law enforcement authorities exchanging information must –	système national de réglementation et les informations générales sur les secteurs financiers ; (ii) les informations prudentielles telles que les informations sur les activités d'une institution financière, ses bénéficiaires effectifs, sa gestion ainsi que sa compétence et son honorabilité ; (iii) les informations relatives à la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, y compris les informations sur les procédures et politiques internes des institutions financières, sur le devoir de vigilance à l'égard de la clientèle, sur les dossiers clients, sur des échantillons de comptes et sur les opérations. <u>Article 54 : Échange d'informations entre autorités de poursuite pénale</u> Les autorités de poursuite pénale qui échangent des informations doivent –
---	---	--

yazo zigomba – (a) guhanahana amakuru aboneka imbere mu gihugu n'inzego zo mu mahanga bihuje inshingano ku mpamvu z'ubutasi cyangwa iperereza ku byerekeranye n'iyezandonke n'ibyaha by'ibanze bifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kimbuzi, harimo kumenya no gushakisha indonke zikomoka ku cyaha n'ibyakoreshejwe icyaha; (b) gukoresha ububasha bwazo harimo ubwo gukora iperereza hagamijwe gushakira no kubona amakuru mu izina ry'inzego zo mu mahanga bihuje inshingano; (c) no gukora itsinda ry'iperereza rihuriweho hagamijwe ubufatanye mu iperereza, kandi igihe bibaye ngombwa, gukora amasezerano ahuriweho n'impande ebyiri cyangwa nyinshi agamije koroshya iperereza rihuriweho.	(a) exchange domestic available information with their foreign counterparts for intelligence or investigative purposes relating to money laundering and associated predicate offences, terrorist financing or financing of proliferation of weapons of mass destruction, including the identification and tracking of the proceeds of crime and instrumentalities of crime; (b) use their powers, including investigative techniques to conduct inquiries and obtain information on behalf of their foreign counterparts; and (c) form joint investigative teams to conduct cooperative investigations, and, when necessary, establish bilateral or multilateral arrangements to enable joint investigations.	(a) échanger avec leurs homologues étrangers les informations auxquelles elles ont accès au niveau national à des fins de renseignement ou d'enquête dans le cadre d'affaires de blanchiment de capitaux et d'infractions sous-jacentes associées, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive, y compris dans le but d'identifier et de dépister le produit et les instruments du crime ; (b) utiliser leurs pouvoirs, y compris des techniques d'enquête afin de demander et obtenir des informations pour le compte de leurs homologues étrangers ; et (c) constituer des équipes d'enquêtes conjointes afin de mener des enquêtes de manière coopérative et, lorsque cela est nécessaire, établir des accords bilatéraux ou multilatéraux pour autoriser de telles enquêtes conjointes.
---	--	--

<u>Ingingo ya 55: Guhanahana amakuru hagati y'inzego zidahuje inshingano</u> (1) Urwego rubifitiye ububasha ruhanahana amakuru mu buryo buziguye n'urwego rwo mu mahanga bidahuje inshingano hakurikijwe amahame rusange y'ubufatanye avugwa mu ngingo ya 51 y'iri tegeko. (2) Urwego rubifitiye ububasha rusaba amakuru mu buryo buziguye rugomba kugaragaraza impamvu rusaba ayo makuru n'urwego ruyasabira.	<u>Article 55: Exchange of information between non-counterparts</u> (1) The competent authority exchanges information indirectly with a foreign non-counterpart, applying the principles of cooperation provided for under Article 51 of this Law. (2) The competent authority that requests information indirectly must make it clear for what purpose and on whose behalf the request is made.	<u>Article 55 : Échange d'informations entre autorités non homologues</u> (1) L'autorité compétente échange indirectement des informations avec l'autorité non homologue étrangère, en appliquant les principes de coopération visés à l'article 51 de la présente loi. (2) L'autorité compétente qui demandent des informations indirectement doit indiquer précisément dans quel but et pour le compte de qui la demande est formulée.
<u>UMUTWE WA V: IBYAHA N'IBIHANO</u> <u>Ingingo ya 56: Iyezandonke</u> (1) Umuntu ukoze kimwe mu bikorwa by'iyezandonke biteganywa mu ngingo ya 2(v)(i),(ii),(iii)(iv) na (v) cyangwa ugira uruhare mu ishyirahamwe rigamiye gukora kimwe muri byo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsu y'inyaka 10 ariko kitarenze imyaka 15 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri 3 kugeza kuri 5 z'agaciro	<u>CHAPTER V: OFFENCES AND PENALTIES</u> <u>Article 56: Money laundering</u> (1) A person who carries out any of the acts of money laundering provided for under Article 2(v)(i)(ii)(iii)(iv) and (v) of this Law, or who participates in an association with the aim of committing any of those acts, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 10 years but not more than 15 years and a fine of 3 to 5 times the	<u>CHAPITRE V : INFRACTIONS ET PEINES</u> <u>Article 56 : Blanchiment de capitaux</u> (1) Une personne qui se livre à l'un des actes de blanchiment de capitaux visés à l'article 2(v)(i)(ii)(iii)(iv) et (v) de la présente loi ou qui s'affilie à une association dans l'intention de commettre l'un des actes, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement qui n'est pas inférieure à 10 ans mais ne

k'indonke zikomoka ku cyaha yejejwe. (2) Umuntu ukora igikorwa kigamije gufasha undi muntu kubona umugabane ku mafaranga cyangwa undi mutungo byabonetse mu buryo bw'iyezandonke cyangwa ku mafaranga y'umuntu utera inkunga iterabwoba cyangwa ushobora gutera inkunga iterabwoba akoresha uburyo ubwo ari bwo bwose, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka 10 ariko kitarenze imyaka 15.	value of the proceeds of crime laundered. (2) A person who carries out an act aimed at helping another person to receive a share of the funds or other assets obtained through money laundering, or belonging to a person who, by any means, finances or is likely to finance terrorism commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 10 years but not more than 15 years.	dépassant pas 15 ans et d'une amende de 3 à 5 fois la valeur du produit du crime blanchi. (2) Une personne qui se livre à un acte visant à aider une autre personne à recevoir une part de fonds ou d'autres biens obtenus par le biais du blanchiment de capitaux, ou appartenant à une personne qui finance ou est susceptible de financer le terrorisme, par quelque moyen que ce soit, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 10 ans mais ne dépassant pas 15 ans.
<u>Ingingo ya 57:</u> Gutera inkunga iterabwoba (1) Umuntu ukora kimwe mu bikorwa byo gutera inkunga iterabwoba biteganywa mu ngingo ya 2(h)(i),(ii),(iii) na(iv) cyangwa ugira uruhare mu ishyirahamwe rigamije gukora kimwe muri byo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka 20 ariko kitarenze imyaka 25 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri 3 kugeza kuri 5 z'agaciro k'inkunga	<u>Article 57: Terrorist financing</u> (1) A person who carries out any of the acts of terrorist financing provided for under Article 2(h)(i)(ii)(iii) and (iv) of this Law or who participates in an association with the aim of committing any of those acts commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 20 years but not more than 25 years and a fine of 3 to 5 times the value of the financing provided.	<u>Article 57 : Financement du terrorisme</u> (1) Une personne qui se livre à l'un des actes de financement du terrorisme visés à l'article 2(h)(i)(ii)(iii) et (iv) de la présente loi ou qui s'affilie à une association dans l'intention de commettre l'un de ces actes commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 20 ans mais ne dépassant pas 25 ans et d'une amende de 3 à 5 fois

yatanze. (2) Iyo gutera inkunga iterabwoba biteye urupfu, hatangwa igihano cy'igifungo cya burundu. (3) Ibihano biteganywa mu gika cya (1) ni byo bihabwa umuntu ugirana, ukora abizi cyangwa ufite inyungu mu masezerano agamije gutuma haboneka amafaranga, undi mutungo, gutuma hari undi ubona amafaranga cyangwa inkunga, kandi azi cyangwa afite impamvu zikomeye zituma akeka ko bishobora gukoreshwa mu iterabwoba. (4) icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba kiba cyakozwe kabone n'iyi – (a) igikorwa cy'iterabwoba cyaba kitabayeho cyangwa kitageragejwe gukorwa; (b) amafaranga atakoreshejwe mu gukora cyangwa mu kugerageza gukora igikorwa cy'iterabwoba; (c) cyangwa umuntu ukurikiranyweho kuba yarakoze icyo cyaha yaba	(2) When terrorist financing results in death, the penalty is life imprisonment. (3) The penalties provided for under Paragraph (1) of this Article apply to a person who knowingly makes an agreement or has interest in it in order to acquire funds or other assets, or enables another person to acquire funds or support, knowing or having serious grounds to believe that they may be used for terrorist purposes. (4) The offence of terrorist financing is committed even if – (a) a terrorist act does not occur or is not attempted; (b) the funds were not actually used to carry out or attempt to carry out a terrorist act; or (c) the person alleged to have committed the offence is in a	la valeur du financement accordé. (2) Lorsque le financement du terrorisme entraîne la mort, la peine est l'emprisonnement à perpétuité. (3) Les peines visées au paragraphe (1) du présent article s'appliquent à toute personne qui, sciemment, conclut un accord ou y a un intérêt afin d'obtenir des fonds ou autres biens, ou permet à une autre personne d'obtenir des fonds ou du soutien, sachant ou ayant des motifs sérieux de croire qu'ils peuvent être utilisés à des fins terroristes. (4) L'infraction de financement du terrorisme est commise même lorsque– (a) l'acte terroriste ne se produit pas ou n'est pas tenté ; (b) les fonds n'ont pas été effectivement utilisés pour commettre ou tenter de commettre un acte terroriste ; ou (c) la personne présumée avoir commis l'infraction se trouve dans
--	--	---

yaragikoreye mu gihugu kimwe cyangwa mu kindi gihugu kitari icyo we cyangwa umuryango ukora iterabwoba bibarizwamo cyangwa igikorwa cy'iterabwoba cyabereyemo cyangwa kizaberamo.	country which is the same as or different from the country in which the terrorist or terrorist organisation is located or the terrorist act occurred or will occur.	le même pays que, ou dans un pays différent de, celui dans lequel le terroriste ou l'organisation terroriste est situé ou dans lequel l'acte terroriste a eu lieu ou aura lieu.
<u>Ingingo ya 58: Gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi</u>	<u>Article 58: Financing of proliferation of weapons of mass destruction</u>	<u>Article 58 : Financement de la prolifération des armes de destruction massive</u>
(1) Umuntu ukora kimwe mu bikorwa byo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi biteganywa mu ngingo ya 2(g)(i) na (ii) y'iri tegeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 20 ariko kitarenze imyaka 25 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri 5 kugeza ku 10 z'agaciro k'inkunga yatanze. (2) Ibihano bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ni byo bihabwa umuntu ukora abizi cyangwa ufite inyungu mu masezerano agamije gutuma haboneka amafaranga cyangwa undi mutungo cyangwa gutuma hari undi ubona amafaranga cyangwa inkunga, kandi azi cyangwa afite impamvu zikomeye zituma akeka ko bishobora gukoreshwa	(1) A person who carries out any of the acts of financing of proliferation of weapons of mass destruction provided for under Article 2(g)(i) and (ii) of this Law, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 20 years but not more than 25 years and a fine of 5 to 10 times the value of the financing provided. (2) The penalties provided for under Paragraph (1) of this Article apply to a person who, knowingly, enters into an agreement or has interest in it for the purpose of acquiring funds or other assets or enables another person to acquire funds or other assets or support, knowing or having serious grounds to suspect that they may be	(1) Une personne qui se livre à l'un des actes de financement de la prolifération des armes de destruction massive visés à l'article 2(g)(i) et (ii) de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 20 ans mais ne dépassant pas 25 ans et d'une amende de 5 à 10 fois la valeur du financement accordé. (2) Les peines visées au paragraphe (1) du présent article s'appliquent à une personne qui, en connaissance de cause, conclut un accord ou a un intérêt dans celui-ci pour acquérir des fonds ou autres biens ou permet à une autre personne d'acquérir des fonds ou autres biens ou un soutien, sachant ou ayant des motifs sérieux de

mu bikorwa byo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi. <u>Ingingo ya 59:</u> Gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo w'umuntu washyizwe ku rutonde Umuntu uzi cyangwa ufite impamvu zituma amenya ko – (a) amafaranga cyangwa undi mutungo bitunzwe cyangwa bigenzurwa n'umuntu washyizwe ku rutonde; (b) amafaranga cyangwa undi mutungo bitunzwe byose, igice cyabyo, bihuriweho cyangwa bigenzurwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, n'umuntu washyizwe ku rutonde; (c) amafaranga cyangwa undi mutungo bikomoka ku mafaranga cyangwa undi mutungo bitunzwe cyangwa bigenzurwa, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'umuntu washyizwe ku rutonde; (d) cyangwa amafaranga cyangwa undi mutungo ari iby'umuntu ukora mu izina cyangwa uhabwa amabwiriza	used for the financing of the proliferation of weapons of mass destruction. <u>Article 59:</u> Dealing in funds or other assets of a designated person A person who knows or has serious grounds to know that – (a) funds or other assets are owned or controlled by a designated person; (b) funds or other assets are wholly, partly, jointly owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person; (c) funds or other assets are derived from funds or other assets owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person; or (d) funds or other assets of a person acting on behalf of or at the direction of a designated person;	suspecter qu'ils peuvent être utilisés à des fins de financement de la prolifération des armes de destruction massive. <u>Article 59 :</u> Opérations sur les fonds ou autres biens d'une personne désignée Une personne qui sait ou a des motifs sérieux de savoir que – (a) les fonds ou autres biens sont possédés ou contrôlés par une personne désignée ; (b) les fonds ou autres biens sont entièrement, partiellement ou conjointement détenus ou contrôlés, directement ou indirectement, par une personne désignée ; (c) les fonds ou autres biens dérivés des fonds ou autres biens détenus ou contrôlés, directement ou indirectement, par une personne désignée ; ou (d) les fonds ou autres biens d'une personne agissant au nom ou sur les instructions d'une personne désignée ;
--	---	---

n'umuntu washyizwe ku rutonde; kandi agakoresha ayo mafaranga cyangwa undi mutungo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano cy'igifungo kitari muni y'imyaka 3 ariko kitarengeje imyaka 5 n'ihazabu itari muni ya FRW 3.000.000 ariko itarenze FRW 5.000.000. <u>Ingingo va 60: Guha amafaranga cyangwa undi mutungo umuntu washyizwe ku rutonde</u> Umuntu utanga amafaranga cyangwa undi mutungo, serivisi y'imari cyangwa indi serivisi ijyanye na byo, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, abikorera – (a) umuntu washyizwe ku rutonde; (b) ikigo gikora mu izina cyangwa gihabwa amabwiriza n'umuntu washyizwe ku rutonde; (c) cyangwa ikigo gfitwe cyangwa kigenzurwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'umuntu washyizwe ku rutonde; aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko,	and deals with such funds or other assets, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but more than 5 years and a fine of not less than FRW 3,000,000 but not more than FRW 5,000,000. <u>Article 60: Making funds or other assets available to a designated person</u> A person who makes funds or other assets, financial or any other related service available, directly or indirectly, to or for the benefit of – (a) a designated person; (b) an entity acting on behalf or at the direction of a designated person; or (c) an entity owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person; commits an offence. Upon conviction, he or	et traite de ces fonds ou autres biens, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais ne dépassant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW mais ne dépassant pas 5.000.000 FRW. <u>Article 60 : Mettre des fonds ou autres biens à la disposition d'une personne désignée</u> Une personne qui, directement ou indirectement, met des fonds ou autres biens, un service financier ou autre service lié, , à la disposition ou au profit de – (a) une personne désignée ; (b) une entité agissant au nom ou sur les instructions d'une personne désignée ; ou (c) une entité possédée ou contrôlée, directement ou indirectement, par une personne désignée ; commet une infraction. Lorsqu'elle en est
--	---	---

ahanishwa igihano cy'igifungo kitari muni y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu ya FRW 3.000.000 ariko itarenga FRW 5.000.000.	she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 3,000,000 but not more than FRW 5,000,000.	reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais ne dépassant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW mais ne dépassant pas 5.000.000 FRW.
<u>Ingingo ya 61:</u> Gufasha umuntu washyizwe ku rutonde kubona intwaro cyangwa ibindi bikoresho	<u>Article 61:</u> Dealing in arms with a designated person	<u>Article 61 :</u> Réalisation d'opérations sur armes avec une personne désignée
Umuntu ufasha, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, mu gukora, kugemura, kugurisha, kohereza, gutwara, gushyikiriza intwaro cyangwa ibindi bikoresho bijyanye na byo harimo imbunda, amasasu, ibinyabiziga bya gisirikare, ibikoresho bishobora gukoreshwa mu gisirikare n'ibikoresho bibisimbura, no gutanga inama tekini, ubufasha cyangwa imyitozo yerekeye ibikorwa bya gisirikare iyo izo ntware cyangwa ibyo bikoresho bigenewe kugurwa n'umuntu washyizwe ku rutonde, ari we bizagezwaho cyangwa bizashyikirizwa cyangwa byaratumijwe ku busabe bwe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka 10 ariko kitarenze imyaka 15 n'ihazabu itari muni ya FRW 5.000.000 ariko itarenze FRW 10.000.000.	A person who deals directly or indirectly in the manufacture, supply, sale, transfer, carriage or delivery of arms and related equipment, including weapon, ammunition, military vehicles and equipment, paramilitary equipment and their spare parts and provision of technical advice, assistance or training related to military activities if the weapons or other equipment are intended to be imported by a designated person or are to be supplied or delivered to or to the order of a designated person commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 10 years but not more than 15 years and a fine of not less than FRW 5,000,000 but not more than FRW 10,000,000.	Une personne qui, directement ou indirectement, s'engage dans la fabrication, la fourniture, la vente, le transfert, le transport ou la livraison d'armes et de matériels connexes, y compris des armes et des munitions, des véhicules et des équipements militaires, des équipements paramilitaires et de leurs pièces détachées, ainsi que dans la fourniture d'assistance technique ou de formation en rapport avec des activités militaires si les armes ou autres équipements sont destinés à être importés par une personne désignée ou doivent être fournis ou livrés à une personne désignée ou à l'ordre de ce dernier commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 10 ans mais ne dépassant pas 15 ans et d'une amende d'au moins 5.000.000 FRW mais ne dépassant pas 10.000.000 FRW.

<u>Ingingo ya 62: Ibihano bihabwa umuryango ufite ubuzima gatozi</u>	<u>Article 62: Penalties against a legal person</u>	<u>Article 62 : Peines contre une personne morale</u>
(1) Umuryango ufite ubuzima gatozi ukora kimwe mu byaha biteganywa mu ngingo ya 56, iya 57, n'iya 58, uhanishwa ihazabu ingana n'inshuro 10 kugeza kuri 20 z'agaciro k' indonke zikomoka ku cyaha yejeje cyangwa k'inkunga yatanze. (2) Usibye ibihano biteganywa mu gika (1) cy'iyi ngingo, umuryango ufite ubuzima gatozi ushobora kandi guhanishwa igihano kimwe cyangwa byinshi mu bihano bikurikira: (a) guseswa; (b) gufunga burundu ibigo byakorewemo ibikorwa bivugwa cyangwa byakoreshejwe mu gukora ibyo bikorwa; (c) gutangaza icyemezo cy'urukiko mu binyamakuru cyangwa hifashishijwe ubundi buryo bukoreshwa mu bitangazamakuru.	(1) A legal person that commits any of the offences provided for under Articles 56, 57 and 58 of this Law is liable to a fine of 10 to 20 times the value of the proceeds of crime laundered or the value of the financing provided. (2) In addition to the penalties provided for under Paragraph (1) of this Article, a legal person may also be liable to one or more of the following penalties: (a) dissolution; (b) permanent closure of establishments in which incriminated acts have been committed or which have been used to commit such acts; (c) publication of the court decision in a newspaper or through any other means used by the media.	(1) Une personne morale qui commet l'une des infractions prévues aux articles 56, 57 et 58 de la présente loi est passible d'une amende de 10 à 20 fois la valeur du produit du crime blanchi ou du financement accordé. (2) En plus des peines prévues au paragraphe (1) du présent article, une personne morale peut également être passible d'une ou plusieurs des peines suivantes : (a) dissolution ; (b) fermeture définitive des établissements dans lesquels les actes incriminés ont été commis ou qui ont servi à leur commission ; (c) publication de la décision de justice dans un journal ou par tout autre moyen utilisé par des médias.

<u>Ingingo ya 63: Kutubahiriza ibisabwa ku birebana n'amakuru no kubangamira urwego rubifitiye ububasha</u> (1) Ushinzwe gutanga amakuru, ugize inama y'ubuyobozi ye, uri mu bayobozi bakuru be undi mukozi we cyangwa undi muntu – (a) umenyesha undi muntu raporo y'ibikorwa by'ubucuruzi bikemangwa yashyikirijwe Urwego; (b) wangiza cyangwa urigisa ku bushake inyandiko zibitswe; (c) ukora cyangwa ugerageza gukora igikorwa cy'ubucuruzi gisabirwa umwirondoro akoresheje umwirondoro utari wo; (d) wamenye iby'ubutasi ku iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi ku bw'umurimo akora agakoresha uburyo ubwo aribwo bwose aburira umuntu ukorwaho ubutasi;	<u>Article 63: Failure to comply with information requirements and frustrating the competent authority</u> (1) A reporting person, a member of its board of directors, senior manager, other employee or any other person who – (a) reveals to a third party a suspicious transaction report made to the Centre; (b) knowingly destroys records filed or causes them to disappear; (c) performs or attempts to perform under false identification a transaction for which the declaration of identification is prescribed; (d) having been informed, as a result of his or her office or profession, of intelligence related to money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction, informs by all means, the person subject to such intelligence;	<u>Article 63 : Non-respect des exigences en matière d'information et faire obstacle à l'autorité compétente</u> (1) Une personne déclarante, un membre de son conseil d'administration, un de ses cadres supérieurs, un autre employé ou autre personne qui – (a) révèle à un tiers une déclaration d'opération suspecte faite au Centre ; (b) sciemment détruit ou fait disparaître des documents déposés ; (c) effectue ou tente d'effectuer sous une fausse identification une opération pour laquelle la déclaration d'identification est prescrite ; (d) ayant eu, dans le cadre de ses fonctions ou de sa profession, connaissance d'un renseignement concernant le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive, informe, par tous les moyens, la personne qui fait l'objet de ce renseignement;
--	---	---

(e) utangariza urwego rw'ubutabera cyangwa urundi rwego rwa Leta rubifitiye ububasha inyandiko azi ko zituzuye cyangwa zirimo amakosa; (f) urenga ku mategeko abuza guhishura cyangwa kumenyekanisha ibanga ry'amakuru yakusanyijwe; (g) udatanga raporo y'igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa kandi cyatumye hakekwa ko amafaranga cyangwa undi mutungo byaba byaraturutse kuri kimwe mu byaha bifitanye isano n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi; (h) cyangwa ubangamira urwego rubifitiye ububasha igihe rukora ibijyanye n'inshingano cyangwa ububasha ruhabwa n'iri tegeko; aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka 2 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu ya FRW 2.000.000 ariko itarenze FRW 5.000.000.	(e) communicates to the judicial authority or to another competent public authority documents he or she knows to be truncated or erroneous; (f) contravenes the rules that prohibit revealing or communicating the secrecy of information collected; (g) fails to submit a suspicious transaction report, despite the transaction concerned suggesting that the funds or other assets could be derived from one of the offences related to money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction; or (h) frustrates the competent authority in carrying out its responsibilities or exercising its powers under this Law; commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 2 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 2,000,000 but not	(e) communique à l'autorité judiciaire ou à une autre autorité publique compétente des documents, en sachant que ces derniers sont tronqués ou erronés; (f) enfreint les règles interdisant la révélation ou la communication du secret des informations collectées; (g) omet de déclarer une opération suspecte alors que cette dernière fait penser que des fonds ou autres biens pourraient provenir de l'une des infractions liées au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme ou au financement de la prolifération des armes de destruction massive ; ou (h) fait obstacle à l'autorité compétente dans l'accomplissement de ses attributions ou l'exercice de ses pouvoirs que lui confère la présente loi ; commet une infraction. Lorsqu'ils en sont reconnus coupables, ils sont passibles d'une peine d'emprisonnement d'au moins 2 ans mais ne dépassant pas 5 ans et d'une amende
---	--	--

(2) Iyo kimwe mu bikorwa biteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gikozwe n'umuryango ufite ubuzimagatozi, uhanishwa ihazabu ya FRW 10.000.000 ariko itarenze FRW 20.000.000. <u>Ingingo ya 64: Gutegura, kuyobora, gufasha, gushishikariza, korohera no gutanga inama mu gukora ibyaha</u> Umuntu utegura, uyobora, ufasha, ushishikariza, worohereza cyangwa utanga inama mu gukora ibyaha biteganywa mu ngingo ya 56, iya 57, iya 58, iya 59, iya 60 n'iya 61 z'iri tegeko aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ibihano biteganywa n'izo ngingo. <u>Ingingo ya 65: Impamvu nkomezacyaha</u> Ibihano biteganywa mu ngingo ya 56, iya 57, iya 58, iya 59, iya 60 n'iya 61 z'iri tegeko byikuba kabiri iyo – (a) icyaha gikozwe mu rwego rw'igikorwa cy'ubugizi bwa nabi giteguwe;	more than FRW 5,000,000. (2) When a legal person commits any of the acts provided for under Paragraph (1) of this Article, the legal person is liable to a fine of not less than FRW 10,000,000 but not more than FRW 20,000,000. <u>Article 64: Organising, directing, aiding, abetting, facilitating and counselling the commission of an offence</u> A person who organises, directs, aids, abets, facilitates or counsels the commission of the offences provided for under Articles 56, 57, 58, 59, 60 and 61 of this Law commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to the penalties provided for under those Articles. <u>Article 65: Aggravating circumstances</u> The penalties provided for under Articles 56, 57, 58, 59, 60 and 61 of this Law are doubled– (a) if the offence is committed within the framework of an organised criminal activity; or	d'au moins 2.000.000 FRW mais ne dépassant pas 5.000.000 FRW. (2) Lorsqu'une personne morale commet l'un des actes prévus au paragraphe (1), elle est passible d'une amende d'au moins 10.000.000 FRW mais ne dépassant pas 20.000.000 FRW. <u>Article 64 : Organiser, diriger, aider, encourager, faciliter et conseiller la commission d'une infraction</u> Une personne qui organise, dirige, aide, encourage, facilite ou conseille la commission des infractions prévues aux articles 56, 57, 58, 59, 60 et 61 de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible des peines prévues dans ces articles. <u>Article 65 : Circonstances aggravantes</u> Les peines prévues aux articles 56, 57, 58, 59, 60 et 61 de la présente loi sont portées au double – (a) lorsque l'infraction est commise dans le cadre d'une activité criminelle organisée ; ou
---	---	---

(b) cyangwa habayeho isubiracyaha. <u>Ingingo ya 66: Kutubahiriza ibisabwa no kutuzuzwa inshingano</u> (1) Umuntu utubahirije ibijyanye n’ – (a) inshingano y’ushinzwe gutanga amakuru ziteganywa mu ngingo ya 9 agaka ka (a)(b)(c)(d)(e) n’aka(f), iya 10 igika cya (1) n’icya (2), n’iya 11; (b) ingamba z’ubushishozi ku mukiriya biteganywa mu ngingo ya 12 igika cya (1)(2) n’icya (3), iya 13 igika cya (1)(2) n’icya (3), iya 14 igika cya (1)(2) n’icya (3), iya 15 igika cya (1) n’icya (2), iya 16 igika cya (1) n’icya (2), iya 17 igika cya (1) n’icya (2), iya 18 igika cya (1)(2) n’icya (3), iya 19(a)(b) (c) (d) n’aka(e), iya 20, iya 22 igika cya (1)(2)(3)(4) n’icya (5), iya 23 igika cya (2)(3) n’icya (4), iya 24 igika cya (1)(2)(3)(4) n’icya (5), iya 25 igika cya (1) n’icya (2), iya 26 igika cya (1) n’icya (2), iya 27 igika cya (1), iya 28 igika cya (1)(2) n’icya (3) n’iya 31 igika cya (1) n’icya (2);	(b) in case of recidivism. <u>Article 66: Failure to comply with requirements and obligations</u> (1) A person who fails to comply in terms of – (a) the obligations of a reporting person provided for under Articles 9 (a)(b)(c)(d)(e) and (f), 10 (1)(2) and 11; (b) customer due diligence measures provided for under Articles 12(1)(2) and (3); 13(1)(2) and (3); 14(1)(2) and (3); 15(1) and (2); 16(1) and (2), 17(1) and (2); 18 (1)(2) and (3); 19 (a)(b)(c)(d) and (e); 20; 22(1)(2) (3)(4) and (5), 23(2)(3) and (4); 24(1)(2)(3)(4) and (5); 25(1) and (2); 26(1) and (2); 27(1); 28 (1)(2) and (3) and 31(1) and (2);	(b) en cas de récidive. <u>Article 66 : Non-respect des exigences et des obligations</u> (1) Une personne qui omet de se conformer en matière de – (a) obligations d’une personne déclarante prévues aux articles 9(a)(b)(c)(d)(e) and (f), 10(1)(2) et 11; (b) mesures en matière de devoir de vigilance à l’égard de la clientèle prévues aux articles 12(1)(2) et (3); 13(1)(2) et (3) 14(1)(2) et (3); 15(1) et (2); 16(1) et (2), 17(1) et (2), 18(1)(2) et (3), 19(a)(b)(c)(d) et (e); 20; 22(1)(2) (3)(4) et (5), 23(2)(3) et (4); 24(1)(2)(3)(4) et (5); 25(1) et (2); 26(1) et (2); 27(1); 28(1)(2) et (3) et 31(1) et (2);
--	---	--

(c) igenzura ry'imbere mu ngingo ya 29 agaka ka (a)(b) n'aka (c), iya 30 igika cya (1)(2)(3) n'icya (4); (d) raporo biteganywa mu ngingo ya 21 igika cya (1)(2)(3) n'icya (4), iya 32 igika cya (1) n'icya (2), iya 33 igika cya (1); (e) ibitemerewe gukora biteganywa mu ngingo ya 34 igika cya (1)(2)(3) n'icya (4); (f) n'ibisabwa ku Muryango udaharanira inyungu biteganywa mu ngingo ya 45 agaka ka (a)(b)(c)(d)(e) n'aka (f), z'iri tegeko aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igihano cy'igifungo kitari muni y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 3 cyangwa cy'ihazabu itari muni ya FRW 1.000.000 ariko itarenze FRW 5.000.000. (2) Iyo kimwe mu bikorwa biteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gikozwe n'umuryango ufite ubuzimagatozi, uhanishwa ihazabu itari muni ya FRW 5.000.000 ariko itarenze FRW 20.000.000.	(c) internal controls provided for under Articles 29(a)(b) and (c) and 30 (1)(2)(3)and(4); (d) reports provided for under Articles 21(1)(2)(3) and (4), 32(1) and (2) and 33(1); (e) prohibitions provided for under Article 34(1)(2)(3) and (4); (f) requirements for a non-profit organisation provided for under Article 45(a)(b)(c)(d)(e) and (f), of this Law, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 1 year but not more than 3 years or a fine of not less than FRW 1,000,000 but not more than FRW 5,000,000. (2) When a legal person commits any of the acts provided for under Paragraph (1) of this Article, the legal person is liable to a fine of not less than FRW 5,000,000 but not more than FRW 20,000,000.	(c) contrôles internes visés aux articles 29(a)(b) et (c) et 30(1)(2)(3) et (4); (d) déclarations prévues aux articles 21(1)(2)(3) et (4), 32(1) et (2)et 33(1); (e) interdictions prévues à l'article 34(1)(2)(3) et (4); (f) exigences applicables à un organisme à but non lucratif prévues à l'article 45(a)(b)(c)(d)(e) et (f), de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 1 an mais ne dépassant 3 ans ou d'une amende d'au moins 1.000.000 FRW mais ne dépassant pas 5.000.000 FRW. (2) Lorsqu'une personne morale commet l'un des actes prévus au paragraphe (1) du présent article, elle est passible d'une amende d'au moins 5.000.000 FRW mais ne dépassant pas 20.000.000 FRW.
--	---	---

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE	CHAPTER VI: MISCELLANEOUS PROVISIONS	CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES
<u>Ingingo ya 67:</u> Ibihano byo mu rwego rw'imari byagenwe Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigenga Komite y'Igihugu ishinze kurwanya iterabwoba rigena inshingano z'iyi Komite ku byerekeranye n'ibihano byo mu rwego rw'imari byagenwe byerekeye gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi. <u>Ingingo ya 68:</u> Ubunyagwe (1) Iyo uregwa ahamwe n'icyaha giteganywa n'iri tegeko, urukiko rutegeka ko habaho ubunyagwe bw'imitungo ikurikira ifitwe n'uregwa cyangwa n'undi muntu, keretse iyo undi muntu agaragaje ko yayibonye mu buryo nyabwo: (a) amafaranga cyangwa undi mutungo byejwe; (b) indonke zikomoka ku cyaha cyangwa inyungu zikomoka kuri izo ndonke;	<u>Article 67:</u> Targeted financial sanctions A Prime Minister's Order governing the National Counter-terrorism Committee determines the Committee's responsibilities in relation to targeted financial sanctions related to terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction. <u>Article 68:</u> Confiscation (1) If an accused is convicted of an offence under this Law, the court orders the confiscation of the following funds or other assets held by the accused or by a third party, unless the third party demonstrates that he or she acquired them in good faith: (a) funds or other assets laundered; (b) proceeds of crime or benefits derived from such proceeds;	<u>Article 67 :</u> Sanctions financières ciblées Un arrêté du Premier Ministre régissant le Comité national de lutte contre le terrorisme détermine les attributions de ce Comité en ce qui concerne les sanctions financières ciblées liées au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive. <u>Article 68 :</u> Confiscation (1) En cas de condamnation d'un accusé pour une infraction prévue par la présente loi, la juridiction ordonne la confiscation des fonds ou autres biens suivants détenus par l'accusé ou par un tiers, à moins que le tiers n'établisse qu'il les a acquis de bonne foi : (a) fonds ou autres biens blanchis; (b) produit du crime ou avantages tirés de ce produit ;

(c) ibyakoreshejwe icyaha cyangwa ibyari biteganyijwe gukoreshwa mu gukora icyaha cy'iyezandonke cyangwa icyaha cy'ibanze; (d) indonke zikomoka ku cyaha zakoreshejwe cyangwa zagenwe gukoreshwa mu gutera inkunga iterabwoba, ibikorwa by'iterabwoba cyangwa imiryango ikora iterabwoba; cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; (e) umutungo ufite agaciro nk'ak'umutungo uvugwa mu duce twa (a), (b), (c) na (d) tw'iki gika. (2) icyemezo cyo kunyaga umutungo kigaragaza amafaranga cyangwa undi mutungo birebwa n'icyo cyemezo n'amakuru arambuye ajyanye n'ibiwuranga ndetse n'aho uherereye. (3) Urukiko rutegeka ko umutungo ukomoka ku cyaha n'umutungo ufite agaciro kangana na wo unyagwa iyo	(c) instrumentalities used or intended for use in, money laundering or predicate offences; (d) the proceeds of crime used or intended to be used to finance terrorism, terrorist acts or terrorist organizations, or to finance the proliferation of weapons of mass destruction; (e) property the value of which corresponds to the property provided for under Subparagraphs (a), (b), (c) and (d) of this Paragraph. (2) The confiscation decision indicates the funds or other assets concerned and the details necessary for their identification and location. (3) The court must order the confiscation of criminal property and property of corresponding value after a person has	(c) instruments utilisés ou destinés à être utilisés pour la commission d'une infraction de blanchiment de capitaux ou d'une infraction sous-jacente ; (d) produit du crime utilisé ou destiné à être pour financer le terrorisme, les actes terroristes ou les organisations terroristes, ou la prolifération des armes de destruction massive ; (e) biens d'une valeur correspondant à celle des biens visés aux alinéas (a), (b), (c) et (d) du présent paragraphe. (2) La décision de confiscation indique les fonds ou autres biens concernés et les détails nécessaires à leur identification et à leur localisation. (3) La juridiction doit ordonner la confiscation des biens d'origine criminelle et des biens d'une valeur
--	---	--

nyirawo ahamwe n'icyaha.	been convicted.	correspondante après la condamnation d'une personne.
(4) Ubunyagwe bugera no ku wundi mutungo w'uwahamwe n'icyaha cy'iyezandonke, icyaha cy'ibanze cyangwa gutera inkunga iterabwoba iyo urukiko rusanze uwo mutungo ukomoka ku cyaha.	(4) The confiscation must be extended to other property of a person convicted of money laundering, predicate offence, or terrorist financing where the court is satisfied that such property is derived from criminal conduct.	(4) La confiscation doit être étendue à d'autres biens d'une personne condamnée pour blanchiment de capitaux, infraction sous-jacente ou financement du terrorisme lorsque la juridiction est convaincue que ces biens proviennent d'une activité criminelle.
(5) Urukiko rwemera ubunyagwe bw'umutungo ukomoka ku cyaha bitabaye ngombwa ko habaho guhamwa n'icyaha, ku cyaha cy'iyezandonke, icyaha cy'ibanze cyangwa gutera inkunga iterabwoba.	(5) The court must enable the confiscation of criminal property without requiring a criminal conviction, in relation to a case involving money laundering, predicate offence or terrorist financing.	(5) La juridiction doit permettre la confiscation de biens d'origine criminelle sans exiger de condamnation pénale dans le cadre d'une affaire de blanchiment de capitaux, d'infraction sous-jacente ou de financement du terrorisme.
(6) Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo gikuraho ihagarika cyangwa ifatira.	(6) The competent court may issue an order to lift the freezing or seizure.	(6) La juridiction compétente peut rendre une ordonnance de levée du gel ou de la saisie.
(7) Urwego rubifitiye ububasha n'ubuyobozi bw'imisoro bagirana imikoranire, iyo bibaye ngombwa, bagahuza ibikorwa kandi bagahanahana amakuru imbere mu gihugu hagamijwe kunoza ibikorwa byo kugaruza umutungo no gufatanya mu gikorwa cyo	(7) The competent authority and tax authority must cooperate and, where appropriate, coordinate and share information domestically with a view to enhancing asset recovery efforts and supporting the identification of criminal property.	(7) L'autorité compétente et l'autorité fiscale doivent coopérer et, le cas échéant, coordonner et échanger des informations au niveau national en vue d'améliorer les efforts de recouvrement des biens et de soutenir l'identification des biens d'origine criminelle.

kugaragaza umutungo ukomoka ku cyaha. (8) Urwego rubifitiye ububasha rushyiraho uburyo bwo gucunga, kubungabunga no kwikuraho iyo bibaye ngombwa umutungo wahagaritswe, wafatiriwe cyangwa wanyazwe, harimo kugurisha imitungo mbere yo kuwunyaga. (9) Urwego rubifitiye ububasha ruhabwa ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa icyemezo cy'ubunyagwe kugira ngo hagaruzwe umutungo cyangwa agaciro kangana na wo, biganisha ku kwambura burundu umutungo cyangwa agaciro gahwanye na wo kari mu cyemezo cy'ubunyagwe. (10) Urwego rubifitiye ububasha rushyiraho uburyo bwo – (a) gusubiza umutungo wanyazwe abari ba nyirawo; (b) no gukoresha umutungo wanyazwe mu gutanga indishyi ku bagizweho ingaruka n'icyaha.	(8) The competent authority must establish mechanisms for managing, preserving and, when necessary, disposing of, frozen, seized, or confiscated property, including, where appropriate, the pre-confiscation sale of property. (9) The competent authority must be enabled to enforce a confiscation order and realise the property or corresponding value subject to the confiscation order, leading to the permanent deprivation of the property or corresponding value subject to the order. (10) The competent authority must have mechanisms to – (a) return confiscated property to its prior legitimate owners; and (b) use confiscated property to compensate victims of crime.	(8) L'autorité compétente doit mettre en place des mécanismes efficaces pour gérer, préserver et, le cas échéant, aliéner les biens gelés, saisis ou confisqués, y compris, le cas échéant, la vente des biens avant confiscation. (9) L'autorité compétente doit disposer de mesures lui permettant d'exécuter une décision de confiscation et de recouvrer le bien ou la valeur correspondante faisant l'objet de la décision de confiscation, ce qui conduit à la privation permanente du bien ou de la valeur correspondante faisant l'objet de la décision. (10) L'autorité compétente doit disposer de mécanismes permettant – (a) de restituer les biens confisqués à leurs propriétaires légitimes antérieurs ; et (b) d'utiliser les biens confisqués pour indemniser les victimes du crime.
---	---	--

<u>Ingingo ya 69: Ukudasaza</u> Ibyaha by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ntibisaza. <u>Ingingo ya 70: Ikimenyetso cy'ubushake bwo gukora icyaha</u> Kumenya, gushaka cyangwa kugambirira bisabwa mu bigize icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi bishobora kugaragazwa hashingiwe ku bimenyetso bicukumbuye bishingiye ku kintu kizwi kugira ngo hagaragazwe ikitazwi. <u>Ingingo ya 71: Kutabanza guhamwa n'icyaha cy'ibanze</u> Mu gukurikirana icyaha cy'iyezandonke, si ngombwa ko uregwa abanza guhamwa n'icyaha cy'ibanze.	<u>Article 69: Non-applicability of statutory limitations</u> The offences of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction are not subject to statutory limitations. <u>Article 70: Evidence of criminal intent</u> Knowledge, intent or purpose required to prove the offence of money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction may be inferred from objective factual circumstances to discern an unknown fact. <u>Article 71: Non-requirement of prior conviction of predicate offence</u> A suspect does not need to be first convicted of a predicate offence to be prosecuted for the offence of money laundering.	<u>Article 69 : Imprescriptibilité</u> Les infractions de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive sont imprescriptibles. <u>Article 70 : Preuve de l'intention criminelle</u> La connaissance, l'intention ou le but requis pour prouver l'infraction de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive peuvent être déduits de circonstances factuelles objectives pour discerner un fait inconnu. <u>Article 71: Non-exigence d'une condamnation antérieure pour infraction sous-jacente</u> Les poursuites pour une infraction de blanchiment de capitaux sont possibles en l'absence de condamnation préalable du suspect pour une infraction sous-jacente.
--	--	---

<u>Ingingo ya 72:</u> Kohereza ukurikiranyweho icyaha mu gihugu cyamusabye Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko yerekeye kohereza ukurikiranyweho icyaha mu gihugu cyamusabye, icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi ni ibyaha bituma ubikurikiranyweho yoherezwa mu gihugu cyamusabye. <u>Ingingo ya 73:</u> Igihe cyo gutanga amakuru yasabwe Inzego bireba zitanga ako kanya amakuru zasabwe n'Urwego, ajyanye n'amafaranga cyangwa undi mutungo by'umuntu ku giti cy'e cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi bikekwaho icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi. <u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 74:</u> Ingingo y'ururimi Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa	<u>Article 72:</u> Extradition Without prejudice to the provisions of other laws on extradition, the offences of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction are extraditable. <u>Article 73:</u> Time limit for the provision of the information requested The relevant authorities immediately provide the information requested by the Centre in relation to the funds or other assets of a natural or legal person suspected of money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction. <u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 74:</u> Language provision This Law was drafted in English, considered, and adopted in Ikinyarwanda.	<u>Article 72 :</u> Extradition Sans préjudice des dispositions d'autres lois relatives à l'extradition, les infractions de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive donnent lieu à l'extradition. <u>Article 73 :</u> Délai de transmission des informations demandées Les autorités concernées transmettent immédiatement les informations demandées par le Centre concernant les fonds ou autres biens d'une personne physique ou morale soupçonnée de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme ou de financement de la prolifération des armes de destruction massive. <u>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 74 :</u> Disposition linguistique La présente loi a été rédigée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
--	---	---

mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 75: Ingingo ivanaho</u> Itegeko n° 028/2023 ryo ku wa 19/05/2023 ryerekeye gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi rivanyweho. <u>Ingingo ya 76: Ingingo izigama</u> Ingingo ya 27 y'Itegeko n° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi nk'uko ryahinduwe, irazigamwe. <u>Ingingo ya 77: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 75: Repealing provision</u> Law n° 028/2023 of 19/05/2023 on the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction is repealed. <u>Article 76: Saving provision</u> Article 27 of Law n° 75/2019 of 29/01/2020 on the prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction as amended is saved. <u>Article 77: Entry into force</u> This Law enters into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 75 : Disposition abrogatoire</u> La Loi n° 028/2023 du 19/05/2023 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive est abrogée. <u>Article 76 : Disposition de sauvegarde</u> L'article 27 de la Loi n° 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive telle que modifiée est sauvegardé. <u>Article 77 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
---	--	--

Kigali, 22/01/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w’Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux